

UWIZERA YESU NTAZAKORWA N'ISONI !




Urukundo rwa Yesu Kristo

*Yesu arababwira ati:
"Nimunkurikire, nzabagira abarobyi b'abantu". Matayo 4:19*

Umuntu wese azakizwa no kwizera kwe.

COLLECTION

Nsaf 2003



Tiré sur les presses de l'Imprimerie **Printer Set**

1ère édition
5000 exemplaires

**UWIZERA YESU
NTAZAKORWA N'ISONI.**


0727082044 A

ABALOMA 13:11

IBIRIMO

	Iby'ibanze 1-6.....	3
1.	Uwizera Yesu, ntazakorwa n'isoni 1.....	15
2.	Uwizera Yesu, ntazakorwa n'isoni 2.....	16
3.	Uwizera Yesu, ntazakorwa n'isoni 3.....	19
4.	Bibliya Yera, ni ubutunzi bwinshi twaherewe ubuntu.....	22
5.	Uwizera Yesu, ntazakorwa n'isoni 4.....	30
6.	Uwizera Yesu, ntazakorwa n'isoni 5.....	33
7.	Uwizera Yesu, ntazakorwa n'isoni 6.....	37
8.	Uwizera Yesu, ntazakorwa n'isoni 7.....	43
9.	Uwizera Yesu, ntazakorwa n'isoni 8.....	51
10.	Kora ugifite uburyo : kuko utazabuhorana !.....	55
11.	Ukunda mugenzi wawe nkuko wikunda 1.....	58
12.	Kora bigishoboka ! Kora bugiye kwira !.....	60
13.	Uwizera Yesu, ntazakorwa n'isoni 9..	61
14.	Ukunda mugenzi wawe nkuko wikunda 2.....	63
15.	Ukunda mugenzi wawe nkuko wikunda 3.....	66
16.	Uwizera Yesu, ntazakorwa n'isoni 10.....	67

17.	Abakurikiye Yesu bizatumarira iki ?.....	73
18.	Uwizera Yesu, ntazakorwa n'isoni 11.....	75
19.	Mube mwiteguye !.....	80
20.	Muyikoreze imitwaro yanyu, kuko yita kuri mwe...	82
21.	Uwiteka niwe Mwungeri wanjye, sinzakena !.....	88
22.	Uwizera Yesu, ntazakorwa n'isoni 12.....	90
23.	Uwizera Yesu, ntazakorwa n'isoni 13.....	96
24.	Uwizera Yesu, ntazakorwa n'isoni 14.....	100
25.	Ubwishingizi nyakuri bw'ubuzima bw'umuntu.....	109
26.	Ubuhendabana bwa Satani buraryoha ! Ariko... ..	114
27.	Nta gihe dufite cyo gupfusha ubusa !.....	119
28.	Bibwire Yesu !.....	122
29.	Ntukihebe Imana izakurinda.....	125
30.	Hari icyo ureba ?.....	130
31.	Urakora iki hano ?.....	134
32.	Kwizera bijyana no kwiringira. Wizera nde ? Wiringira nde ?.....	141
33.	Ntakinanira Imana !.....	144



Yesu azura umwana wa Yairo

IBY'IBANZE

1. YESU AZURA UMWANA WA YAIRO

" Yesu akigaruka abantu baramwakira, kuko bose bari bamutegereje. Nuko haza umuntu witwa Yairo, umutware w'Isinagogi: araza, yikubita imbere y'ibirenge bya Yesu, aramwinginga ngo aze iwe, kuko yari afite umukobwa w'ikinege, wari umaze imyaka nka cumi n'ibiri avutse, kandi yari agiye gupfa.

Nuko akivuga, haza umuntu uvuye mu nzu ya wa mutware w'Isinagogi, ati: umukobwa wawe arapfuye, wikwirirwa urushya umwigisha. Ariko Yesu abyumvise aramusubiza ati: witinya, izere gusa, arakira. Ageze mu muryango w'inzu, ntiyagira undi muntu akundira kwinjirana nawe, keretse Petero na Yohana na Yakobo, na se w'umukobwa na nyina. Asanga bose barira, bamuborogera. Arababwira ati: Mwirira; ntapfuye ahubwo arasinziriye. Baramuseka cyane, kuko bari bazi ko yapfuye. Amufata ukuboko, avuga cyane, ati: Mukobwa, byuka! Umwuka we uragaruka, uwo mwanya arahaguruka; Yesu abategeka ko bamufungurira. Ababyeyi be baratangara cyane; ariko arabihanangiriza ngo batagira uwo babwira ibyabaye". *Luka 8:40-42, 49-56.*

UWIZERA YESU, NTAZAKORWA N'ISONI!

ZIRIKANA: KWIZERA: (Tanga ibisubizo)

Q: Kuki Yairo yibwiraga ko Yesu abasha kumukiriza umwana we?

Q: Mbese uyu Yayiro yizeraga Yesu by'ukuri?

Q: Kuki Yesu atemereye benshi kwinjirana nawe mu nzu?

Q: Kuki Yesu yavuze ko umwana atapfuye, kandi yari yapfuye?

Q: Kuki Yesu yinjiranye mu nzu na Petero, Yohana na Yakobo na nyina na se b'umwana?

Q: Kuki Yesu yabihanangiriye ngo be kuvuga ibyabaye?



Yesu akiza ikirema gihetswe n'abantu bane

2. YESU AKIZA IKIREMA GIHETSWE N'ABANTU BANE

" Nuko hahise iminsi asubira i Kaperinawumu, bimenyekana yuko ari mu nzu. Bateranira aho: buzura inzu, barenga no ku muryango. Nuko ababwira ijambo ry'Imana. Haza abantu bane bahetse ikirema; ariko babuze uko bakimwegereza, kuko abantu bahuzuye; basambura hejuru y'inzu, aharinganiye n'aho ari: bamaze kuhapfumura, bamanuriramo ingobyi ihetswemo icyo kirema.

Yesu abonye kwizera kwabo, abwira ikirema ati: Mwana wanjye, ibyaha byawe urabibabariwe. Ariko hariho abanditsi bamwe bicayemo, biburanya mu mitima yabo bati: Ni iki gitumye uyu mugabo avuga atyo? Arigereranije: Ni nde ushobora kubabarira ibyaha, keretse Imana yonyine? Uwo mwanya Yesu amenya mu mutima we yuko biburanya batyo mu mitima yabo, arababaza ati: Ni iki gitumye mwiburanya mutyo mu mitima yanyu? icyoroshye ni ikihe, ni ukubwira ikirema nti, ibyaha byawe urababibabariwe; cyangwa ni ukumubwira nti, byuka, wikorere uburiri bwawe, utahe?

Ariko mumenye yuko umwana w'umuntu afite ubutware mu isi bwo kubabarira abantu ibyaha. Nuko abwira icyo kirema ati: ndagutegetse, byuka, wikorere ingobyi yawe utahe. Arabyuka, yikorera ingobyi uwo mwanya, asohokera imbere yabo: nuko bose baratangara, bahimbaza Imana, baravuga bati: Bene ibi ntabwo twigeze kubibona". *Mariko 2:1-12.*

UWIZERA YESU, NTAZAKORWA N'ISONI!

ZIRIKANA: KWIZERA (Tanga ibisubizo)

Q: Kuki abahetsi bari bahetse ikimuga basanze ari ngombwa gusambura inzu aharinganiye n'aho Yesu ari?

Q: Kuki bamanuriye ingobyi y'icyo kirema imbere ya Yesu?

Q: Kuki abo bantu batategereje igihe Yesu ari busohokere, ahubwo bagahita basambura inzu y'abandi batabyemerewe na nyirayo?

Q: kuki nyir'inzu ntacyo yabavuzeho kandi basambuye inzu ye?

Q: Kuki Yesu atabacyahiye kuba basambuye inzu y'abandi?

Q: Kuki Yesu yabanje kubabarira ikirema ibyaha byacyo mbere yo kumukiza?

**YESU AKIZA UMUGORE WARI UMAZE IMYAKA 12
ARI MU MUGONGO**



Mwana wanjye, kwizera kwawe kuragukijije!

3. YESU AKIZA UMUGORE WARI UMAZE IMYAKA 12 ARI MU MUGONGO

Nuko hari umugore wari uri mu mugongo, wari ubimaranye imyaka cumi n'ibiri, ababazwa n'abavuzi cyane, benshi bagerazeza kumukiza, bamumarishije ibintu bye byose abita-ngamo ingemu, ariko ntibagire icyo bamumarira, ahubwo arushaho kurwara. Yumvise ibya Yesu, araza, aca mu bantu, amuturuka inyuma, akora ku mwenda we; kuko yibwiye ati: Ninkora ku myenda ye gusa, ndakira. Uwo mwanya isoko y'amaraso irakama, amenya mu mubiri we ko akize cya cyago. Yesu nawe yiyumvamo ubushobozi bumugabanutsemo, ahindukira abyigana n'abantu, arabaza ati: Ninde ukoze ku mwenda wanjye? Abigishwa be baramusubiza bati: Ese ye, abantu barakubyiga, nawe ukagira ngo, Ninde ugukozeho? Araranganya amaso, agira ngo abone umukozeho. Uwo mugore aratinya, ahinda umushyitsi, kuko azi ikimubayeho; araza amwikubita imbere, amubwira iby'ukuri byose. Aramubwira ati: Mwana wanjye kwizera kwawe kuragukijije, wigendere amahoro, ukire rwose icyago cyawe".

Mariko 5:25-34.

UWIZERA YESU, NTAZAKORWA N'ISONI!

ZIRIKANA: KWIZERA: (Tanga ibisubizo)

Q : Kuki Yesu yamenye ko hari umukozeho kandi yari mu mubyigano ?

Q : Kuki hari abantu benshi bamukozeho, ariko Yesu ntabimenye ?

Q : Kuki uwo mugore yakoze ku mwenda wa Yesu, maze Yesu akumwa ko akozweho ?

Q : Mbese gukora ku mwenda wa Yesu nibyo byakijije uwo mugore uburwayi bwe? Kuki se, abandi bamukoragaho Yesu ntabimenye?

Q : Mbese aho hari abandi babyiganiraga gukora kuri Yesu ?

Q : Kuki uyu mugore atagiye imbere ya Yesu, ngo amupfukamire,
ahubwo agahitamo kumukoraho ku mwenda we?
UWIZERA YESU, NTAZAKORWA N'ISONI!

*** *** *** *** *** ***

4. YESU ATURISHA INKUBI Y'UMUYAGA MU NYANJA.



"Kuri uwo muni bugorobye, arababwira ati: twambuke tujye hakurya. Basiga abantu, bamujyana mu bwato yahozemo, kandi hari n'andi mato hamwe na bwo. Nuko ishuhari y'umuyaga iraza, umuraba wisuka mu bwato, bigeza aho byenda kurengerwa. Yesu yari asinziriye, aryamye ibwerekeza, yiseguye umusego. Baramukangura, baramubaza bati: Mwigisha, ntubyitaye ho ko tugiye gupfa? Akangutse acyaha

umuyaga, abwira inyanja ati: ceceka utuze. Umuyaga uratuza, inyanja iratungana rwose. Arababaza ati: ni iki kibateye ubwoba, ntumurizera? Baratinya cyane, baravugana bati: Mbega uyu ni muntu ki, utuma umuyaga n'inyanja bimwumvira"? *Mariko 4:35-41.*

UWIZERA YESU, NTAZAKORWA N'ISONI!

ZIRIKANA: KWIZERA: (Tanga ibisubizo)

Q: Kuki ishuhari y'umuyaga yaje mu nyanja igihe Yesu yari mu bwato, asinziriye?

Q: Kuki abigishwa batinye cyane umuraba n'umuyaga w'ishuheri ku buryo bibagirwa ko bari kumwe n'umuremyi wa byose muri ubwo bwato?

Q: Kuki bumvise ko ubwato bwabo bugiye kurohama bose bagapfiramo kandi Yesu wari kumwe nabo ari we waremye byose?

Q : Kuki Yesu yategetse inyanja n'umuyaga gutuza bikamwumvir a?


Q: Kuki abigishwa ba Yesu batinye cyane, babonye ko Yesu ategutse umuyaga n'inyanja yihinduriye bigatuza?

*** *** *** *** *** ***

5. YESU AZURA LAZARO (Yohana 11 :1-44)

"Hariho umuntu wari urwaye witwaga Lazaro w'i Betania, ikirorero cy'i wabo wa Mariya na Marita mwene se. Marita uwo niwe wasize umwami Yesu amavuta ku birenge akabihanaguza umusatsi we; musaza w'uwo ni Lazaro, wa wundi wari urwaye. Yesu abyumvise aravuga ati: iyo ndwara si iyo kumwica, ahubwo ni iyo guhimbarisha Imana, no gutuma umwana w'Imana ahimbazwa... Avuze atyo, aherako arababwira ati: Incuti yacu "Lazaro irasinziriye": ariko ngiye kumukangura. Abigishwa baramubwira bati: Data buja, niba asinziriye azakira. Nyamara Yesu yavugaga iby'urupfu rwa Lazaro, ariko bo batekereza yuko avuze gusinzira kw'ibitotsi. Yesu niko kuberurira ati: "Lazaro yarapfuye".

Yesu agezeyo, asanga Lazaro amaze iminsi ine mu gituro... Nuko abayuda benshi bari baje kwa Marita na Mariya kubahumuriza, kuko musaza wabo yari apfuye.... Marita abwira Yesu ati: Data-buja iyaba wari hano, musaza wanjye ntaba yarapfuye. "Kandi n'ubu nzi yuko ibyo usabye Imana byose, Imana izabiguha". Yesu arasubiza ati: Musaza wawe azazuka. Marita aramubwira ati: nzi yuko azazuka ku muzuko wo ku muni w'impe-ruka. Yesu aramubwira ati :**"NI NJYE KUZUKA N'UBUGINGO;**



Yesu azura Lazaro amaze iminsi 4 mu gituro

UNYIZERA, NAHO YABA YARAPFUYE, AZABAHO".... Arababaza ati: Mbese mwamushyize he? Data-buja, ngwino urebe. Ariko bamwe muri bo baravugaga bati: Uyu ko ahumura impumyi, ntaba yarabashije kubuza n'uyu ntapfe? Yesu yongera gusuhuza umutima, agera ku gituro. Cyari isenga, ishyizweho igitare ku munwa.

Yesu arababwira ati: Nimukureho igitare. Marita, mushiki w'uwapfuye, aramubwira ati: Data-buja, none aranuka, kuko amaze iminsi ine. Yesu arararama, aravuga ati: Data, ndagushimiye kuko unyumvise. Ubwanjye nari nzi yuko unyumva iteka: ariko mbivugiye ku bw'abantu bangose, ngo bizere y'uko ari wowe wantumye. Amaze kuvuga ibyo, arangurura ijwi riranga ati: "LAZARO, SOHOKA". Uwari upfuye arasohoka, azingazingiwe mu myenda amaguru n'amaboko, n'igitambaro gipfutse mu maso he. " Yesu arababwira ati : Nimumuhambure, mumureke agende ".
UWIZERA YESU, NTAZAKORWA N'ISONI!

ZIRIKANA: KWIZERA: (Tanga ibisubizo)

Q: Mbese iyo umuntu apfuye ajya he? Ni mu ijuru, cyangwa ni mu gituro?

Q: Niba upfuye ajya mu ijuru nk'uko amadini abyigisha, Lazaro yazuwe aturutse he?

Q: Kuki Lazaro atapfuye ngo ajyanwe mu ijuru, kandi yari inshuti y'umwami Yesu?

Q: Kuki Lazaro atasanze yaraboze kandi yari amaze iminsi ine mu gituro, aho yazuwe aturutse?

Q: Kuki Yesu yavuze ati: Ninjye kuzuka n'ubugingo; unyizera n'aho yaba yarapfuye azabaho?

*** *** *** *** ***

6. YESU AKIZA UMUGARAGU W'UMUTWARE W'ABASIRIKARE

"Agera i Kaperinawumu, haza umutware utwara umutwe w'abasirikare, aramwinginga ati: Mwami, umugaragu wanjye araryanye mu nzu, yararemeye, arababaye cyane. Aramubwira ati: Ndaza, mukize. Umutware w'abasirikare aramusubiza ati: "Mwami, ntibinkwiriye yuko winjira mu nzu yanjye; ahubwo tegeka gusa, nuko umugaragu wanjye arakira". Kuko nanjye ndi umuntu utwara abandi, mfite abasirikare ntwara. Iyo mbwiye umwe nti: genda, aragenda; nabwira undi nti, ngwino, akaza; nabwira umugaragu kora iki, akagikora," Yesu abyumvise arata-ngara", abwira abamukurikiye ati: ndababwira ukuri yuko ntabwo nari nabona kwizera kungana gutya, haba no mu Bisiraeli.

Ndababwira yuko benshi bazaturuka iburasirazuba n'iburengerazuba, bakicarana na Abrahamu na Isaka na Yakobo mu bwami bwo mu ijuru : ariko abana bo muri burya bwami bazirukanirwa mu mwijima hanze : niho bazaririra bakahahekenyera amenyo. Yesu abwira uwo mutware ati : "Nuko genda, bikubere nk'uko wizeye". Umugaragu we akira uwo mwanya". *Matayo 8 :5-3.*

UWIZERA YESU, NTAZAKORWA N'ISONI!

ZIRIKANA: KWIZERA (Tanga ibisubizo) nk'abandi

Q: Kuki uyu mutware w'abasirikare yabwiye Yesu ati :
ntibikwiriye yuko winjira mu nzu yanjye? Ese, yari atuye mu
nzu mbi ? Ese, kwari ukumwubaha cyangwa kumutinya ?

Q: Kuki uyu mutware w'abasirikare yumvise ko Yesu nategeka
gusa, umugaragu we arakira? Ese, hari undi yigeze abona
ategeka bikaba?

Q: Kuki Yesu yatangajwe n'ibyo uwo mutware w'abasirikare yari
avuze?

YESU AKIZA UMUGARAGU W'UMUTWARE W'ABASIRIKARE



"Mwami ntibinkwiriye ko winjira mu nzu yanjye; ahubwo tegeka gusa, nuko umugaragu wanjye arakira"

Q : Ese, ukwizera k'uyu mutware w'abasirikare kwari gushingiye kuki ?

Q : Kuki Yesu yavuze ko benshi bazaturuka iburasirazuba n'iburengerazuba, bakicarana na Abrahamu na Isaka na Yakobo naho abana bo muri buriya bwami bazirukanirwa mu mwijima hanze : aho bazaririra bakahahekenyera amenyo ?

Q : Kuki Yesu yavuze ngo "Nuko genda, bikubere nk'uko wizeye" ; maze umugaragu we agakira uwo mwanya ?



1. UWIZERA YESU, NTAZAKORWA N'ISONI 1

" Nzakwigisha nkwereke Inzira unyura, nzakugira Inama, Ijisho ryanjye rizakugumaho". Zaburi 32 :8

" Umusore yakundanye n'umukobwa, basezerana kuza-bana. Aliko uko iminsi yahitaga indi igataha, niko umukobwa yagendaga ahinduka, kuko yari amaze gucudika n'undi musore w'umunyemali kandi ufite iwabo bakize. Ariko umusore we yagendaga arushaho kumukunda. Yakoraga ibishoboka byose ngo amushimishe, ariko umunsi umwe wa mukobwa aza kumwerurira ko atakibanye nawe, bitewe nuko ar'umukene ; none we akaba yariboneye undi musore ukize, ndetse ufite n'imodoka, kandi uyu we nta n'igare yagiraga.

Uyu musore akimara kumva iyo nkuru, yameze nk'utaye ubwenge, agwa muri koma. Aho azanzamukiye, wa mukobwa yari yigendeye, yamutaye ku muhanda, aho bari bicaye. Nuko uyu musore amaze kugarura ubwenge, ikintu cya mbere yakoze, ni ugushaka aho yajya kugura ibinini byo kumwica. Nuko ubwo yari agiye kubigura, ahura n'umusore w'inshuti ye, imurarikira kujyana nawe mu materaniro y'Ivugabutumwa yakorerwaga hafi y'iwabo. Yemera ko bajyana. Bagezeyo, bigishwa icyigisho kimukora ku mutima, ku buryo yafashe icyemezo cyo kwiye-gurira Imana. Ubwo yari hafi yo kubatizwa, yaje kureba Pasiteri wamwihanishije amushimira ko yamukiriye ubugingo, agira ati: Urya munsi nihana, nari ngiye kugura ibinini byo kwiyahuza. Nuko mu nzira ngenda, mpura n'inshuti yanjye, inzana mu mavuna. Nari ngiye kwiyahura kubera umukobwa wari wambenze. Nuko Pasiteri aramuhugura kandi aramusengera, ati: Uwiteka azagushakira undi ugukwiriye.

Hahise iminsi, umusore abatijwe, yaje kongera kubonana na Pasiteri we, amumenyesha ko Uwiteka yamushakiye undi mugore mwiza, uruta uwa mbere. Ubwo yabibwiraga Pasiteri we, ashimira Imana ku byo yamukoreye byose. Ati: Umwizera wese ntazakorwa n'isoni."

AMASEZERANO Y'IMANA

"Kuko umukene atazibagirana iteka, kandi ibyiringiro by'abanyamubabaro bitazabura iteka".

Zaburi 34: 22-23, Zaburi 9:18.

"Ikoreze Uwiteka umutwaro wawe, nawe azakuramira."

Zaburi 55:22.

Umusore yaravuze ati:

"Ndashimisha Uwiteka umutima wanjye wose, ndatekereza abantu imirimo yawe yose itangaza. Ndakunezererwa, ndakwishimira; usumba byose, ndaririmba ishimwe ry'izina ryawe". *Zaburi 9:1-2.*

"Imana niyo buhungiro bwacu n'imbaraga zacu. Ni umufasha utabura kuboneka mu byago no mu makuba". *Zaburi 46:1.*

"Nicyo gituma Uwiteka nzagushima mu mahanga, ndirimbe ishimwe ry'izina ryawe" *Zaburi 18:49.*

"Kuko Uwiteka ari umukiranutsi; kandi akunda ibyo gukiranuka, abatunganye bazareba mu maso he". *Zaburi 11:7.*

2. UWIZERA YESU NTAZAKORWA N'ISONI 2

"Hahirwa umuntu wizera Uwiteka, Uwiteka akamubera ibyiringiro". *Yeremia 17:7.*

"Hari umukristo wakundaga Imana, ndetse agakunda no kwitanga mu mirimo yo gutabara abandi bari mu kaga no mu ngorane. Uyu mukristo ntabwo yari umutunzi. Ariko uduke yari atunze, yagabanaga n'Imana ye. Yakundaga Yesu kandi akigisha n'abandi kumukunda. Buri gitondo na nimugoroba, yagiraga igihe cyo gusenga no gushimira Imana kubw'urukundo rwayo. Yahoraga yicisha bugufi imbere y'Imana. Abana be yari yarabatoje gusenga; kandi igihe cyose yabigishaga ko Yesu ariwe nshuti yabo y'ukuri utabasha kubahemukira no kubahana mu kaga.

Igihe kimwe, uyu Mukristo, ararwara, baravuza, baramusengera biranga, kugeza ubwo apfuye. Uyu niwe wari utunze umuryango, kubera akazi yakoraga, akahakura udufaranga two kubafasha. Nuko ubukene burabugariza. Abari inshuti zabo, batangira kubacikaho. Abana bava mu mashuri kubera kubura amafaranga y'ishuri. Nuko igihe kimwe, ubwo umwana yari yicaranye na nyina bigunze, abona abandi banyeshuri batashye. Nuko abwira nyina ati: mama ko nshaka kwiga, harya nabuze inshuti ya data n'imwe yandihira ? Nyina ati: mwana wanjye iby'amashuri byo ubyibagirwe rwose. So yarapfuye, kandi n'inshuti ye yamurwanagaho yarahombye, ntabwo igicuruza !

Ariko umwana abwira nyina ati: Ndibutse ! Hari inshuti ya data yahoraga atubwira yitwa Yesu Kristo. Data yambwiye ko ari Inshuti y'ukuri, kandi idashobora guhana abayo. Iyo nshuti rero, ngiye kuyandikira nyisabe amafaranga y'ishuri. Nyina aramusubiza ati: Mwana wanjye, iyo Nshuti ya so, iba mu ijuru. Kandi nta muntu ubasha kugerayo. Wikwirirwa wirushya, kuko ntabwo ibaruwa yawe yamugeraho. Ariko umwana yanga kubye-mera, ati: Ndamwandikira mumenyesha ingorane turimo, kandi ntazabura kudutabara; kuko Yesu, ni Inshuti y'ukuri. Niko Data yambwiye. Yesu niwe uzandihira amashuri kandi aduhe n'ibidutunga: Kuko Data inshuti ye, yapfuye. Ariko nyina ntiyabyitaho. Ariko ubwo yafunguraga Bibilia ashaka kuyibasomera byo kwihugenza, asoma ngo:
"Siga imfumbyi zawe, nzazirera; n'abapfakazi bawe banyizere."
Yeremia 49:11. Nuko asa n'ugaruye ibyiringiro.

Nuko umwana ariherera, yandikira Yesu ati:

"Ku Nshuti ya Data, Umwami Yesu utuye mu ijuru. Ndakumenyesha ko Data *BYIRINGIRO* Eliya ya Nshuti yawe yarapfuye. Ubu twasigaranye na Mama gusa. Mama nta kazi agira. Ubukene buratwugarije cyane. Hari ubwo tubwirirwa, cyangwa se tukaburara kubera kubura udufasha. Kubera iyo mpamvu banyirukanye kera mu ishuri. Imyenda ya Mama yamusaziyeho,

Inshuti zabanaga na Data akiriho zose zaradutaye. Ndetse n'ubu nkwandikiye tugiye kurara ubusa. Ntabyo kurya dufite.

Data atarapfa, yambwiraga ko ari wowe Nshuti y'ukuri. None ndakwandikiye, ngusaba kudutabara ukimara kubona iyi baruwa.

Ngaho ngusezeyeho. Nijye UWIMANA Josefu, umwana w'Inshuti yawe BYIRINGIRO Eliya ugutabaza ".

Umwana yaka umuntu udufaranga two kugura tembre, arujyana ku Iposita handitsweho ngo : *KURI YESU KRISTO, UTUYE MU BWAMI BWO MU IJURU*. Aruhereza abakira inzandiko, urusomye wese agaseka, atangazwa nuko ntawe uzarugeza aho rujya ! Nuko ubwo bose barimo baruteragirana, baruvugiraho neza, kuko umwana yari yigendeye. Haje kugera umugiraneza Yesu yakoreye ibikomeye, maze yumvise baseka, banegura ibya Yesu, kandi bareba ibyanditse kuri iyo baruwa arabegera, arabasaba ngo arebe ; baramwereka baseka !

Nuko abonye iyo baruwa imukora ku mutima abasaba ko bayimuha, barayimuha bagira bati : N'ubundi ntawari kuzayijyana mu bwami bwo mu ijuru ? Nuko arayifungura, arayisoma. Uko yakomezaga gusoma niko babonaga amarira amuzenga mu maso. Nuko arangije abaririza aho uwo mwana ari, bamusubiza ko batahaza. Ariko kuko yari yashyizeho aho batuye, afata imodoka ye ajya kumushakirayo.

Agezeyo, bahita bamurangira iwabo. Nuko babona uwo mugabo w'umukire ageze aho iwabo ! Bamuha agatebe aricara. Nuko aratangira ati: ibaruwa uyu mwana yanditse yangezeho. Wa mwana arahaguruka azayihuta aramuhobera cyane; ati: ese burya ni wowe Yesu Kristo, ya nshuti y'ukuri ya data ! Akomeza agira ati: nubundi koko data yavugaga ko ari wowe nshuti y'ukuri idashobora guhana inshuti ye. Ati: data yarapfuye, kandi yari inshuti yawe; kuko yahoraga akuvuga mu gitondo na nimugoroba ! None ubu turi mukaga, nta gifasha, nta kirengera. Banyirukanye mu ishuri. Turwaneho nongere kwiga, kuko nabonye abandi bana

bavuye mu ishuri, birambabaza nibuka data. None kuko data yapfuye, umbere data na njye, kuko wari inshuti ye; Data yarakwiringiraga cyane.

Uko yavugaga ayo magambo niko byakoraga ku mutima w'uyu mugiraneza, agafata umuswara, akihanagura amarira yamuzengaga mu maso. Nuko abwira uyu mwana ati: mwana wanjye, mu by'ukuri, si ndi Yesu Kristo. Aliko uyu Yesu Kristo uvuga, niwe unyohereje gukemura ibibazo bya so wari inshuti ye, kandi nanjye Yesu uwo uvuga ni Inshuti yanjye magara. None guhera ubu wowe na barumuna bawe, mubaye abana banjye, ku rugero rumwe n'abo nabyaye. Kandi na mama wanyu nawe abaye uwanjye, nzamwitaho nk'uko nita ku mugore wanjye. Abarihira amashuri, kandi abubakira inzu n'izina, abafungurira konti bakajya bakuraho amafaranga yo kubatungana na nyina. Soma :
Yesaya: 61:10; Yesaya 60:20; Zaburi 34: 22; Zaburi 37: 18-19.

3. UWIZERA YESU NTAZAKORWA N'ISONI 3

IMANA IZI ABAYO

AMASEZERANO Y'IMANA: "Uwiteka ntazemera ko umukiranu-tsi yicwa n'inzara" *Imigani 10:3.*

"Kandi Uwiteka azabera abahatwa igihome kirekire kibakingira. Igihome kirekire kibakingira mu bihe by'amakuba. Abazi izina ryawe bazakwiringira; kuko wowe Uwiteka utareka abagushaka". *Zaburi 9:9-10.*

"Ariko agakiza k'abakiranutsi gaturuka k'Uwiteka, niwe gihome kibakingira mu gihe cy'amakuba". *Zaburi 37:39.*

"Kandi abakunda izina ryawe bazakwishimira".
Zaburi 5:11.

"Nicyo gituma, Uwiteka nzagushima mu mahanga, ndirimbe ishimwe ry'izina ryawe". *Zaburi 18:49.*

"Naho umutini utatoha, n'inzabibu ntizere imbuto,

bagahingira ubusa imyerayo, n'imirima ntiyere imyaka, n'intama zigashira mu rugo, n'amashyo akabura mu biraro: ntakabuza ko nishimana Uwiteka, nkanezererwa mu Mana y'agakiza kanjye". *Habakuki 3:17-18.*

"Agakiza kabonerwa m'Uwiteka". *Zaburi 3:8.*

"Hahirwa abamuhungiraho bose". *Zaburi 2:12.*

"Umupasiteri SITEFANO yafungiwe mu gihugu cy'Abakomunisite, bamuhora guhamya ibya Yesu yigishaga. Mu myaka yashize muzi ko ubukomunisite bwari bukaze. Muzi ko Abakomunisite bavugaga ko nta Mana ibaho. Nuko rero uwo mupasiteri bamufungira muri gereza. Agezemo, nabwo akomeza kwigisha ubutumwa bwiza. Umwe mu bashinzwe kugenzura abanyururu, aramufata yigisha ibya Yesu; agambirira kumuha igihano cyashoboraga kumwica. Aramufata, amufungira muri Kasho nto cyane; ntiyari ifite idirishya, cyangwa ahantu hanyura umwuka mwiza, cyangwa umucyo. Amuha indobo irimo amazi yo kunywa gusa, aramufungirana n'ingufuri; amubwira ko atazamuzanira ibyo kurya; ko azagaruka aje gutwara umurambo we gusa. Ajya kugenda, yaramubwiye ati: Uwo YESU KRISTO wigisha azakugaburire da ! Agenda azi ko azapfiramwo.

Nuko uwo mupasiteri asigara mu mwijima. Ariko muri iyo kasho harimo umwobo muto ugera hanze, niwo waturukagamo akayaga gake katumaga uwo mu pasiteri aticwa no kubura umwuka. Ubwo yari ari wenyine, ategereje urupfu, yakomeje gusenga ashishikaye, kugira ngo Yesu agire icyo amukorera. Umunsi urashira, undi uraza, inzara itangira kumurya. Atakambira Yesu, ati : mwami Yesu, nshuti nkunda, mfasha, ntabara unyohereze umugati. Uko isaha imwe yashiraga, niko yakomezaga gutakambira Imana. Nuko agiye kumva, yumva ijwi rivugiye inyuma ze. Akebutse abona injangwe yaseseye muri ka kobo, kandi yari yazanye umugati mu kanwa kayo. Nuko arawufata, ashimira Yesu cyane, ati: Urakoze mwami Yesu, kuko wumvise gusenga kwanjye. Arawurya, arangije arenzaho amazi, araryama. "Hahirwa uwiringira Uwiteka." *Zaburi 40:4.*

Ariko acaho akavungukira kamwe ko kuja yibukiraho Imana ye. Ku muni wa gata, nabwo yuma yongeye gusoma. Asubira gutakira Imana ye. Nanone ya njangwe izana undi mukati mu kanwa, arawufata arawura, arenzaho amazi, amaze gushimira Imana ye. Ku muni wa kane nabwo ya njangwe imuzanira undi mugati. Uko yashimiraga Imana ye niko yasigaranaga agace gato k'urwibutso rw'urukundo rw'Imana. Ubwo yari amaze kubyuka mu gitondo cy'umuni wa gatanu, yarimo aririmbira Imana, noneho wa mucunga-gereza aza aje kureba ko wa muntu w'Imana yapfuye. Ageze iruhande aho rwa ya kasho afungiyemo, yatangajwe cyane no gusanga uyu muntu w'Imana aririmba ! Agira ati: "KOKO IMANA IZI ABAYO !".

Nuko aramukingurira. Aratangira cyane, kubona atarishwe n'Inzara ! Aramubwira ati: Guhera ubu rwose menye ko Yesu Kristo usanga, kandi wigisha, afite ububasha bukomye cyane ! Kuko nta muntu ubasha kumara iminsi itanu atarya, ngo abeho ! Wa muntu w'Imana Sitefano, aramubwira ati: Nasabye Yesu kunyohereza umugati, kandi yarabikoze rwose. Akivuga ibyo, yerekana utumanyu duto yabitse mu mufuka we. Ako kanya, ya njangwe yinjira muri wa mwobo, imuzaniye undi mugati; kuko isaha yo kurya yari igeze. Nuko ahita yereka wa mucunga-gereza ya njangwe imuzanira ya migati. Ayitegereje, asanga ni iy'iwe; ati: iyi njangwe ni iyanjye; kandi n'imigati yose wariye yaturutse iwanjye, Nijye wayiguze. Ni jye wagufunze; none wari utunzwe n'iby'iwanjye ? Ati: Guhera ubu, nanjye mfashe icyemezo cyo kwemera no kwizera Imana yanyu. Kuko niyo Mana y'ukuri ifite ubushobozi buheranije ku isi no mu ijuru.

"Nugamburura mu makuba, gukomera kwawe kuba kubaye ubusa." *Imigani 24:10.*

"Uwiteka Ntazemera k'umukiranutsi yicwa n'Inzara; ariko ahakanira abanyabyaha ibyo bararikira." *Imigani 10:3.*

Yaravuze ati: "Nkunda abankunda; kandi abanshakana umwete bazambona." *Imigani 8:17;*

"Izina ry'Uwiteka n'umunara ukomeye; umukiranutsi awuhungiramo, agakomera" *Imigani 18:10.*

4. BIBLIA YERA, N'UBUTUNZI BWINSHI TWAHEREWE UBUNTU.



"Umugabo w'umukire yakundwaga n'abantu bose: kubera ubugiraneza bwe; yakundaga gukorera neza abamusangaga bose, baje kumwifashishaho. Yumvaga buri wese, akakira umusanze

wese n'umutima mwiza. Yakundaga abantu bose ntavangura iryo ari ryo ryose: ari abakire, ari abakene, bose baramukundaga. Uyu mukire yari ingirakamaro ku bantu bose. Bibazaga impamvu ituma akunda abantu bose, bikabayobera.

Igihe kimwe, umukire mugenzi we, akoresha ubukwe; aramutumira na we. Nuko umunsi w'ubukwe ugeze, ajyayo kunezeranwa n'abandi batumirwa. Igihe cyo gutanga impano (cadeaux) kigeze, abantu bazana impano zabo; bakomeza kubashimira, bagenda babahereza impano babazaniye. Muri uwo murongo, wa mukire mwiza na we yarimo, afashe impano ye mu gapaki gato ugereranije n'amapaki abandi batangaga. Nuko bamugezeho atanga impano ye. Wa mukire mugenzi we wari warongoye, arayakira, arayikandakanda ngo yumve icyo mugenzi we amutuyeho impano y'urukundo, yumva harimo igitabo; Agira akantu, agishyira iruhande atacyitayeho. Ubukwe burangiye, bafata impano zose bahawe, barazihambura bareba ibirimo bakurikije amazina y'ababitanze kuko bayandikagaho.

Nuko bakagenda batangazwa n'ibintu byiza by'igiciro cyinshi bagiye bazanirwa n'izo nshuti zabo. Bageze ku gapaki ka wa mukire abantu bose bakundaga, baragafungura, batangazwa n'uko yabatuye igitabo cyanditsweho "BIBLIA YERA" Bati: Ese uyu yabonye ko iyi ariyo mpano akwiriye gutanga ku munsi nk'uyu w'umunezero ? Ntabwo turi mu nsengeru! Nuko bafata icyo gitabo, bagishyira mu kabati batiriwe bagifungura na gato! Nuko hahita igihe kirekire nta we ucyitayeho. Hahise umwaka, wa mukire agenderera wa muryango. Agezeyo, baramwakira, ariko bibutse ko impano yabahaye yabateye akantu, ntibamunezererwa neza; ariko barenzaho. Nuko ubwo barimo baganira, yaje kubabaza uko bakiye impano y'urukundo yabahaye. Baramubwira bati: Ese ntitwabonye ari igitabo waduhaye! Ati: Yego. Ati ni mukizane. Bararebana; barebera mu kabati aho bakijugunye, basanga cyuzuyeho ivumbi. Barihunguraho bamwaragurika, nuko barakimuhereza. Agifata anezerewe cyane nubwo cyari cyarahindanywe cyane. Aragifungura, arebamo hagati muri BIBLIA YERA,

nuko akuramo ibahasha ifunze, yashyizemo *SHEKI Y'AMAFARANGA MENSHI CYANE; MILIYONI IMWE*. Yari yarabahaye kumunsi w'ubukwe bwabo. Ayikuramo arayibereka ababaye cyane, agira ati: iyi n'impano y'urukundo nari nabageneye kuri irya taliki y'ubukwe bwanyu. Ariko ubu yataye igihe ! Umwaka urashize. Iyo mufungura iki gitabo, muba mwarabonyemo ubukungu buhishwemo. Ariko kubera ko mutitaye ku mpano nabahaye, ntabwo mwabonye ubukungu bwari ubwanyu. Afata ya Sheki, ayitandurira imbere yabo bumiwe ! Bati: *IYO TUBIMENYA!* Ariko igihe cyari cyaratambutse kera ! Ubwo butunzi bwari ubwabo. Bari bafite kubukoresha icyo bashaka iyo badakerensa impano y'ubuntu bari bahawe. Ariko kubera agasuzuguro barebanye *BIBLIA YERA*, ntabwo babashije kwakira imigisha yari ihishwemo. Ahubwo nyuma nibwo bahuye na "*SINAMENYE*."

Muri iki gihe abantu benshi batuye isi usanga basuzugura *BIBLIA YERA*, impano y'ubuntu Imana yacu yaduhaye. Ntabwo bashaka kwakira ubutunzi bwinshi bwihishemo. Benshi iyo bayikubise amaso, bayirebana agasuzuguro nk'ak'uwo mukire; ariko bamenye neza ko bazicuza nyuma igihe cyarahise ! Wa mukire, ntabwo yabashije kuvunjisha sheki yari yarahawe kera ntabimenye: kuko yanze gusoma icyo gitabo *BIBLIA YERA* ngo: ntacyo imaze. Ingaruka y'ibyo, nuko sheki ya Miliyari yari yahaweho impano yamupfiriye ubusa ! Uwakiye *BIBLIA YERA*, aba yakiye Yesu Kristo. Yesu Kristo niwe butunzi bwose bw'Imana. Uwakiye *BIBLIA YERA*, aba yakiye agakiza Imana yacu itangira ubuntu binyujijwe muri Yesu Kristo. Iyo wanze *BIBLIA YERA*, uba wanze umugozi w'izahabu Imana yacu yatwoherereje ngo tuwizirikeho utuzahure mu rwobo rw'ibyaha twaguyemo, kandi tukaba tutabasha kurwikuramo ku mbaraga zacu. Iyo twanze impano y'Imana, tuba twivukije imigisha myinshi twaherewe ubuntu. Nk'uko wa mukire atabashije kugarura igihe yataye, kugira ngo ya sheki imugirire akamaro, ahubwo impano y'ubutunzi bwinshi igashwanyagurizwa imbere ye, niko n'ab'iki gihe birengagiza *Biblia yera*, impano y'urukundo Imana yabahaye, bigiye kubagendekera ! Imana ntikina!

Amahirwe dufite ubu ntabwo tuzayahorana! Igihe kigiye kugera, sheki twahawe ku buntu irimo ubutunzi bwinshi idupfire ubusa! Igihe nikigera, icyo utakoze, ntuzabasha kugikora! Igihe kigiye kugera, igikorwa cyose kigaragaze ingaruka yacyo! Igihe kigiye kugera, upfa apfe, ukira akire! NTA GIHE DUFITE CYO GUPFUSHA UBUSA!!

"Yesu arababwira ati: Hasigaye umwanya muto, umucyo ukiri muri mwe. Nimugende mugifite umucyo, butabiriraho mu kiri mu nzira, kuko ugenda mu mwijima atamenya iyo ajya." *Yohana 12:35.*

Abakristo bamwe bugiye kubiriraho bakiri mu nzira! Barimo kuzarizwa n'iki ? Ni iby'iy'isi y'igihe gito. Iby'iyi si ntibikagutandukanye n'Imana yawe. Ibyo ukora byose, uje wibuka ko ur'umugenzi muri iy'isi. Igihe kizagera ugende nk'abandi! Uzajyana iki waruhiye kuri iy'isi? Ese ni urwangano, inzika, ishyari, umururumba, ubugome, amaganya, cyangwa Urukundo? Tekereza ibyo uhoramo: Mbese ni ibihesha Imana icyubahiro? Cyangwa ni ibikurumbuza ? Ukorera nde? Ni Yesu Kristo, cyangwa ni Satani?

Yesu ati : " Umuntu nankorera, ankurikire, kuko aho ndi, n'umugaragu wanjye ariho azaba : Umuntu nankorera, Data azamuha icyubahiro. " *Yohana 12 :26.*

IMANA IDUFASHE KUGIRA NGO TUGIRE UGUHITAMO K'UBWENGE IGIHE KIKIRIHO.

*** IMANA IZI IMPAMVU Z'INGORANE Zawe**

YOSEFU YAGURISHIJE KUGIRA NGO ASOHOZE UMUGAMBI W'IMANA

**MUYIKOREZE IMITWARO YANYU YOSE :
KUKO YITA KURI MWE.**

Yosefu yagiriwe ishyari na bene se bamaze kumenya ko se Yakobo amukunda birushije ibya bo bose ; baramwanga, ntibajya bagira ineza bamugirira. Barushijeho kumwanga cyane ubwo yabarotoreraga inzozi ze yari yarose ngo : " Twahambiraga imiba mu murima, umuba wanjye urahagarara urema, iyanyu miba

ikikiza uwanjye, iwikubita imbere. Bene se baramubaza bati : ni ukuri wowe uzaba umwami wacu ? ni ukuri wowe uzadutwara ? Izo nzozi ze n'ayo magambo ye bituma barushaho kumwanga ". *Itangiriro 37 :7-8*. Yongera kurota izindi nzozi, azirotorera bene se, ati : Nongeye kurota izindi nzozi ngo, izuba n'ukwezi n'inyenyeri cumi n'imwe binyikubita imbere. Azirotorera bene se ; se aramucyaha, aramubaza ati : izo nzozi ni nzozi ki ? Ni ukuri njye na nyoko na bene so tuzaza twikubite hasi imbere yawe ? Bene se bamugirira ishyari, ariko se akajya yibuka ayo magambo. " *Itangiriro 37 :9-11*.

Ubwo bene se bari bagiye kuragira i Dotani, se Yakobo yamutumye kuja kureba ko hari amahoro iyo. Bamubonye atarabage-raho, bagiye inama yo kumwica ; ariko Reubeni arabyumva aramubakiza, abagira inama yo kumujugunya mu rwobo. Ahageze, baramufata, bamwambura ikanzu ye, bamujugunya mu rwobo. Ariko ubwo yari muri urwo rwobo, hahise Abishimaeli bamugura ibice by'ifeza makumyabiri. Bamujyana iyo bajyaga mu Egiputa. Bajya kumugurisha kwa Potifari, Umutware wa Farawo, watwaraga ingabo zimurinda. Uwiteka aba kumwe na Yosefu, agira ukuboko kwiza ; aba mu nzu ya shebuja umunyegiputa. Shebuja abona yuko Uwiteka ari kumwe nawe kandi ko Uwiteka yamuhaye kugira ukuboko kwiza ku cyo akoze cyose, Yosefu amugiriraho umugisha, aba ariwe akorera ubwe : amugira igisonga cy'urugo rwe rwose, amubitsa ibyo atunze byose ; mu byo amubikije ntiyagira ikindi agenzura keretse kwita kubyo yajyaga aya ". *Itangiriro 39 :2-6*.

Nihuse mu gitekerezo, Satani yakomeje kumuhiga, atuma nyirabuja amubengukwa kuko yari mwiza wese wese, afite ubu-ranga. Nyirabuja ashaka kuryamana nawe ; ariko Yosefu arabya-nga. Ibyo byamuteje akaga, arafungwa ; ariko Imana ikomeza kubana na we no muri gereza. Imuha umugisha wo kumenya ibi-hishwe , asobanura inzozo z'abatware ba Farao. Ndetse bigeze n'igihe ajyanwa i bwami gusobanura inzozo za Farao. *Soma igice cya 40,41*. Izo nzozi zikomeye zari ubuhanuzi bw'ibyagombaga kuza-ba vuba mu gihugu cyose, byo kwitegura inzara yagombaga kuza-

mara imyaka irindwi, nyuma y'imyaka irindwi y'uburumbuke. Farao yagombaga kwitegura iyo nzara agahunikisha imyaka myinshi. Nta wundi yahaye iyo nshingano ikomeye uretse Yosefu wenyine. Ubwo amugira umutware mukuru.

" Fararo abaza abagaragu be ati : tuzabona he umuntu umeze nk'uyu, urimwo Umwuka w'Imana ? Farao abwira Yosefu ati : Kuko Imana ikweretse byose, nta wundi munyabwenge kandi w'umuhanga muhwaye : nguhaye gutwara urugo rwa nyje kandi abantu banjye bose bazumvire icyo utegetse : ku ntebe yanjye y'ubwami yonyine nzagusumba. Farao abwira Yosefu ati : dore nkweguriye igihugu cy'Egiputa cyose. Farao yiyambura impeta iriho ikimenyetso, yo ku rutoke, amwambikana n'imyenda y'ibitare byiza, amwambika n'umukufi w'izahabu mu ijosi. Amugendesha mu igare rikurikira irye, bakajya bamurangarira bati : ni mumupfukamire ! Nuko amwegurira igihugu cy'Egiputa cyose ". *Itangiriro 41 :38-43.*

NI UKURI UWIZERA IMANA NTAZAKORWA N'ISONI !

Nihuse mu gitekerezo, inzara yateye mu gihugu cy'i Kanani ndetse no mu Egiputa, ariko Yosefu yari yarahunikishije ibiribwa bihagije. Byabaye ngombwa ko bene se, ba bandi bamugurishije baza guhahira mu Egiputa. Yarabamenye ariko bo ntibamumenye. Abagirira neza, ntiyabitura inabi bamugiriye, kandi amaherezo bose baje gutwara mu gihugu cy'Egiputa. Abatwara mu karere karumbuka, ahitwa i Gosheni. Nuko Imana irabagwiza barororoka cyane. Nguko uko bageze mu Egiputa. Uwo Imana yahaye umugisha ntawe ubasha kumunyaga. Ingorane za Yosefu zarimo umugambi w'Imana w'ubwoko bwayo. Bene bamugurishije bazi ko baburijemo inzozo ze ; ariko ibyamuvuzweho byose byarasohoye inyuguti ku nyuguti. Ntakinanira Imana. Ariko ubwo bari bamaze kugubwa neza, batangiye kwimura Imana yabo. Ibyo byatumye Imana yimika undi Farawo utazi Yosefu, ubwo Yosefu yari atakiriho. Abafata nabi cyane ku bituma bifuza gusubira mu gihugu cyabo cy'i kanani. N'ubu abakristo benshi baguwe neza i Gosheni yo mu Egiputa. Ntabwo bagishaka i wabo mi ijuru. Igihe

kigiye kugera Imana yimike Farawo utarigeze amenya iby'abadivantisti, iby'abakristu maze abahangayikishe bumirwe ! Nibwo bazararama barebe mu ijuru aho bateze agakiza.

IMANA IZI IMPAMVU Z'INGORANE ZAWWE.

" Hahirwa umuntu wizera Uwiteka, Uwiteka akanubera ibyiringiro ".
Yeremiya 17 :7.

MOZART WOLFGANG (Umwana wa Mozart)
(Igihangange mu muziki bita " Classique ")

"Mozart Wolfgang yavukiye mu muryango ukennye cyane. Se wa Wolfgang nawe witwaga MOZART yari umukene cyane, ariko akaba yari afite ubuhanga mu muziki bita " classique ". Kubera ubukene, ntabwo yari yarabashije gutera imbere ngo amenyekane hose. Yabonaga ibyo gutunga umuryango we bimugoye cyane. Kenshi na kenshi bararaga ubusa, ubundi bakabwirirwa. Muri make, bari bafite ubuzima bubi mu mugu aho iwabo mu Budage.

Ariko uyu muryango wari waramenye Imana. Igihe kimwe abana babura ibyo kurya. Mozart uwo yari afite utwana tubiri: agahungu n'agakobwa. Mozart n'umugore we bahagarika umutima, kuko bari baheraniwe. Nuko bafata icyemezo cyo gusenga Imana bayitakambira ngo ibarwaneho abana babo babone ibyo kurya.

Bariherera, barasenga. Ubwo barimo basenga, ka kana Mozart kumva bavuga bati: Oh! Mana yacu, Nyirimpuhwe, ndagutakambira Nyagasani ngo utwoherereze ibyo kurya; kuko abana bashonje. Nuko ka Mozart nako kajya kureba mushiki wako ngo nabo bajye gusenga. Nuko nabo bajya iruhande rw'inzira aho bari bicaye, barapfukama, bati: Oh ! Mana yacu, turakwizinginze twoherereze ibyo kurya turashonje cyane. Ariko ubwo bari barangije kuvuga ayo magambo babonye umugabo ahagaze iruhande rwabo, aseka. Nuko Mozart aramubwira ati: uraseka kandi twe twabuze icyo kurya? Nuko uwo mugabo arababaza ati: iwanyu ni he?

Barahamwereka. Arababwira ati: ndaboherereza ibyo kurya. Aragenda, amaze kubaza Mozart icyo se akora, kandi amaze gusezeranya Mozart ko aribuze kumva uko acuranga kuko ubwo yasengaga, yari yongeyeho ko Imana iboherereza ibyo kurya kugira ngo abone uko akomeza kwiga umuziki, azabe ikirangirire.

Wa mugabo yari igikomangoma (Prince) cy'Igihugu cyabo. Nuko saa sita zigeze babona umugaragu we aje yikoreye ibiryo byiza, hamwe n'imigati myiza abazaniye. Abwira se wa Mozart, ko igikomangoma kiyizira ku mugoroba kumva umuziki wa Mozart Wolfgang acuranga. Bwije babona igikomangoma n'abagishagaye barahageze. Nuko babakira mu bukene bwabo, uko bashoboye, Mozart aramucurangira. Agiye gutaha abwira se, ko agomba gukomeza kwigisha uwo mwana, kandi ko buri kwezi azajya amwoherereza umushahara, kuko yatangajwe n'ubuhanga bw'uwo mwana. Atanga n'ibigomba gutunga umuryango. Abasigira amafaranga menshi yo kubafasha. Ntabwo bongeye guhura n'inzara ukundi. Umwana Mozart arakura, agira ubuhanga buhanitse muri uwo muziki, ndetse aba ikirangirire ku isi muri uwo muziki."

Q: MBESE IMANA, IRUMVA, KANDI IGASUBIZA ?

R: IMANA IRUMVA, KANDI IGASUBIZA RWOSE.

MBESE IYO INGORANE ZIKUGEZEHO UBYIFATAMO UTE ?

* Tugomba kwihutira mbere ya byose, kubibwira Yesu; tugomba kumusanga tukamumenyesha ingorane zatugwiriye, tumusaba ubufasha. Ni ukuri, ntabwo azaduhana. 1 Petero 5: 7 - Abafilipi 1: 29.

* Tugomba gutegereza twihanganye igisubizo cye bona nubwo byasa naho Imana itabyumvise dutegereze twihanganye, tuzasubizwa rwose. 1 Abakorinto 10:13.

* Dushobora guhabwa igisubizo kitadushimishije cyangwa kidahuje n'ibyo twifuzaga. Uko byagenda kose, tugomba kubishimira Imana. Abaroma 12: 12.

Iby'Imana iduhitiramo nibyo byiza, bona nubwo byaba bitubangamiye ako kanya.

Ntibishobora kubura kugira ingaruka nziza.

Nuko rero igihe cyose uzabona usabye Imana, wenda ntigusubize ako kanya, cyangwa se ikagusubiza uko utashakaga, ntibikaguce intege mu byiringiro byawe. Ujye uvuga uti:

IMANA IZI IMPAMVU. *Ntuzatinde ku gikorwa cyagaragaye, ahubwo uzatinde ku watumye kibaho.*

5. UWIZERA YESU NTAZAKORWA N'ISONI 4

Soma : Zaburi 37: 18-19.

"Imana niyo buhungiro bwacu n'imbaraga zacu. Ni umufasha utabura kuboneka mu byago no mu makuba". Zaburi 46:1.

"Uwiteka niwe wemesha abahetamye. Uwiteka niwe ukunda abakiranutsi, Uwiteka niwe urinda abasuhuke; aramira imfubyi n'umupfakazi; ariko inzira y'abanyabyaha arayigoreka".

Zaburi 146:8-9.

"Umugore w'Umupfakazi yasigaranye abana bane ubwo umugabo we yari amaze gupfa. Umugabo we yakundaga Imana kandi yari yarigishije umuryango we kwizera Imana, kuyiringira muri byose, uko byabagendekera kose, bakayizigira. Uwo mugabo yari umukene, yari atunzwe no gutera ibiraka. Ariko yakoreraga Imana n'umutima ukunze.

Akiriho, yabashaga kubonera umuryango we ibyo kurya bya gikene. Ntabwo yigeraga yinubira Imana ye kubw'ubukene yarimo. Uko bukeye n'uko bwije, yashimiraga Imana ye kandi akayiragiza n'umuryango we. Akiriho, yari ashyize hamwe n'umugore we, kandi n'abana babo bakundaga Imana, bakanyurwa n'uko bameze, ntibite ku bukene bwabo.

Umunsi umwe, umugabo ataha ataka umutwe. Bucyeye, ananirwa kujya gupagasa. Bagerageza kugura imiti ivura umutwe,

ariko yanga gukira, ahubwo arushaho kuremba. Umugore n'abana be batakambira Imana, kugira ngo imukize; ariko biba iby'ubusa! Ahubwo arushaho kuremba, ku buryo atari akibasha kurya.

Hahise iminsi itatu, mu gitondo cy'uwa kane, babona arerembuye amaso, arambika amaboko ye mu gatuza, ahombeka amaso, umwuka we urahera, arapfa. Aho yari aryamye aho, umugore we yari yagiye kumuzanira agakoma, ngo barebe ko yagira icyo anywa, umugore we agize ngo aramukoraho amuhindukiza, asanga umuntu yumye kera ! Nuko Aratakamba ati: Uwiteka Mwami Yesu, kuki wemeye ko uwo narimfiteho umugabane wanjye wampaye kuri iyi si, avamo umwuka nta jambo rya nyuma ambwiye ? Ariko kuko wabyemeye utyo, *UZI IMPAMVU*. Nuko rero niwe wari umugabo wanjye. Ariko kubera ko ushimye ko umugaragu wawe aruhuka imihati y'iy'isi, guhera kuri iyi saha, *NI WOVE MWAMI YESU UMBEREYE UMUGABO*. Ujye mu cyimbo cye: kuko ari wowe mugabo w'abapfakazi bose. Ukaba na Se w'imfubyi zose.

Nk'uko namusabaga ibidutunga, niko nzajya nguhangaho amaso, nkwiringire nk'uko niringiraga umugabo wanjye, sinzakorwa n'isoni.

Batabaza abavandimwe n'itorero, baza kumuhamba. Abana bararira, bavuga bati: Data yadukundaga, akadushakira ibyo turya n'ibyo twambara, none tuzambara iki ? Tuzarya iki, ko Mama wacu adafite akazi ? Nyina arabasubiza yikomeje, ati: umugabo w'abapfakazi, se w'imfubyi zose, ahora ari maso ! Ati: Yesu niwe usimbuye so muri byose; Yasezeranye ko atazigera aduhana na gato, kandi ko azabana natwe iminsi yose kugeza ku mpera y'isi (*Abaheburayo 13:5; Matayo 28:20*). Bamaze gushyingura umurambo, barataha. Abantu bakundaga nyakwigendera bakomeza gufasha uwo muryango. Ariko uko iminsi yahitaga indi igataha, niko n'abakristo bagendaga babitaza. Ubufasha bahabwaga butangira kubura. Bakajya babwirirwa rimwe na rimwe, ubundi bakaburara. Abatuye mu migi barabizi. Abana batangira guhangayika. Ariko nyina akomeza kwiringira Yesu no gusenga ashishikaye. Akajya abwira abana be ati : Ubwo muzabona twaheraniwe, twabuze epfo na ruguru, nibwo

ugutabarwa guturuka ku Mana yacu kuzaba kugeze ku muryango!
Ati : ubu kuri mu nzira kuza!

Igihe kimwe, birabakomerera ! Nta mafaranga yo kugura amazi kugeza no ku byo kurya! Abana bose bizingira kuri nyina aho yari yicaye ku karago. Guhera mu gitondo cya kare, ntacyo bari basamuye; kandi bari baraye ubusa ! Ubwo byari bigeze saa saba, akana gato muri bo, karebye nyina kigorora kubera inzara, karamubwira kati: Harya mama, ntiwatubwiye ubwo twarimo dushyingura umurambo wa papa, ngo : *YESU NIWE USIMBUYE PAPA WACU?* None se ubu ntabwo areba ko tugiye kwicwa n'inzara? Ko wavuze ko: Azabana natwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi, mbese ubu Yesu yaraye iwacu aha? Ko wavuze ko atazaduhana, ubu se tugeze he ?

Akimara kwibutsa iryo jambo, nyina ataramusubiza, babona umugabo yinjiye mu rugo rwabo, ati: Ni amahoro yemwe bene urugo! Umugore ati: Ni amahoro umwami wacu Yesu yaduhaye. Nuko bamuha agatebe, aricara. Ati: Nimumpe amazi yo kunywa. Ka kana karitanguranwa, kati: nta mazi dufite muri uru rugo, nta mafaranga dufite yo kuyagura. Wa mugabo arongera ati: mumpe ibyo kurya Ka kana kati: nta byo kurya dufite, twaburaye, kandi dore twabwiriwe, ndetse nta nubwo duteka! Nta mazi, nta byo kurya, nta makara yo gutekesha !

Nuko akimara kuvuga ibyo, babona wa mugabo wari wambaye imyenda imeze nk'iy'umupagasi uvuye ku kiraka, arahagurutse, akora mu mufuka yari yitwaje, akuramo igihambiro gipfunyitse, aragihambura, babona ahereje nyina wabo amadolari ibihumbi icumi (10.000\$) ati: aya madolari abikujwe ku ikonti y'umugabo wawe; yapfuye amaze kubitsa. Ati: Uwiteka yabonye ingorane murimo, yibuka umugaragu we, maze ategeka ko bakura kuri konti ye ayo madolari, kugira ngo abafashe. Kandi inyungu zayo zihora ziyongera. Kuko yabikije aho abajura batagera ! Akimara kuvuga ibyo, bayoberwa aho agiye. Nuko uwo mupfakazi afata abana be, bajya mu nzu, bashimira Imana; ati: *UWIZERA IMANA NTAZAKORWA N'ISONI*. Koko Imana izirikana amasezerano yayo. Imana izi abayo !"

AMASEZERANO Y'IMANA:

"Uwiteka ntazemera k'umukiranutsi yicwa n'inzara; ariko ahakanira abanyabyaha ibyo bararikira." *Imigani 10:3*

"Icyo umunyabyaha atinya nicyo kizamugeraho; ariko icy'umukiranutsi yifuza azagihabwa." *Imigani 10:3*

"Uwishingikirije ku butunzi bwe azagwa; ariko umukiranutsi azatoha nk'ikibabi kibisi." *Imigani 11:28*

"Abanyabyaha bazubikwa, ntibazaba bakiriho; ariko urugo rw'umukiranutsi ruzakomera". *Imigani 12:7.*

6. UWIZERA YESU NTAZAKORWA N'ISONI 5

"Muyikoreze amaganya yanyu yose, kuko yita kuri mwe"
1 Petero 5:7.

"Ku munsu w'amakuba yanjye no ku w'ibyago byanjye nzakwambaza kuko uzansubiza". *Zaburi 86:7.*

"Kuko umukene atazibagirana iteka, kandi ibyiringiro by'abanyamubabaro bitazabura iteka". *Zaburi 9:18.*

"Sinzatinya ikibi cyose, kuko ndi kumwe nawe".
Zaburi 23:4b.

IMANA IZI ABAYO!

"Umukristokazi w'umukene wari utunzwe no gukora ibirakabyo kumesera abandi imyenda yabo bakamuhemba udufaranga twamufashaga mu bukene bwe: igihe kimwe yabonye ikiraka cyo kujya kumesa. Nuko afata imyenda ayizingira mu kabase, aragenda, ajya ku kidendezi yameseragaho hamwe n'abandi benshi. Ubwo yahageraga hari abameshi benshi cyane! Bamwe bari batangiye kwanika imyenda imeshe.

Nuko atangira kumesa imyenda ye ; inoze, akajya kuyanka hamwe n'abandi. nuko akomeza kumesa, ariko na bagenzi be na bo bamesa, bakanika hamwe na we. Ariko bamwe bo baje mbere batangira kwanura imyenda yabo yumye, barangije kumesa,

bakitahira. Bigeza mu ma saa cyenda n'igice, aba arangije kumesa byose. Kuko izuba ryari rimaze guhumbya, ajya kureba imyenda yari yanyitse mbere. Ageze aho yari yanyitse akubitwa n'inkuba y'ubwoba bwinshi! Arumirwa! Imyenda ye yose yari yumye, abandi bari bayanuye, bigendeye kare! Nuko areba hiryo no hino, abura umuntu waba ayifite. Agerageza kubaza bagenzi be bari basigaye aho. Bamwereka imyenda yabo bari bamaze kuzinga mu ma base yabo, ariko aburamo iye.

Nuko amaze kuyiburamo, nta kindi yongeye kuvugana nabo ; ahubwo yahereye ko yikubura, ajya ahiherereye kubibwira Imana ye. Nuko avugana na Yesu mu masengesho ati : " Ndagushimira Mwami Yesu, ko uzi umuja wawe. Ndagushimira Mwami Yesu ko wadusezeraniye ko uzabana na twe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi. Ndagushimira ko utazaduhana na gato, izina ryawe rihimbazwe! none rero, Mwami Yesu, umuja wawe Satani antaye mu ngorane zikomeye. Imyenda y'umugiraneza wampaye ikiraka cyo kumufasha, umwanzi arayanuye! simfite icyo nayishyura, urabizi neza, umwanzi yashatse kungonganisha n'uyu mugiraneza wampaye ikiraka. Ndwanaho, imyenda y'abandi iboneke ! umuja wawe ntegereje igisubizo cyawe Mwami Yesu. Amen."

Nuko ajya ahirengeye ku gasozi, aricara, arategereza. Saa kumi ziragera, nta muntu. Saa kumi n'imwe ziragera, nta muntu! Abari aho bose bari bamaze kwitahira, niwe wari uhasigaye wenyine. Saa kumi n'ebyiri zigeze, agiye kubona abona umuntu uturutse muri kamwe mu tuyira twerekeza aho ku kidendezi. Akomeza kumwitegereza cyane, abona yikoreye ibase, aribwira ati : wenda uriya yaba ariwe uyinzaniye ! Abona uwo muntu aje yerekeza aho ari, kandi mu ibase yari yikoreye harimo imyenda. Aravuga ati : amen! Uwiteka ashubije umuja we. Nuko amugeze iruhande, atura hasi ya base yari yikoreyemo imyenda. Aramwegera, aramubaza ati : ese, ntiwamenya umuntu waba yabuze imyenda ye hano ? Ati : iyi myenda nzanye yose ni iye ! " Guhungira k'Uwiteka kugira umumaro kuruta kwiringira abantu : Guhungira k'Uwiteka kugira umumaro kuruta kwiringira abakomeye ". Zaburi 118 :8.

Undi ikiniga n'amarira y'ishimwe bimwuzuye, bimubuza kumusubiza. Ahubwo umuja w'Imana yikubita hasi yubanye, agira ati : " Oh! Ndagushimiye cyane Mwamwi wanjye Yesu nkunda cyane! Kuko wumvise gusenga no gutakamba k'umuja wawe! Ndagushimira ko wumva gusenga kw'abakwizera bose. Kuko UKWIZERA ATAZAKORWA N'ISONI ! Ndagushimira cyane ko untabaye umuja wawe ukaba unkuye mu kaga umwanzi satani yari andoshyemo! Koko ni wowe Mana y'ukuri ibasha gukura umuntu mu ngorane! Izina ryawe rihimbazwe! Ati kubera ko unkijije ingorane satani yari andunzeho, ubu nongeye kuvugurura amasezerano nagiranye nawe nkikumenya. Ati : guhera ubu, naba umukene cyangwa umutindi nyakujya, naba mu kaga cyangwa mu mahoro, nsezeranye nawe ko uko bizangendekera kose mu buzima bwanjye bwose. NZAJYA NSHIMIRA IZINA RYAWA ITEKA RYOSE. Kuko menye neza rwose ko : UKWIZERA WESE ATAZAKORWA N'ISONI. Menye koko ko utwitaho kurenza uko tubizi. Zaburi 18 :31-32, 35. Zaburi 34 :19-22. Zaburi 34 :10. Zaburi 33 :11-12. Zaburi 145 :18-20.

Nuko arunamuka, ashimira mugenzi we cyane, amusabira umugisha ku Mana. Ubwo uwo nawe yari yakurikiye iby'umuja w'Imana yavugaga, nawe aravuga ati : guhera uyu munsu, nanjye niyemeje kuba umuyoboke w'Umwami Yesu uwo usenga, kuko ariyo Mana yonyine ibasha gukura umuntu mu ngorane. Ati : ubu niyemeje kuba uwa-kristo nanjye ". IMANA IZI IMPAMVU Z'INGORANE ZAWA.

UKWIZERA YESU NTAZAKORWA N'ISONI !

Q : Mbese nawe ntiwakundira Umwami wacu Yesu kuba mu bayoboke be?

Umwizera wese yaba umukire, umukene, umutindi, ntabwo azakorwa n'isoni.

Kubana na Yesu, bizana amahoro n'imbaraga nyinshi.

Amahoro yose atangwa na we,
reka tumukurikire.

Yesu yaradusezeraniye ati :

" Nzakwigisha nkwereke inzira unyuramo, nzakugira inama, ijisho ryanjye rizakugumaho". *Zaburi 32 :8.*

"Izuba ryawe ntirizarenga ukundi, kandi ukwezi kwawe ntikuzijima kuko Uwiteka ariwe uzakubera umucyo uhoraho n'iminsi yawe yo kuboroga izaba ishize". *Yesaya 60 :20.*

"Uwiteka azakurinda ikibi cyose, niwe uzarinda ubugingo bwa we. Uwiteka azakurinda amajya n'amaza, uhereye none, ukageza iteka ryose". *Zaburi 121 :7-8.*

"Irokora abarengana, ikabakura mu makuba, kandi akarengane gatuma ibaziburira amatwi". *Yobu 36 :15.*

UMWIZERA WESE NTAZAKORWA N'ISONI : *Abaroma 10 :10*

"IBYIRINGIRO"

Q : "Uwiteka niwe Mwungeri wanjye, sinzakena". *Zaburi 23 :1.*

"Bamwe biringira amagare, abandi biringira amafarashi, ariko twebweho tuzavuga Izina ry'Uwiteka Imana yacu".

Zaburi 20 :7.

"Abazi Izina ryawe bazakwiringira, kuko wowe Uwiteka utareka abagushaka". *Zaburi 9 :10.*

"Uwiteka niwe mucyo wanjye n'agakiza kanjye, nzatinya nde? Uwiteka niwe gihome gikingira ubugingo bwanjye, ninde uzampindisha umushyitsi ?" *Zaburi 27 :1.*

"Nzajya ndyama nsinzire nziguye, kuko ari wowe wenyine, Uwiteka umpa kuba amahoro". *Zaburi 4 :8.*

7. UWIZERA YESU NTAZAKORWA N'ISONI 6

" Turiza Uwiteka umutegereze wihanganye : ntuhagarikwe umutima nubona ibyiza mu rugendo rwe, n'umuntu usohoka inama mbi. Reka umujinya uva mu burakari : ntuhagarike umutima kuko icyo kizana gukora ibyaha gusa ". Zaburi 37 :7-8.

" Kuko Uwiteka azi inzira y'abakiranutsi, ariko inzira y'ababi izarimbuka ". Zaburi 1 :6.

" Ikoreze Uwiteka umutwaro wawe, na we azakuramira, ntabwo azakundira umukiranutsi kunyeganyezwa ". Zaburi 55 :22.

" Ikoreze Uwiteka urugendo rwawe rwose, abe ariwe wiringira, na we azabisohoka. Kandi wishimire Uwiteka, na we azaguhaye iby'umutima wawe usaba ". Zaburi 37 :54.

" NYIRARUHATO " SATANI, NI UMUGOME CYANE !

" Umupfakazi w'umukene yari atunzwe no kumesera abandi no kwandurura imyanda, bakamuhemba. Yari afite akabase gashaje yameseragamo imyenda bamuhaga, kandi akenshi bamuhaga imyenda y'ibyaha by'abana banyayemo, inuka inkari n'amabyi y'abana. Yamesaga iyo myenda abandi banze kumesa atabyinubira ; yakundaga kumesa aririmbira Imana ariko Satani yaramwibasiye cyane.

Ati: NZASINGIZA URUKUNDO RWA YESU (121)

1. Nzasingiza urukundo rwa Yesu wambambirwe;
yemeye kumanuka, azanwa no kumfira.

Ref. Nzasingiza urukundo rwe; mpimbaze, yaramfiriye;
ashaka kumbeshaho, nzahora muhimbaza.

2. Yesu yarambabarijwe, ntararushya mbabara;
yahoze ansabira, ntaramenya iyo bijya.

3. Urukundo rw'Imana, mbega ngo rurankiza!
Ibyaha byanjye byose bikantamurukaho!

4. Nta cyiza nakoreye Umwami wankunze atyo;
none maze kwemezwa, Mwami, nguhaye byose.

YARANSHUNGUYE (126)

1. *Njya nkunda kuririmba indirimbo, ngo yaranshunguye.
Niwe waciye ingoyi z'umwanzu, maze arambatura.
Ref. Kuko ubwe yanshunguye, nzahimbaza izina rye.
Kuko ubwe yanshunguye nzaririmbira
uwandokoye.*
2. *Mfite umukiza unogeye rwose, niwe wanshunguye.
Mpimbazwa no gukora ibyo ashaka, kuko yanshunguye.*
3. *Nzahora mpamya ntacyo nikenga, yuko yanshunguye.
Sinzashidikanya ngo ncogore, kuko yanshunguye.*
4. *Mfite aho yanteguriye heza, kuko yanshunguye.
Niho nzibanira nawe iteka, kuko yanshunguye.*

Ibyo byatumaga Satani ahora amurakariye cyane. Yakoraga ibishoboka byose, kugira ngo amuhate ubuzima bubi cyane. Yabonaga ibyo kurya bimugoye cyane, n'ubwo abana be babiri bari barakoshotse, kubera imibereho mibi, no kurya nabi, ndetse rimwe na rimwe bakabibura. Ntabwo binubiraga ibigeragezo Satani yari yarabategesheje impande zose. Uko umugore yagiraga ikimubabaza yafataga igitabo cy'indirimbo akaririmba ati: Nzasingiza urukundo rwa Yesu wambambiwe ati: yaranshunguye. Ibi bigatuma Satani akubita agatoki ku kandi ati: Amaherezo, tuzamubona! Uko bucyeye yabyukaga yirukanka mu ngo, ava muri rumwe ajya mu rundi, yaka imyenda yo kumesa. Satani nawe amuriho n'abadaimoni be akamutesha akazi. N'ako agize ngo arabonye, bikaba kumesa amabyi y'abana b'abakire; kandi nabwo bakamuhenda. Akabifata atinuba, akabimesa nta gomwa, akabicyesha rwose. Yesu niwe wamubashishaga kutinubira akaga yarimo. Kubera imirimo mibi yakoraga, bese bari baramuhimbye izina rya "NYIRARUHATO".

Satani yari yaramwibasiye cyane. Abamubonaga bese bamutangangaho urugero rwo kwihangana bati: Ese kwihangana ukageza aka "NYIRARUHATO"! Ari umwana, ari umukuru, bese bari bazi "NYIRARUHATO". Niwe wandururaga imyanda yose bese bagiye binubira muri segiteri yose. Yakoraga

byose atinuba, kandi akabikora nk'uwikorera. Abanyamadini bamuvugagaho bati: ingorane za "NYIRARUHATO" zageze ku Mana; ariko Uwiteka azi impamvu z'imibabaro ye. Abapagani bavugaga bati: Niba Imana ibaho koko, kuki itaruhura "NYIRARUHATO" mu ngorane ze? Uwabaga afite imyenda yanduye cyane wese, bamubwiraga bati: nta wundi wayimesa keretse "NYIRARUHATO".

Intoke za "NYIRARUHATO" zari zarahindutse nk'ubuhiri, kubera imyanda yakoragamo abandi barayanze! Ariko kubera ko akazi keza Satani yakamwimishaga, yagakora ibyo abandi banze gukora; intoke ze zari zimeze nk'umunwa w'inkoko. Uwahuraga na "NYIRARUHATO" wese yasomaga mu maso he umucyo uvanze n'umuruho. Bityo, yari yarazinze iminkanyari imeze nk'imisitari mu mpanga, bitewe n'uruhato. Ariko hari ikintu yarushaga abandi: yakundaga guseka no kwishyira mu mutuzo igihe cyose. Abapagani bamuciragaho umugani, bati: "usa n'uwa-gashize nka NYIRARUHATO!" Ibyiringiro byahoraga mu mutima we ni: "Uwiteka azakubera ibyiringiro kandi azarinda ikirenge cyawe gufatwa." *Imigani* 3:26; "Hahirwa uwizera Uwiteka, Uwiteka akamubera ibyiringiro" *Yeremiya* 17:7; *Soma n' Imigani* 3:5-6.

Uwo mupfakazi yari afite imbaraga y'Imana ituma ahorana umunezero mu makuba no mu ngorane. Abantu benshi bamuhaga akazi, bashaka kumwigirizaho nkana, kugira ngo barebe uko abyifatamo. Abamaraika b'Imana bamurindaga uburwayi, kwiheba, no gucika intege. Kubera ubuhamya bwa "NYIRARUHATO", abantu benshi bari baratwawe n'amaganya y'isi, babashije kumwigiraho kwihangana, bituma benshi bakizwa, bemera agakiza k'Imana ya "NYIRARUHATO". Imbuto yeraga zatumaga Satani arushaho kumwibasira n'uburakari bwinshi cyane. Igihe kimwe, Satani afata icyemezo cyo kumuroha mu ruzi agapfa. Hari benshi bazaga kuganira na "NYIRARUHATO", bagafashwa, bakiyegurira Imana. Ibyo bikarya Satani n'ingabo ze, nuko yiyemeza kumuroha mu ruzi.

Ubwo "NYIRARUHATO" yari ku nkungero y'uruzi, amesa, yaje kunyerera aho yamennye amazi, Satani amuraha akaguru! Ubwo yarimo arwana no kutagwamo, afata ibyatsi, ariko Satani arabirandura! Aho ashinze amano, ubutaka bumuteze Satani akabutsura! Ubwo yari amugejeje mu ruzi hafi y'isumo ribi, amaze kunanirwa no kwiheba; amabere ye yasharambuwe n'ibibuye byari byaciye ishata ye, avirirana, nibwo yavuze ati: "Mwami Yesu, akira Roho y'umuja wawe: kuko ushimye ko umuja wawe nduhuka imihati yanjye". Akimara kuvuga ayo magambo, yumva ibirenge bye bikandagiye ku ibuye ry'urutare rushikamye neza. Arahagarara neza, ntiyongera gutembanwa ukundi. Nuko abashumba bari baragiye hafi aho, bari baturujwe no kumutabara, baba barahageze! Bazana umurunga, barawumujugunyira, arawizirika, baramukurura, avamo akiri muzima! Satani ararakara akubita agatoki ku kandi. Amutega ikindi gihe.

Nuko inkuru igera hose muri Segiteri yose, ko "NYIRARUHATO" yarohamye. Abatuye Segiteri bahuruzwa no kujya gutabara "NYIRARUHATO". Bamwe bagendaga batakira Imana bati: kiza "NYIRARUHATO" kuko tutabona undi muntu ugira umutima mwiza nk'uwe, wajya atumesera ibyahi n'amabyi y'abana bacu. Abandi bati: Mukize, dukomeze kumwigiraho byinshi, kandi turacyamukeneye. Nuko bageze aho yameseraga, basanze ari muzima, bese bavuze impundu bati: nubundi twari tuzi ko Imana ya "NYIRARUHATO" itari bumutererane! Ariko babonye ibisebe mu mabere ye avirirana, bamwe bati: Satani yamuteye ijanja rye! Ariko n'ubwo yaviriranaga, basanze ashima Imana, kandi yishimye uko bisanzwe. Bamubajije impamvu atababaye, arabasubiza aseka ati:

Uwiteka agerageza abakiranutsi: ariko umunyabyaha n'ukunda urugomo, umutima we urabanga". *Zaburi 11:5.*

Kuko batita ku mirimo y'Uwiteka, cyangwa ku by'intore ze zikora, azabasenya, ntazabubaka". *Zaburi 28:5.*

Abanyabyaha bazabona imibabaro myinshi: ariko uwiringira Uwiteka imbabazi ze zizamugota". *Zaburi 32:10.*

Dore ijisho ry'Uwiteka riri ku bamwubaha, riri ku bategereza imbabazi ze: ngo akize ubugingo bwa bo urupfu, abarinde inzara, badapfa". *Zaburi 33:18-19.*

Amakuba n'ibyago by'umukiranutsi ni byinshi: ariko Uwiteka amukiza muri byose. Arinda amagufa ye yose, nta na rimwe rivunika". *Zaburi 34: 19-20.*

Akimara kuvuga iryo sezerano ry'Imana; abakristo bari aho bose, bavugira icyarimwe bati: Amen!! Uwiteka ahimbazwe! Amen!!

Nuko "NYIRARUHATO" afata ijambo ati: Guhera ubu nsabye ko mutazongera kunyita "NYIRARUHATO" rwa Satani, ahubwo mujye munyita "NYIRAMUGISHA" kuko Yesu yanshungeye ubwa kabiri uyu munsu. Asaba ko bamufasha kuririmba indirimbo ye, bose bari barayifashe kuko yakundaga kuyiririmba ati: YARANSHUNGUYE (126).

Abihannye uwo munsu ku bw'ubuhamya bwa "NYIRARUHATO", bikubye inshuro nyinshi abihanishijwe n'imirimbo ye mu ruhato rwa Satani.

UWITEKA AZI IMPAMVU Z'INGORANE Zawe. WIRIRA. SOMA Yesaya 26:3.

Hashize iminsi, "NYIRAMUGISHA" ajya nanone kumesera ku kidendezi. Ubwo yari yunamwe amesa, Satani atsura akabase hagati mu kidendezi cyari gifite metero nka zirindwi ibujya-kuzimu. Nuko "NYIRAMUGISHA" abona ibase iramucitse igwa mu mazi, kandi adafite uko yongera kuyibona. Nuko azinga imyenda ye, azamuka kwicara ahirengeye areba uko ibase iteraganwa n'amazi. Abari kumwe nawe bamesa, batera hejuru, bati: imbehe ya "NYIRAMUGISHA" iramucitse! Noneho se abana be baratungwa n'iki? Ariko we yari yicecekeye, yibwira mu mutima we ati: "IMANA IZI IMPAMVU". Nuko babona umuzungu wari wazanye ubwato bw'umwuka witembereraga kure, babona yerekeje ubwato bwe aho ibase ya "NYIRAMUGISHA" iri. Ayigeze iruhande, arakata, arayifata, ayizana ku nkombe,

ayihereza nyirayo. Nuko "NYIRAMUGISHA", aramubwira ati: ndagushimiye cyane, ariko kubera ko ndi umukene, simfite icyo nguhaho igihembo. Umutungo mfite, ni iyi base ishaje, mba nyiguhayeho ishimwe, ariko niyo mbehe yanjye. Nuko uwo mugiraneza akora mu mufuka, amuha amadorari 1.000, ati : ugende uguremo izindi nk'izo ukeneye. Kuko nsanze uri umukene mwiza, uzi gushimira ineza ugiriwe. Ati: iyo nkoze igikorwa cyiza, nkagishimirwa, biranezeza; kuko : Sinkunda "INTASHIMA".

ZIRIKANA:

Muri iyi minsi y'imperuka, abana b'Imana bagomba kugira ukwihangana nk'ukwa "NYIRARUHATO". Abana b'Imana bazahura n'ibirushya byinshi: ubukene, ubushomeri, kurumbya imyaka, gucuruza uhomba, kubura imirimo, inzara, indwara n'ibindi.... ariko bagomba kumera nka "NYIRARUHATO". Abamerewe neza ubu, bazateseka, abari abakire bazakena, abacuruzabazahomba, abafite imirimo bazayirukanwaho, kuko bazahatirwa kuja mu mashyirahamwe n'amasendika y'abakozi, no gukora ku isabato, kimwe mu bizatera akaga abana b'Imana. Ariko uko byagenda kose tugomba kumera nka "NYIRARUHATO" mu kwihanganira ibirushya byose. Kandi uwihangana akageza imperuka niwe uzakizwa. *Matayo 24:13*. Tugomba kugira ukwizera nk'ukwa Habakuki wavuze ati: "Naho umutini utatoha...! *"Habakuki 3:17-18*. Bishatse kuvuga ngo: "naho ibyo nshaka ntabibona", ntakabuza ko nishimira Uwiteka, nkanezerwa mu Mana y'agakiza kanjye. Ukwizera tugomba kugeraho, ni ukwizera kutajegezwa n'ingorane, ubukene n'inzara. Ukwizera ukomeza kugira n'ubwo waba ushonje. Ukwizera kudaturutse ku murengwe cyangwa ku kugubwa neza mu buzima. Ukwizera gushikamye nk'ukwa "NYIRARUHATO". Ukwizera kutari ukw'IKINYENGA! Ukwizera kwera imbuto nziza. Tujya gusenga twariye neza, tugendera mu mamodoka meza, twambaye neza, tuguwe neza. Twavayo, tukajya kurya, kunywa, tukajya gutembera no gusura inshuti zacu. Abandi bajya gusenga bashaka kwibonana n'inshuti zabo bahanye randevu, bakajyana iyo bashaka kuja kwinezeza nyuma ya porogaramu yo ku rusengeru. Abandi bazanwa no kurata amamodoka yabo n'ibindi.

Ubukristo bw'iki gihe bwabaye ubw'IRAHA. Ku rusengero hahindutse aho abantu bamwe baturira muri randevu zabo, kugira ngo bavugane iby'inyungu zabo. Abakristo bajya gusenga baguwe neza. Abapasiteri bagendera mu mavatiri meza, abandi ku mapikipiki n'amagare! Umurimo w'ubushumba wahindutse umurimo wo kwishakira ubutunzi nk'indi yose. Bamwe bavunwa n'umubyibuho utewe no kugubwa neza, baratunganiwe. Ubukristo nk'ubwo ni nde bwananira? Kuryama neza, gutura heza, gutwarwa neza, gufatwa neza mu mutekano wose. Ariko igihe kigiye kugera, ubwo ubukristo bw'ikinyenga buzavaho. Ahari ibitwenge, habe amarira, umubabaro n'agahinda. Ahari umudamararo habe ishavu. Ubukristo bw'ikinyenga bugiye kurangira! Byanze bikunze tugomba kugera ikirenge mu cy'intumwa za Yesu. Ibyo dutunze ubu, tubishakemo ubwami bw'Imana no gukiranuka kwayo bigishoboka! Kuko bizaba ngombwa ko tunyuzwa mu kayunguruzo ka Satani.
Soma: *Matayo 6:31-32. Luka 13:24-25. Luka 9:25. Yobu 34:11. Yobu 34:23.*

8. UWIZERA YESU NTAZAKORWA N'ISONI 7.

MU BIBAHO BYOSE, MUJYE MUHORA MUSHIMA IMANA. NIBYO IMANA IBASHAKAHO

KWIZERA KUGIRA IMBARAGA IKOMEYE.
UMUNTU WESE AZAKIZWA NO KWIZERA KWE.

Iyo kwizera gushikamye mu Mana, gutera umukristo imbaraga zikomeye zo kwitangira gukora umurimo w'Imana, atitaye ku nyungu ze. Ntiyizirikana ubwe gusa, ahubwo azirikana n'abandi. Ufite ukwizera, kumubera umuti ukiza.

" Abakristo bateraniraga ku gasozi akaba ariho bigira ijamba ry'Imana. Igihe kimwe imvura ibabuza kwiga, bataha nta cyo bize kubera kubura aho bikinga imvura. Nuko ubwo bari bongeye guterana, bagezwaho igitekerezo cy'umuyobozi wabo yari yagize cyo kubakira Imana urusengero rwo bazajya basengeramo. Nuko biba ngombwa ko basaba umwizera wese intwerera-

no. Bose batanga uko bishoboye ; nuko babasha kugura ibiti n'imbariro n'imigozi, batangira kwiyubakira bo ubwabo. Kuko amafaranga yababanye make.

Urusengero rurahagarikwa, maze batangira kuruhoma, buri mukristo wese agira uruhare rwe atanga : utabashije kubaka, agahoma akavoma amazi cyangwa agakata urwondo akaruherekeza abahoma, mu gihe gito baba barangije uwo murimo, ariko bagira ingorane zo kubona amabati yo gusakara. Imvura itangira kuja irusenywa. Bakarurebana agahinda, ntacyo bashoboye kongeraho : kuko bose bari abakene n'ubwo bari bafite ishyamba ryiza.

Igihe kimwe, imvura y'amahindu irarwangiza cyane ; maze ubwo wa muyobozi yarukubitaga amaso, yaririye mu mutima ; maze agira ubutwari budasanze n'ukwiyanga gukomeye tutasanga muri benshi b'iki gihe. Afata icyemezo cyo gusakambura amabati yari asakaye inzu ye ; maze ajya gushaka amashitingi aba ariyo asimbuza ya mabati yakuyeho. Nuko ajyana ya mabati kuri rwa rusengero rw'Imana. Abantu bose babibonye baramutuka ngo ni ikigori. Ngo agiye gutera akaga umuryango we, barware malariya, biturutse ku bucucu bwe. Arabasubiza ati : sinkwiriye gutura aheza, naho inzu y'Imana ngo ihinduke umusaka? Ibyo nabikoze, nabikoze ntahubutse kandi nabitekerejeho neza. Imana yanyubakiye iriya nzu nasakambuye, izongera iyisakare ! Ariko izina ry'Imana yacu rye gusuzugurwa mu bapanga ! Kandi naho itayisakara, nzayiberamo aho.

Abakristo bamenye ibyamubayeho bose bamwikubita imbere nk'umubyeyi wabo wemeye kubitangira. Baramubwirabati : Ntacyo dufite cyo kukwitura, ariko uwitura imirimo myiza afite ubushobozi bukomeye bwo kugusakarira inzu, ndetse akakurinda na malariya ! Hahise iminsi, igihe kimwe, hanyura umugira neza, arebye iyo nzu nziza ishakaje shitingi biramutangaza ! Bituma aza kureba ko ituwemo. Asangamo umugore n'abana ! Arumirwa ! Nuko afata icyemezo cyo kubazanira amabati ayisakaye yose. Ubwo iyo nzu yari yongewe gusakazwa

amabati mashya, wa mukristo ashimira Imana ibyo yamukoreye ati : Natanze amabati ashaje, none Imana inyishyuye amabati mashya ! Izina ry'Uwiteka rihimbazwe ! Amen !"

" Mbese birakwiye ko mwibera mu mazu yanyu y'ibitabashwa, naho urusengero rw'Imana rukaba umusaka ? " Hagai 1 :4

- Uwiteka Imana irabaza iti : Ninde wabanje kumpa nkamwitura ? Watanze iki ? Uziturwa iki ? Impano'amaturu dutanga tubyegurira nde ? Ijuru ntiriyandika ituro utuye buri munsigusa, ahubwo ryandika n'uwo ryeguriwe uwo ari we. Mbese amaturu utanga uyatura nde ? Impano yawe uyiha nde ? Ntimwishuke, umutima utangana iyo, mpano niwo Imana yitaho cyane kuruta igikorwa kigaragarira amaso y'abantu. Yandika umutima ugutanganye n'uwo cyeguriwe. Hari byinshi byitirirwa Yesu ariko bikaba byamaze kwegurirwa satani.
- Ijambo ry'Imana riravuga ngo : kwizera kutagira imirimo kuba gupfuye. Yakobo 2 :26.
- Watanze iki Imana ibasha kukwibukiraho ikakwitura ? Umenye ko iyo kwizera kutagira imirimo kuba gupfuye ! Uwakoze ibyiza, aziturwa ibyiza. Uwakoze ibibi nawe aziturwa ibibi bye.

" Umukristo wo mu Itorero rimwe witwa Tadeyo yari umushoferi wa Taxi MINIBUS. Yampaye ubuhamya bushingiye



ku kwizera kwe ku ngingo yo guhora dushimira Imana ku bibaho byose, numva bimfashije cyane. Kuko Tadeyo nari nzi mbere atari we nabonye ubwa nyuma aho duherukaniye. Burya koko Uwiteka azi impamvu z'ingorane zacu; Uwiteka azi abe.

" Tadeyo yari umushoferi wa Taxi MINIBUS. Ubwo twahuraga agenda n'amaguru, namubonye agenda muri kamba-mbili, akaguru kamwe



**Petero na Yohana bakiriza ikirema
ku irembo ry'Urusengero gisabiriza.**

«Abonye Petero na Yohana bagiye kwinjira mu Rusengero, arabasaba ngo bamuhe. Petero na Yohana baramutumbira, Petero afamubwira ati: Uturebe. Abitaho, agira ngo hari icyo bamuha. Petero afamubwira ati: Ifeza n'izahabu ntabwo dufite ahubwo icyo dufite ndakiguha mu izina rya Yesu Kristo w'i Nazareti, haguruka ugende. Maze amufata ukuboko kw'iburyo aramuhagurutsa»
Ibyakozwe 3:3-10

gafunzeho igitambaro cyo kwa muganga kugeza ku kirenge. Namubajije uko byamugendekeye, ambwira ko yakoze agisida atwaye imodoka, akaba yari arangije hafi umwaka arwaye, ndetse akaba yaragiye no mu bitaro. Yakomeje ambwira ati: uku kuguru kurimo ibyuma kwa muganga banteyemo. icyanshimishije n'ubwo nari mbabajwe n'ingorane yagize, nuko yambwiye ati: "ubu ndashima Imana namenye; kuko yanyeretse ibikomeye byayo ntari nzi mbere. Ati: ngitwara taxi buri munsu natahanaga amafaranga ibihumbi bibiri cyangwa bitatu, ariko ngataha ndira ngo: **NTAKI-GENDA!** Ibyo nibyo nahoraga mvuga uko hagize ugira icyo ambaza. Nari nzi ko ari nje utunze umuryango w'abantu 13. Ariko ubwo nari maze gukora agisida, numvise biturangiranye, kuko nta kindi nari mfite nishingikirizaho uretse Yesu wenyine. Nize kwirundarundira muri Yesu, akaba ariwe uyobora byose. Nishyize mu maboko y'Imana n'umuryango wanjye, maze Uwitwaga anyereka ukuri kw'amagambo yavuze muri *Matayo 6:25-33*, aho yagiraga ati:

"Ntimukiganyire ngo mutekereze iby'ubugingo muti: tuzarya iki? Cyangwa muti tuzanywa iki? Ntimwiganyire ngo mutekereze iby'umubiri wanyu muti: tuzambara iki? Mbese ubugingo ntiburuta ibyo kurya, umubiri nturuta imyambaro? Nimurebe ibiguruka mu kirere, ntibibiba, ntibisarura, ntibihunika mu bigega, kandi so wo mu ijuru arabigaburira nabyo. Mwebwe ntimubiruta cyane?"

Q: "Ninde wo muri mwe wakwiganyira wabasha kwiunguraho umukono umwe? Mutekereze uburabyo bwo ku gasozi, uko bumera; ntibugira umurimo, ntibuboha imyenda; kandi ndababwira yuko Salomo mu bwiza bwe bwose atarimbaga nk'akarabyo kamwe ko muri ubu. Ariko Imana ubwo yambikaga ubwatsi bwo mu gasozi ityo, buriho none, ejo bakabujugunya mu muriro, ntizarushaho kubambika, mwa bafite ukwizera guke mwe?"

"Nuko ntimukiganyire mugira ngo tuzarya iki? Cyangwa ngo tuzanywa iki? Cyangwa ngo Tuzambara iki? Kuko ibyo byose abapagani babishakaga: kandi So wo mu ijuru azi ko mubikwiriye byose. Ahubwo mubanze mushake ubwami bw'Imana no

gukiranuka kwa yo, nibwo ibyo byose muzabyongererwa ".

Ayo magambo sinabashaga kuyasobanukirwa neza; ariko ubwo nari kwa muganga ku gitanda, nibwo Yesu yanyigishije bikomeye. Ayo mezi yose nahamaze ndetse kugeza ubu, Uwiteka Imana niyo yantunze, kandi intungira n'umuryango w'abantu 13. Ni igitangaza gikomeye cyane! Nabashije kumenya no gusobanukirwa neza ko amasezerano y'Imana ari ay'ukuri rwose. icyo tubura ni UKWIZERA TUDASHIDIKANYA UKURI KWAYO. Igihe nakoraga hari ubwo twagiraga amatariki mabi. Ariko ubwo nari kwa muganga, buri gihe nabonaga ibyo kurya n'ibyo kunywa igihe cyabyo. None ninde wabidushakiraga wundi uretse Yesu? Yesu ni inshuti ihebuje". Imana niyo buhungiro bwacu n'imbaraga zacu. Ni umufasha utabura kuboneka mu byago no mu makuba". Zaburi 46:1. Ati: ni ukuri rwose koko UWIZERA YESU, NTAZA-KORWA N'ISONI". Uwiteka azi iminsi y'abatunganye, umwandu wabo uhoraho iteka. Ntibazakorwa n'isoni mu gihe cy'ibyago. Mu minsi y'inzara bazahazwa". Zaburi 37:18-19.

Akomeza agira ati: nanyuze mu minsi mibi y'inzara, ariko Uwiteka yandamije ukuboko kwe. Ubu mva mu rugo, ntembera, menyereza ukuguru kurimo tije; ngenda ntacyo nsize mu rugo cyo kurya, ndetse ntafite n'itike. Ariko iyo ngenda numva nshikije umutima hamwe, nta nkeke mfite: kuko ibyo Yesu yarabinkijije rwose. Ahubwo nizera Yesu, nkishyira mu bushake bwe, ngategereza icyo aza kunkorera; kuko ndi ikimuga cye; antunga nkuko atunga ibiguruka, kugeza igihe azangenera ubundi buryo bwo kugira icyo nkora. Umugore wanjye nta kazi akora, ariko ibidutunga bituruka mu maboko y'Imana. Arongera ati: mbere, nari nzi ko ndi umukristo, ariko ubu nibwo namenye ko Kristo abana n'abantu be mu mibereho yabo ya buri muni. Ubu nibwo nakiriye agakiza ka Yesu. Ati: nubwo ubu nabona amafaranga, cyangwa se ntayabona, ntibimbuza gushima Yesu, kuko ari we uzi impamvu z'ingorane zanjye. Ntabwo nzasabiriza, "Nzahimbaza Uwiteka iminsi yose, ishimwe rye rizaba mu kanwa kanjye iteka". Zaburi 34:1. "

IMANA NTIKUNDA INTASHIMA

" Mu bibaho byose mujye muhora mushima. Kuko ari byo Imana ibashakaho muri Kristo Yesu". 1 Abatesalonike 5 :18.

"Igihe kimwe, Satani yagiye kwirata ku Mana, agira ati: abantu waremye bose nabahinduye *INTASHIMA*. Isi yose yemeye umugambi wanjye. Ndetse n'abakristo nabo nabahinduye intashima! Ati: nugira ngo ndabeshya, genda ubagerageze urebe. Wenda uhere ku bakristo bawe da! Wenda nugira n'abo ubona, bazaba ari mbarwa!

Nuko Imana itegeka abamaraika bayo bajyana kuri buri rugo rw'umukristo, ibiseke bibiri: kimwe cyanditseho "*GUSHIMA*", ikindi nacyo cyanditseho "*GUSABA*". Nuko babigenze batyo. Ibyo abakristo bavugaga byose byajyaga mu giseke bikwiriye kujyamo. Buri gitondo na nimugoroba, abamaraika bazaga gutwara ibyo biseke, maze Imana igafata igihe cyo kureba ibyo abakristo bakoze muri ibyo biseke byombi. Ikintu gitangaje cyane, nuko nk'uko Satani yari yabivuze, Imana yarakajwe cyane no kubona mu giseke cyo "*gushima*" ibaruwa imwe, cyangwa ebyiri gusa. Ariko mu giseke cyo "*gusaba*", abamaraika bagiteruraga ari babiri, kubera ibigitsindagiyemo biremereye cyane!

Uko bazanaga igiseke kimwe, kigasimburwa n'ibindi byinshi, niko Abamaraika batangazwaga cyane no kubona ibiseke byo *GUSHIMA* byinshi by'abakire b'abakristo birimo ubusa! Maze bakabona Imana ibabaye cyane, ikagira iti: *NI IKI NTABAKOREYE CYATUMYE BAHINDUKA INTASHIMA!* Ibiri amambu ahubwo, mu biseke by'abakene nyakuja, nimwo amabaruwa menshi yo gushima Imana yabonekaga. Uko hakomezaga gukora iryo barura ry'intashima, niko Satani n'ingabo ze bari bashungereye Imana, bateraga hejuru biyamirira cyane bati: ngaho da! Umva ko isi tutayigaruriye! Bati ngaho reba no mu biseke by'abayobozi b'amadini ya gikristo. Nuko bazanye ibiseke by'abayobozi, Uwiteka arumirwa! Ingabo zose z'abamaraika zigwa mu kantu. Satani ati: ngizo impumyi zirandase izindi mpumyi! Igihe Imana yari bugufi bwo kurangiza iyo raporo, yabonye abamaraika bashinzwe umurimo wo kurinda ubwoko bw'Imana basesekaye

aho, babira ibyuya! Bazanye ibiseke binini cyane! Basomye kuri ibyo biseke, babona handitsweho ngo: *INTORE Z'IMANA, "IBISEKE BYO GUSHIMA KW'ABERA B'ISHOBORA BYOSE"*. Igiseke kimwe cyari giteruwe n'abamaraika benshi cyane, kubera uburemere bwacyo. Nuko Satani n'ingabo ze babibonye bakanura amaso cyane, bazinga iminkanyari mu mpanga.

Uwiteka aratega ati: Nimuzane ibyo biseke by'intore zanjye hano! Barabizana. Nuko batangira kuzana kimwe kimwe, bapakururamo amabashya aremereye cyane, ku buryo ibaruwa imwe yapimaga 10kgs. Imana inezezwa cyane n'ishimwe ryinshi riturutse ku ntore zayo. Maze ubwo bateruraga cya giseke kinini cyari gitsindagiyemo ibindi byinshi, ingabo z'abamaraika bera zikubita hasi zubanye imbere y'Imana Ishobora byose, zigira ziti: *ISHIMWE N'ICYUBAHIRO NI IBY'UWITEKA IMANA ISHOBOA BYOSE! Halleluya! Amen!*
BUMVA IJWI RY'UWITEKA IMANA ISHOBOA BYOSE
RIVUGA RITI:

- Unesha, nzamuha kurya ku mbuto z'igiti cy'ubugingo kiri muri Paradizo y'Imana". Ibyahishuwe 2:7.

- Unesha, ntacyo azatwarwa n'urupfu rwa kabiri". Ibyahishuwe 2:11.

- Unesha, nzamuha kurya kuri Manu yahishwe, muhe n'ibuye ryera, ryanditsweho izina rishya ritazwi n'umuntu wese, keretse urihabwa". Ibyahishuwe 2:17.

- Unesha, akitondera imirimo yanjye, akageza ku mperuka, nzamuha ubutware bwo gutwara amahanga yose". Ibyahishuwe 2:26.

- Unesha, niwe uzambikwa imyenda yera, kandi sinzahanagura izina rye mu gitabo cy'ubugingo, ahubwo nzaturira izina rye imbere ya Data n'imbere y'Abamaraika be". Ibyahishuwe 3:5.

- Unesha, nzamugira inkingi yo mu Rusengero rw'Imana yanjye kandi ntazasohokamo ukundi, nanjye nzamwandikaho izina ry'Imana yanjye n'iry'ururembo rw'Imana yanjye, nirwo Yerusalemu nshya, izamanuka iva mu ijuru, iturutse ku Mana yanjye kandi nzamwambika izina ryanjye rishya". Ibyahishuwe 3:12.

- Unesha, nzamuha kwicarana nanjye ku ntebe y'ubwami, nk'uko nanjye nanesheje nkicarana na Data ku ntebe ye". Ibyahishuwe 3:21.

- Dore ndaza vuba, nzanjye ingororano, kugira ngo ngororere umuntu wese ibikwiriye ibyo yakoze. Ndi Alufa na Omega, uwa mbere n' uwa nyuma, itangiriro n' iherezo". Ibyahishuwe 22:12-13.

- Ukiranirwa agumye akiranirwe; uwanduye agumye yandure; umukiranutsi agumye akiranuke; uwera agumye yezwe". Ibyahishuwe 22:11. "

Ngaho rero! Nuko mutekereze amaherezo y'INTASHIMA! Muri iki gihe abantu benshi barwaye indwara mbi yitwa "WAPI"! Ntakigenda! Iyo ndwara ifite virusi yanduza cyane. Abakristo benshi muri iki gihe imitima yabo ipfunditsemo WAPI! Ya virusi y'intashima yabaritsemo. Benshi bahorana ubusharire buruta ubw'umuravumba. Umururumba w'amafaranga niwo wuzuye umutima wabo. Bamwe ntibagitinya no kwambura abakozi babo ibihembo byabo. Ingwize niyo yibasiye imitima yabo. Ibyo Imana ibahaye babirya babiririramo. Ejo nzamera nte? Yabakuyemo ukwiringira Imana. Bashaka gukemura ibibazo bakoresheje ingufu z'ubwenge-nshakura bwabo. Ibyo bibaviramo guteka imitwe nk'abapagani. Benshi bashimisha Imana iminwa yabo naho iryinyo rigeretse ku rindi. Kandi iyo ugenzuye neza abameze batyo, usanga koko "Ab'Imana yahaye amata, aribo bayimye amatwi! Nuko rero, uwibwira ko ahagaze, yirinde atagwa! Abefeso 5:15-17.

9. UWIZERA YESU NTAZAKORWA N'ISONI 8

UKWIZERA IMANA IDUSHAKAHO, NI UKWERA IMBUTO NZIZA.

"Nubu intorezo igezwe ku bishyitsi by'ibiti: nuko igiti cyose kitera imbuto nziza kiracibwa kikajugunywa mu muriro." Luka 3:9

"Kuko ari nta giti cyiza cyera imbuto mbi, cyangwa igiti kibi cyera imbuto nziza." Luka 6:43

Ukwizera Imana idushakaho, ni ukwizera kugaragazwa n'imirimo myiza ihesha Imana icyubahiro, igatuma izina ryayo risingizwa mu isi yose. Ukwizera kutagira imirimo, kuba gupfuye. Mbese wizera Yesu? Imirimo yawe izabyerekana!

" Ubwo naganiraga n'umupasitori wacu duhuriye muri taxi, namusanze yishimye n'ubwo n'ubundi ari umwe mu mico ye.

YESU AVUMA IGITI CY'UMUTINI CYANZE KWERA IMBUTO, GIHITA CYUMA !



Yesu yaje kugishakaho imbuto zo kurya ashonje arazibura. Ahita avuma icyo giti ati: "Ntuzongere kwera ukundi" ! Icyo giti gishushanya umukristo utera imbuto zikwiriye abihana. Soma Matayo 21 :18.....

Arambwira ati: uyu munsi, ndanezerewe cyane; kuko hari igikorwa cy'ingenzi Yesu yankoreye. Akomeza agira ati: koko **UWIZERA YESU NTAZAKORWA N'ISONI**. Mu mutima wanjye niyumvishaga ko Yesu yamukoreye ibikomeye afitemo inyungu ze.

Ariko icyantangaje cyane, kandi kikanshimisha cyane, n'uko icyo Yesu yamukoreye yari anezererewe, si igikorwa we afitemo inyungu ze bwite; ahubwo yari amaze iminsi arwana intambara yo kugira ngo umunyehsuri we wari umaze iminsi muke abatijwe, akaza kugira ingorane z'umubyeyi we wamurihiriraga amafaranga y'ishuri wari utakiriho, atagifite kirengera; hagombaga kuboneka amafaranga y'ishuri. N'ubwo we yari

yaratangiye kumwakira iwe, akaba ari ho yibera; ngo yari amaze igihe ashakisha ukuntu amafaranga y'ishuri yaboneka, uwo mwana akiga. Ubwa mbere yateranije abayobozi bafatanije bose kuyobora ikigo, buri wese yigomwa umubare runaka, baraterateranya, araboneka. Nuko umwana ariga. Pasiteri yakomeje gushaka uko intama ye itazimira.

Ariko umwaka ukurikiyeho yongeye kugerageza nka mbere ntibyashoboka. Mu gushakisha uko yarwana kuri uwo mwana, yagejeje n'igihe atanga umushahara we ho ingwate y'ubwishyu bw'amafaranga y'ishuri. Ndetse habaho uburyo bwo kugenda agenderera abantu azi ko bagira icyo bamufasha kuri icyo kibazo; ariko bigafata ubusa. Nubwo Satani yakomezaga kumuhebya, ariko ntabwo yacitse intege mu gushaka kurengera uwo mwana, dore ko atari we yari abikoreye ubwa mbere wenyine. Burya gushaka, niko gushobora! Yakomeje gutakambira Imana itanga inzira nziza. Ikoresha umuyobozi w'ikigo (umukristo mwiza ukunda Imana) yemera kumwakira nk'umukene nyakujya urihirwa n'ikigo, ndetse amushyira mu kigo hamwe n'abandi banyeshuri batuyemo, n'ubwo uwo mupasiteri yari yemeye kumucumbikira iwe. Uwo muyobozi w'ikigo yaramubwiye ati: Pasiteri, nzi ko uri umukene kandi nawe ufite ingorane nyinshi, wagaragaje umutima mwiza; none nsanze ngomba kukorohereza ingorane. Uyu mwana azishingirwa n'ikigo."

Ubwo yabimbwiraga, ashimira Imana cyane, ko yatabaye uyu mwana; byanteye kwibaza nti: Ese inyungu ye muri ibyo ni iyihe, ko yishimye? Inyungu ye, ni uko intama y'Imana yari igiye kugwa mu rwobo, yatabawe, igakomeza kubana n'izindi mu rwuri. Uyu, ni umushumba mwiza wemera kwitangira izo aragiye. Uyu, ni umushumba mwiza ufite urukundo rutizirikana gusa, ahubwo azirikana n'abandi; uko niko kwizera kwera imbuto nziza. Ese wowe ubona ntacyo wakorerera abandi mu byo ushoboye gukora? Ntabwo wakwerera Yesu imbuto nziza!

"Igiti cyose kimenyekanishwa n'imbuta zacyo: ntibasoromaimbuta z'umutini ku mugenge, cyangwa imizabibu ku mufatangwe. Umuntu

mwiza atanga ibyiza abikuye mu butunzi bwiza bwo mu mutima we: n'umuntu mubi atanga ibibi abikuye mu butunzi bwe bubi: kuko ibyuzuye umutima, aribyo akanwa kavuga." Luka6:44-45.

ZIRIKANA:

- Upfusha igihe ubusa, kandi ari ingenzi rwose. Mbese nta mwanya ufite wo gukorera Yesu?
- Nturushya ugerageza gutarura abazimiye; Mbese nta mwanya ufite wo gukorera Yesu?
- Mbese ko umaranira kwishakira ubutunzi, nta gihe ufite washishikarira ibya Yesu?
- Dore uharanira kwikubira ibinezeza by'isi; nta gihe washishikarira ibya Yesu?
- Wabaye ingumba nk'igiti cy'ibibabi gusa. Mbese ntabwo wazerera Umwami Yesu imbuto?
- Ntacyo ufite cyo kuzamumurikira nagaruka; Mbese ntabwo wazerera Umwami Yesu imbuto?

Yesu yaravuze ati:

- Umuntu wese umbwira ati: Mwami, Mwami, siwe uzinjira mu bwami bwo mu ijuru, keretse ukora ibyo Data wo mu ijuru ashaka". *Matayo 7:21.*
- Haracyasigaye igihe kigufi cyane, kandi uza azaza, ntazatinda. Ariko umukiranutsi wanjye azabeshwaho no kwizera. Nyamara nasubira inyuma, umutima wanjye ntuzamwishimira". *Abaheburayo 10:37-38.*

10. KORA UGIFITE UBURYO: KUKO UTAZABUHORANA!

IBYO DUKORA BIGENDANA NATWE AHO TUJYA HOSE 1

"Uko wagenje niko uzagenziwa; ibyo wagize bizagusubira ku mutwe". Obadia 1:15.

Imana ntikunda indyarya - nkristo! Mesa kamwe!

"Umupasiteri yanze gucumbikira abantu bari mu modoka, ibapfiriye. Bageze ku rusengero, baramwinginga ngo wenda abareke barare aho hafi y'urusengero. Ariko yarababajije ati: ese ubundi mukomoka he? Baramusubiza bati: ni ku Gisenyi no mu Ruhengeri. Arongera arabitegereza neza, abatunze itoroshi, guhera ku birenge kugeza ku mutwe; atinda cyane ku maso yabo areba amazuru yabo! Ngo arababaza ati: iwanyu haba intera hamwe, ntabwo muri zo? Bati: oya rwose! Ati: muzane ibya ngombwa byanyu. Bose barabimuha. Amaze kubisoma neza arababwira ati: muve aha vuba! Niba mwanze ndahamagara Leta. Bati: akira ibya ngombwa byacu twese ubirarane, ariko ureke turare mu mbago za Misiyoni y'Itorero ryacu. Aranga, arabirukana; barara ku muhanda. Bucyeye baragenda. Igihe kimwe inama ziraterana; bafata icyemezo cyo kwimura wa mu Pasiteri bamwohereza ku Gisenyi. Ubwo yari amaze kugerayo, yasanze ba bantu yanze gucumbikira, aribo bayobozi b'Itorero ry'aho yari yimuriwe. Yabuze uko yifata, ubwo yibukaga uko yababwiye ubwo yari afite muri we ivangura ry'amoko n'uturere abirataho. Nuko ubwo yari agiye kuyobora umuhango w'ifunguro ryera, baramubujije, bati: ntukaryaye Imana! Tubanze twikiranure mbere yo kuza imbere y'Imana, umuhango wera urasibira."

- Hari abakristo benshi bafite ivangura ry'amoko n'iry'uturere muri bo.
- Hari abakristo bajya gusengana "Kalimunda" mu mitima yabo.
- Hari abakristo basuhuzanya mu ndamutso ngo "Yesu

- ashimwe" ariko ku mutima ricyeka!
- Hari abakristo bajunditse inzangano n'inzika mu mitima yabo nk'uko abagore bajundika ubugoro mu kanwa.
 - Hari abakristo benshi baryarya Imana.

ICYO UMUNTU ABIBA NI CYO AZASARURA!

· IBYO DUKORA BIGENDANA NATWE AHO TUJYA HOSE !

INTANDARO YO GUKIRA IBIBEMBE KWA NAAMANI

Akana gato k'agakobwa Abisiria banyaze mu Isiraeli, kajyanywe ku Mugaba w'Ingabo witwaga Naamani. Uyu musirikare mukuru akaba yari arwaye ibibembe.

Nuko aka gakobwa kaba umuja (umuyaya) aho kwa Naamani. Ariko kabonye akaga shebuja Naamani yarimo, niko kabashije kumugezaho ubutumwa bw'ingenzi bwatumye Naamani akira ibibembe, agiye mu Isiraeli. Kandi yakira agakiza k'Imana y'Isiraeli. Dore uko byagenze:

"Bukeye urwo muja abwira nyirabuja ati: icyampa databuja agasanga umuhanuzi w' i samaria! Yamukiza ibibembe". 2 Abami 5:3.

· Nuko muka Naamani abibwira umugabo we.

· Naamani nawe amaze kubyumva ajya kubibwira shebuja (umwami w'i Siria) uko umuja we waturutse mu guhugu cy'Isiraeli yabuvuze.

"Nuko umwami w' i siria abyumvise, abwira Naamani ati: haguruka ugende, nanjye ndandikira umwami w'Abisiraeli urwandiko. Naamani aherako aragenda". 2 Abami 5:5.

· Nuko Naamani aragenda agera i Samaria kwa Elisa (umuhanuzi). *"Elisa amutumaho ati: Genda wiyuhagire muri Yorodani karindwi, umubiri uzasubira uko wari uri, nawe uzaba uhumanutse".*

2 Abami 5:10.

"Nuko aramanuka yibira muri Yorodani karindwi, nk'uko uwo umuntu w'Imana yari yamutegetse. Uwo mwanya umubiri we uhinduka nk'uwo umwana muto, arahumanuka".

2 Abami 5:14.

ZIRIKANA :

Q: Iyo uyu muja atavuga ibyo azi yizera, Naamani aba yarakize ibibembe bye? Nawe genda ugenze utyo. Ntukigaye ngo uri umuboyi, umuyaya, umupulanto, umukene, ngo ntiwavugira Imana kuri Patron (Shobuja) wawe cyangwa kuri nyokobuja wawe. Ntimugatinye kuvugira Imana aho muri hose. Urimo umucyo agomba kuwumurikishiriza abandi. None se, nutamurikira abo muri kumwe, ni nde wundi uzamurika mu mwanya wawe? Iyo nshingano ni wowe Yesu yayihaye: Soma ingaruka zo gukizwa kwa Naamani: 2 Abami 5:17-18.

"Muri umucyo w'isi: umudugudu wubatse ku mpinga y'umusozi ntubasha kwihisha. Ntawe ukongeza itabaza ngo baritwikirize intonga, ahubwo barishyira ku gitereko cyaryo, rikamurikira abari mu nzu bose. Nawe ugomba kumurikira abo mubana, muturanye, mukorana. Abe ariko umucyo wanyu ubonekera imbere y'abantu, kugira ngo babone imirimo yanyu myiza, bahereko bahimbaze So wo mu ijuru". Matayo 5:14-16.

"Muri umunyu w'isi, mbese umunyu nukayuka uzaryoshywa n'iki? Ntacyo uba ukimaze keretse kujugunywa hanze, abantu bakawukandagira. Mbese uryohera abo mwegeranye ?

Q: Mbese iyo ako gakobwa kicecekera Naamani aba yarakize ibibembe bye, kandi akamenya Imana y'ukuri? reka da! Kora uruhare rwawe, n'Imana izakora umurimo wayo.

N.B. Igihe udakoze inshingano yawe, hari abantu uba ukingiranye inyuma y'urugi hanze, kandi badashobora kwinjira. Abo wakingiranye bose uzabaryozwa !

Hari abantu benshi bari mu kaga ko kuba mu mwijima w'ubujiji batari bandikwa mu gitabo cy'ubugingo, kandi Imana ikaba yifuza kubakiza. Imana itegereje ko ugira icyo ukora. Imana yiteguye kwakira buri wese wemeye kuyisanga. Imana irongera kuguha andi mahirwe yo kuba wagira icyo uyikorera none.

Imigambi myiza idashyizwe mu bikorwa ntizabuza umuntu kurimbuka.! Hari inzira nyinshi zigaragarira umuntu ko ari nziza, ariko kw'iherezo ryazo akumirwa. ! Itangazo rikomeye riri hafi gutangazwa ! Itangazo ry'iherezo ry'ingoma y'abanyabyaha riri hafi gutangazwa ! Ibyo Imana yagambiriye byose izabisohozwa inyuguti ku nyuguti. Ibyo muzabimenya neza ku munsu w'imperuka. Igihe cyo kwiyarura kiri hafi kurangira ! Igihe cyo kwisobanura kigiye kugera ! Umunsu mubi ku banyabyaha banze kwihana ugiye kuza ! Hari abantu benshi bari mu kaga ! Abantu batarandikwa mu gitabo cy'ubugingo. Hari abantu batazi ko ibihe byahindutse.

ICYO UKORA, UGIKORE VUBA ! HARACYASIGAYE IGIHE KIGUFI CYANE KANDI UZAZA, AZAZA NTAZATINDA

11. UKUNDE MUGENZI WAWE NK'UKO WIKUNDA 1

"Ntihakagire umuntu wizirikana ubwe, ahubwo azirikane na mugenzi we". 1 Abakorinto 10:24.

" Umugabo umwe yashatse kumenya ibiba mu mitima y'abantu no kureba ko abantu bakundana nk'uko Imana ibidusaba. Kuko yari umutunzi, yatekereje uko yatanga ibizame kugira ngo amenye niba hari abantu bubahiriza itegeko ry'Imana. Nuko ubwo yarimo atekereza icyo yakora kugira ngo agere ku cyifuzo cye, yaje kunguka igitekerezo cyiza, ahita agishyira mu bikorwa.

Hafi y'aho yari atuye, hari umuhanda wanyuragamo abantu benshi n'imodoka. Nuko yunguka igitekerezo cyo kuwufungisha ibibuye binini byari hafi aho. Nuko azinduka kare aragenda acukura umuferege wambukanya, ahirikamo bya bibuye binini byane, abitabisha umuhanda, arawambukiranya wose ku buryo utari kubona aho ukebereza. Arundamo ibibuye byinshi, kandi hirya no hino ahatambika amahwa y'imifatangwe n'ibitovu ku buryo umuhanda yawishe rwose. Nuko arangije yigira hirya bugufi, yihisha mu gihuru, kugira ngo abashe gukurikirana ibyo bavuga bahageze.

Nuko umuzindutsi wa kare, araza nk'iya gatera, asa n'utareba! Aba yituye kuri bya bibuye n'imifatangwe, biramukomeretsa! Asubira inyuma atongana, atuka ababikoze, ngo ni abagome n'abicanyi. Ajya kunyura ahandi arakaye cyane. Haza umunyegare nawe kubera ko yari yahanyuze ku mugoroba udafunze, yafunze feri yamaze kurira ibibuye, abigwamo, arakomereka cyane! Mbese uko bigaragara wagira ngo abantu bagendaga basinziriye. Nuko haza imodoka, ihageze icyane amatera, ibona umuhanda ufunze. Nyirayo avamo, ajya kureba uko bimeze, asanga nta nzira, agaruka mu modoka atongana, avuma ababikoze, asubira inyuma, arigendera. Nuko haza n'abandi benshi barimo abakristo bagiye gusenga. Abahageze bose batukaga ababikoze, ariko nti hagire uwirushya ngo abikuremo; ahubwo bisubiriraga inyuma bose.

Nuko agiye kubona abona haje umugabo wikoreye umutwaro, ahageze, arahagarara, areba uko babifunze, yegeye neza, abona hari abo amabuye yakomerekeje bamwe mu bamubanjirije hano! Ati: kugira ngo hatagira undi muntu w'Imana akomeretsa, nubwo mfite urugendo, reka nture, mbanze nkureho aya mabuye n'iyi mifatangwe. Nuko akunja ishati, arwana na bya bibuye byose, bimufata amasaha abiri arwana nabyo, arangije yongera gusiba wa muferege; ariko ubwo yarimo arwana no guterura ikibuye kinini cyane cyarutaga andi yose yateruye, ubwo yari acyeguye ahanganye na cyo aho cyari kirambitse, ahabona igipfunyika kinini cyanditseho ngo: *IKI NI IGIHEMBO CY'UMUNTU UZAKURAHU AYA MABUYE*. Nuko aba aryegetse iruhande, afata icyo gipfunyika, afunguye, asangamo *IBUYE RININI RYA ZAHABU NZIZA CYANE!* Asangamo n'urwandiko ruvuga ngo: "Muvandimwe, kubera ko ushohojye itegeko ry'Imana: *"UKUNDE MUGENZI WAWE NK'UKO WIKUNDA"*, Uwiteka akugeneye icyo gihembo cy'ibuye rya zahabu; kubera umutima w'urukundo ugaragaje, bityo ukaba utsinze ikizami nakoresheje, ndeba ko hari abantu baba bumvira amategeko y'Imana mu magambo no mu bikorwa: kuko *"UVUGA* ati: Mwami, Mwami, si we uzinjira mu bwami bwo mu ijuru, kereka *UKORA* ibyo Data wo mu ijuru ashaka". *Matayo 7:21.*

Nuko amaze gutunganya umuhanda, afata umutwaro we, n'igihembo cye, akomeza urugendo rwe anezerewe cyane. Ntabwo yari akibuka imvune byamuteye kuko umutima we wari wishimye cyane, wuzuye gushima Imana! Ati: **KOKO IMANA IZI ABAYO!** Ati: Uwiteka ankuye mu bukene ntazibagirwa na rimwe! Ati: Hahirwa uwahisemo **YESU, KUKO ATAZAKORWA N'ISONI!**"
Nshobozwa byose na Kristo umpa imbaraga". *Abafilipi 4:13.* "

"Umuntu wese muri mwe areke kwizirikana ubwe gusa, ahubwo azirikane n'abandi". *Abafilipi 2:4.*

"Ariko ukiranirwa aziturwa nk'uko yakiraniwe, kandi ntihariho kurobanura ku butoni". *Abakolosai 3:25.*

"Muje muhoza umutima ku biri hejuru, atari ku biri mi isi". *Abakolosai 3:2.*

"Kuko amaso y'Uwiteka ari ku bakiranutsi n'amatwi ye ari ku byo basaba, ariko igitsure cy'Uwiteka kiri ku nkozi z'ibibi".
1 Petero 3:12.

12. KORA BIGISHOBOKA! KORA BUGIYE KWIRA!

Yesu arabasubiza ati: "Mbega umunsi ntugira amasaha cumi n'abili? Ugenda ku manywa ntasitara, kuko haba habona; ariko ugenda nijoro arasitara, kuko haba hatakibona." Yohana 11:9

"Nimuhe Uwiteka Imana yanyu icyubahiro, itarazana umwijima, ibirenge byanyu bitarasitara ku misozi irimo umwijima, kandi mwategereza umucyo, akawuhindura igicucu cy'urupfu, akawugira umwijima w'icuraburindi." Yeremiya 13:16

Turi mu masaha aheruka amateka y'isi. Bidatinze hagiye kubaho ibyago bikomeye ku isi yose. Amahanga azababara bumirwe. Abantu batihana ibyaha byabo ubu, bari mu kaga! Hazabaho akaga kagenda kiyungikanya nk'ibise by'umugore. icyo gihe rero, si bwo abantu bazihana, si bwo bazashaka imbabazi z'Imana nga bazibone. Sibwo bazakora ibyo basabwa gukora ubu, ariko ntibabyiteho, cyangwa se bakabitega ahazaza. Nta gihe dufite cyo gupfusha ubusa! Ni mushake imigisha y'Imana

bigishoboka. Iki ni igihe cyo kwivugurura kuri buri wese. Iki ni igihe cyo komatana na Yesu. Yesu ararwana intambara iheruka na Satani; none nawe urigaramiye ntacyo ukora! Kuki wakwigira "NTIBINDEBA"? Niba ushaka kwicara mu bwami bw'Imana mu ijuru, ugomba guhaguruka ukagira icyo ukorera Imana muri iyi si.

Ugomba kugira uruhare mu murimo w'Imana mu mibereho yawe ya buri munsu. Ugomba kwita ku bandi no kurengera abari mu kaga no mu ngorane. Fata ingashya yawe ufatanye n'abandi ubwato bw'Umwami wacu Yesu butere imbere mu muraba w'iyi si. Koresha uburyo bwose Imana yaguhaye. Wishishikazwa no guhunika amafaranga yawe mu ma banki y'isi mu gihe hirya no hino, aho hose hagukikije, abantu b'Imana bari-
mo guhondwa n'umudari! Koresha impano zose Imana yaguhaye
kuko uzazitangira raporo. Hitamo umurimo witangira kumuko
rera: Gufasha abakene, imfubyi n'abapfakazi, kubwiriza ubu-
tumwa bwiza, kugirira neza abandi, gutabara abandi, kwita ku
ndushyi, kurengera abarengana, kwambika abambaye ubusa,
kugaburira abashonje, gusura abarwayi, gusura imbohe, kunga
abashwana, gutabara abatabaza, kurenganura abarengana utitaye
ku moko yabo, gusura indushyi. Kandi uko bigushobokeye
uzishyiriye ubufasha: nubwo cyaba ikiro 1 cy'isukari.

"Ugushikamishijeho umutima, uzamurinda abe amahoro masa, kuko akwiringiye". Yesaya 26:3.

Hahirwa ufite Imana ya Yakobo ho umutabazi we: akiringira Uwiteka Imana ye". Zaburi 146:5.

Azasohoza ibyho abamwubaha bashakira; kandi azumva gutaka kwabo, abakize". Zaburi 145:19.

13. UWIZERA YESU NTAZAKORWA N'ISONI 9

" Umukoruporuteri (colporteur évangéliste-umubwiriza-butumwa ukoresha ibitabo agenda agurisha) yatashye bwije avuye kugurisha ibitabo kure. Nuko ahura n'abambuzi. Baramuhagarika; bati: zana icyo gishakoshe ufashe sha! Arakibahereza. Nuko bafunguye basanga ni ibitabo byibereyemo gusa! Icyo gihe,

imvura yari yaguye, hari imbeho. Nuko Shefu wabo abwira uwo mugabo ucuruza ibitabo, ati: Sha! Egeza hino icyo gishakoshe cyawe, maze umpereze ibyo bitabo birimo babincanishirize umuriro hano niyotere, ndumva nkonje. Nuko yegeza hafi ye ibyo bitabo; ariko abona abandi basubiye gutega abatambuka, abone- raho kugira icyo avugana n'uwo Shefu wabo. Kuko bamwe bari bashatse kumutera ibyuma, kikababuza.

Nuko yegera uwo mubandi mukuru, aramubwira, ati: hari icyo ngusaba. Aramubwira ati: mbere y'uho ibi bitabo mbicanisha umuriro, unyemerere rwose nje mbanza kukubwira ibiri muri buri gitabo. Uwo mwambuzi mukuru arabimwemerera. Nuko afata igitabo kimwe cyitwa "KUGANA YESU", amubwira ibyanditsemo. Nuko aramubwira ati: ba ucyihoreye, gishyire hariya. Azana ikindi cyitwa "UWIFUZA IBIHE BYOSE" amubwira ibirimo. Nuko aramusubiza ati: nacyo cyihorere. Azana ikindi cyitwa "RENGERA UBUZIMA" amubwira ibirimo. Nuko nacyo aramubwira ati: cyihorere nacyo. Azana ikindi cyitwa "INDIRIMBO ZO GUHIMBAZA IMANA". Aririmbamo indirimbo yitwa *NDAHABUTSE UBU* (56), aririmba igice kimwe no gusubiramo. Nuko arangije kiramubwira ngo: sha! Ndumva ibitabo byawe byose ari byiza, none se ikiruta ibindi byose ni ikihe? Amuzanira *BIBLIA YERA*, ati: iki, iyo ugisoma, uba uvugana n'Imana. Nuko aramubwira ati: icyo nicyo nzajya nsoma rero! Ati: ngaho itahire! Byose ndabisigarana, genda amahoro!

Igihe kimwe, ubwo uwo mukoruporuteri yarimo acuruza ibitabo, yumva umugabo uri mu iduka, arimo kumuhamagara. Agenda yibwira ko abonye ushaka kumugurira ibitabo bye. Arihuta, ageze mu iduka abona umugabo nyiraryo aje amuhoberana urugwiro, ati: uraho mwena Data, umuntu w'Imana! Atumiza fanta vuba! Nuka aramubwira ati: uranzi se? Undi, ati: oya da! Nuko wa mucuruzi aramubwira, ati: ninjye wa mwambuzi mukuru watwaye ishakoshi yawe yuzuye ibitabo cya gihe. Ibitabo byawe byarampinduye cyane. Ubu namaze kwakira agakiza. Ndetse narabatijwe n'abo mu rugo rwanjye. None ngize amahirwe

yo kongera kukubona, ndakwinginze umbabarire ibyo nagukoreye; kandi niyemeje kukwishyura ibitabo byawe inshuro enye, nka Zakayo nasomye muri Biblia, nkagerekaho n'inyungu zabyo z'ubukererwe. Nuko amuha hose hamwe ibihumbi ijana na mirongo itanu kashi!

Ubwo uwo mukoruporuteri yakiraga ayo mafaranga, yaravuze, ati: Ni koko, UWIZERA YESU NTAZAKORWA N'ISONI! Nuko barapfukama, barasenga, bashimira Imana ukuntu yakijije uwo mugabo n'umuryango we" n'ukuntu yongeye kubahuza. Mu ijuru tuzatangazwa no gusangayo abo twari tuzi ko bazarimbuka. Burya hagati y'umuntu n'Imana hari ibanga rikomeye, irinde guca imanza ! " Nuko, ntimugacirane imanza.

14. UKUNDE MUGENZI WAWE NK'UKO WIKUNDA 2

MUGIRE WA MUTIMA WARI MURI KRISTO YESU

"Ku byo gukunda bene Data, mukundane rwose. Ku by'icyubahiro, umuntu wese ashyire imbere mugenzi we". Abaroma 12:10.

" Umwana muto witwa Gatarina yarimo arebera mu idirishya ry'inzu yabo uko amazi atemba hakurya y'iwabo mu ruzi. icyo gihe imvura y'imikuku yari yaguye. Uwo mwana Gatarina yarebaga ingiga z'ibiti zakushumurwaga n'amazi zirenga mu mazi. Nuko yitegereje neza, abona ikiraro cyanyuragaho umuhanda wa Gare ya Moshi cyaseniyutse kubera imvura. Agiye kubona, abona igare ry'umwotsi riturutse hakurya ricyanye amatara, kuko bwari bugorobye. Nuko atangira kwibaza uko biri bugende rigeze kuri cya kiraro cyacitse! Agiye kubona, abona rigeze hahandi hacitse! Abona rifashwe mu byuma byari bishinze, byacitse.

Nuko abona abantu bamwe batakara mu mazi, abandi nabo bakomeza kwizirika kuri bya byuma bihagaze. Abantu bakomeza gutakara mu mazi. Uko ako gakobwa gakomeza kubona ibyago abo bantu barimo, bapfa nta kirengera, nta gitabara,

kashatse kugira icyo kabakorera: iwabo bari bacanye itara rya peteroli, kandi bwari bwije, imvura igwa. Nuko gafata rya tara ryaka, karasohoka kiruka, iwabo bakirukaho bakabuza, ariko karihuta karabasiga. Kagiye gasimbuka ingiga z'ibiti bitwawe n'amazi mu nzira bigeza igihe rya tara rizima; ariko gakomeza kugenda kerekeza kuri gare nkuru aho ayo magare ya moshi yabaga. Kahageze bikagoye cyane. Ageze aho bakorera ayo magare ya Moshi, yavuze ko igare ya Moshi yagize agisida igeze ku kiraro, igasanga amazi yagiciye, ikagwamo; ko abantu bamwe baguye mu mazi, abandi bakaba bakinagana ku byuma bihagaze byacitse.

Bahise batabara vuba, basanga abantu bamwe batarapfa, barabakiza nuko babasha kurokoramo bake. Kandi uyu mwana Gatarina hari irindi gare ryari rimaze gupakira, rigiye kwerekeza muri uwo muhanda; nuko basubika urugendo rwabo kubera uyu mwana wababuriye, abasha gukiza abantu 400 ryari ripakiye rigiye kugenda. Abo bantu bose bakijijwe n'ubutwari bw'uwo mwana. Bimenyekana muri Amerika hose, uwo mwana bamwerekana kuri terevisiyo, ndetse amakompanyi amwe akora gare ya Moshi yitiriye amagare yabo izina ry'uwo mwana GATARINA kubera ubutwari yagize butangaje".

ZIRIKANA: Ku bw'urukundo n'ubutwari bwa Gatarina, yabashije gukiza abantu benshi urupfu rutunguranye, kandi ari umwana muto. None se wowe ko uri mukuru, wakoreye iki abandi ? wakoreye iki Umuremyi wawe ? umaze iki ? *Soma: Abaroma 12:6-9.*

Q: Niba uwo mwana Gatarina yaragize ubutwari bwo kugenda mu mivu y'imvura no mu mwijima, ashishikajwe no gutabara abari mu kaga, kandi akabasha kubakiza; none se wowe ntacyo wagerageza gukorera abo Satani ashoye mu irimbukiro?

Q: Kuki urebera akaga k'abandi wigira "Ntibindeba"; koko ntacyo wakorera abandi? Mbese urashaka kuja mu ijuru wenyine?

Q: Kuki ubona roho z'ubugingo nyinshi zirimbuka, kubera gupfa nta byiringiro, maze ukiyicarira nta cyo ukoze ngo ubaburire?

Q: Kuki abantu b'Imana bapfira mu mwijima no mu bujiji, kandi Uwitwaga yarabamurikiye umucyo we kugira ngo na mwe

mumurikire abandi, bamenye ukuri? Muri umucyo w'isi.
Matayo 5:14-16.

Q: Kuki wakwigira "Sibindeba", "Simbibazwa", kandi ufite uburyo n'igihe cyo kugira icyo wakorera mugenzi wawe uri mu ngorane, ariko ntugire icyo wakora? Ntacyo bitwaye irabanza, icyo nakoze igaheruka! "Nuko UZI GUKORA NEZA NTABIKORE, BIMUBERE ICYAHA!" *Yakobo 4:17.*

Q: Yesu arahamagara ati: Ninde unkorera none?

R: Umusubiza wese ati: Ndi hano, Mwami ntuma.

Q : Mbese niko biri koko mu mutima wawe ?

Abantu benshi barimo gutembanwa n'umuraba uhorera mu nyanja y'ingorane, amakuba, ibyago, n'akaga; maze bakarohama nta gitabara, nta kirengera. Umugaru urashega cyane. Abantu benshi baratembanwa bakarimbuka nta byiringiro. Benshi barapfa batagize amahirwe yo kumenya Yesu, no kwishyira mu bwishingizi bw'Imana. Gupfa ko tuzapfa; ariko akaga ni ugupfa udafite Yesu. Iyo niyo mpanuka mbi iruta izindi zose! Nta wundi ubonerwamo agakiza keretse Yesu gusa. *Ibyakozwe 4:12.*

YESU ARAHAMAGARA ATI: NINDE UNKORERA NONE?

- Abantu bari mu kaga; Yesu aragutabaza. Ntukagire ubwo uvuga uti: ntacyo nakora rwose! Ishimire gukoreshwa, hitamo umurimo wa we; maze usubize bwangu, uti : ndi hano, Mwami ntuma.

- Nutabasha kujya kure, ngo wambuke n'inyanja; n'ino hari abapagani wagarurira Yesu. Nutabasha gushyanuka, ngo wigishe nka Paulo, wakogeza iby'urukundo rw'umukiza wahambwe.

- Wabura kuba umurinzi ku nkike z' i Sioni, wafashisha amasengesho no gutura amaturo; ukayobora n'abandi, mu nzira ijya mu ijuru, nk'uko Aroni yakomeje amaboko ya Mose.

**N.B. UMVA UKO ADUHAMAGARA, KANDI AZAGORORERA
UMUSUBIZA WESE ATI: NDI HANO, MWAMI NTUMA!
WOWE SE, BITE?**

N.B. *Nuko iyo minsi yo kujijwa Imana yarayirengagije; ariko noneho itegeka abantu bose bari hose kwihana; kuko yashyizeho umunsi wo guciraho urubanza rw'ukuri rw'abari mu isi bose". Ibyakozwe 17:30-31.*

15. UKUNDE MUGENZI WAWE NK'UKO WIKUNDA 3

MUGIRE WA MUTIMA WARI MURI KRISTO YESU

"Umuntu wese muri mwe areke kwizirikana ubwe gusa, ahubwo azirikane n'abandi. Umuntu wese yibwire ko mugenzi we amuruta". Abafilipi 2 :4.

" Indege yavaga i Washington (USA) ijya muri Frolida mu majyepfo ya USA, igira ingorane biturutse kuri Neige (urubura) rwafatiye muri Helice zayo (ibyuma bizengurutse moteri). Umupilote abonye agiye guhanuka mu kirere, afata icyemezo cyo kuyimanura akayigusha ku muhanda wubatswe hejuru y'inyanja mu mazi. Abayibonye bose baturuzwa no kuza gutabara vuba abagenzi bari bayirimo, bagendaga bagwa mu nyanja! Hafi ya bose bavamo ari bazima; ariko igihe hasigayemo abantu babiri: umugabo wari witanze cyane mu gutabara abo bagenzi akabasha gukiza benshi, yari kumwe n'umukobwa atazi, wari usigaye mu mazi abandi batamubonye uretse uwo mugabo wenyine, Kajugujugu yarobaga abo babashije kugeza hejuru, yohereje umugozi, ishaka gutwara uwo mugiraneza: kuko bari bazi ko nta wundi. Nuko aho kugira ngo uwo mugabo abe ari we ugenda, uwo mugiraneza yihisemo guha umugozi wa mukobwa atazi, aramwigurana, aba ari we ijyana. Aho bimenyekanye ko atari we bazanye, basubiye kumureba, basanga yapfuye; azize ubukonje. Uwo mukobwa abimenye, ararira cyane! Yanga guhozwa; kuko yavugaga ati: ninjye azize! Yapfuye urupfu rwari urwanjye! Ati: guhera ubu mbaye umwana we. Ahita ajya kuba mu muryango we ".

Q: Mbese ibi iyo biza kuba kuri wowe, wari kubyifatamo ute?

"Ibyari indamu yanjye nabitererekereje ko ari igihombo ku bwa

Kristo". Abafilipi 3:7. Niko Paulo yavuze. Mbese nawe niko bimeze? Muzirikane ubuntu mwagiriwe, na mwe mubugirire abandi.

ZIRIKANA:

Yesu Kristo yakunze cyane abari mu isi, yemera guhara ubugingo bwe, aza ku isi mbi kuducungura; apfa urupfu rwari urwacu. Kugira ngo duhanwe ubugingo buhoraho. Uwo mugiraneza wacu dukwiye kumugenzereza dute, tuzirikana urukundo yadukunze? Hari icyo Yesu agusaba: "Mwana wanjye, mpa umutima wawe". Kuki uwumwima?

- Iyo wanze gukora ibyo ashaka, uba umwimye umutima wawe.
- Iyo wanze kumvira amategeko y'Imana, uba umwimye umutima wawe.
- Iyo wanze kugenza uko yagenjeje, uba umwimye umutima wawe.
- Iyo udashaka kugera ikirenge mu cye, uba umwimye umutima wawe.

" *Kuko mutahawe kwizera Kristo gusa, ahubwo mwahawe no kubabazwa ku bwe*". Abafilipi 1:29.

16. UWIZERA YESU NTAZAKORWA N'ISONI 10

" *DUSA NA YESU, IYO DUKOZE NK'UKO YAKORAGA* "

YESU YARAVUZE ATI: MUKUNDANE NK'UKO NABAKUNZE.

" Umugabo w'umubwiriza butumwa (Pasiteri) yakundaga kwitanga mu murimo w'Imana. Uyu mu Pasiteri yari umusaza mwiza ukunda Imana n'abantu. Yari yarakiriye Yesu muri we by'ukuri, amwicengezamo rwose. Yari afite imico imeze nk'iya Yesu. Yari afite Yesu utari kopi yakopeye ku bandi. Yakundaga umurimo we, akawukorana urukundo mva-juru. Uyu musaza yasaga na Yesu.

Igihe kimwe, uyu mu Pasiteri bamwohereza ahantu habi bari bamaze igihe gito bashinze itorero. Hari mu giturage kibi cyane, mu bantu badakunda Imana. Nuko uyu musaza w'umunyangeso nziza atangira umurimo we mu bantu bamwishisha. Isabato igeze, yabonye mu rusengero haje gusenga abantu batarenze.icumi. Isabato irangiye, atangira kuja gusura abakristo be, ashyikirana nabo, aboneraho no kumenya n'abandi. Bamwakira bamwishisha, ariko uko baganiraga nawe, niko babonaga ko ari umuntu mwiza, batangira kumukunda.

Uwari usanzwe aho, ntiyigeraga agera mu ngo zabo, baturiraga mu isabato gusa. Babona imico ye itandukanye n'iy'uwo mu Pasiteri uje w'umusaza, wabiyegerezaga abafitiye urukundo, kubera gukunda abantu, iyo babaga barwaje umuntu, yamusuraga abishishikariye ndetse igihe bamuhetse bamujyanye kwa muganga, nawe akabafasha guheka, cyangwa akajyana nabo, akagarukana nabo. Yari azi bike mu kuvura ndetse afite n'imiti y'ibanze. Iyo hagiraga urwara, yihutiraga kuja kumupima, ndetse akamuha n'umuti wo kumufasha igihe bataramujyana kwa muganga. Iyo habaga impamvu isaba amafaranga, akenshi yatangaga aye, ntiyishyuze.

Kubera imirimo ye myiza n'urukundo yakundaga abantu, urusengero rwuzuye abantu rurasagura. Bagendaga bavuga, bati: "Twabonye Yesu mu ishusho ya Pasiteri wacu". Itorero ryakomeje gutera imbere cyane bituma rigira amashami menshi. Ariko uwo mugira neza yari ashaje.

Ariko igihe kimwe, bamwoherereza urwandiko ruvuga ko ashyizwe muri pansiyu. Bamumenyesha ko asimbuwe aho n'umusore wari urangije muri kaminuza. Nuko asezera ku bakristo be bose bari barahindutse inshuti ze. Barababara cyane, bamukorera umunsi mukuru ukomeye wo kumusezeraho. Ariko uyu musore wamusimbuye, yatangiranye n'ingorane nyinshi. Ntabwo bari bamukunze, ndetse bamwe batangiye kudohoka no kutaboneka mu materaniro no mu nsengero, kubera ko uyu musore atakundaga abantu; bigeza igihe amashami amwe

afungwa. Yabonye bikabije, atabaza i bukuru, abasaba kugarura wa mu Pasiteri wari muri pansiyu.

Byabaye ngombwa ko bamusaba gusubira ku murimo, agafasha uyu mu Pasiteri w'umusore wari umaze kunanirwa hafi yo kwegura ku murimo. Kuko hari n'ubwo yageragezaga kubigisha iby'urukundo rwa Yesu; maze bakamusubiza, bati: "Twabonye Yesu muri wa mu Pasiteri wacu w'umusaza; naho wowe urarushywa n'ubusa! Ese ubundi mwamukuriye iki ku kazi? Muzamugarure cyangwa mwemere mufunge insengero zanyu. Murigisha Yesu mwakopeye ku bandi; ariko we yigishaga Yesu umurimo. Twahoraga tubona Yesu muri we. Wowe nta Yesu ukurimo rwose. Ufite ubwenge bwo mu mashuri gusa. Nta Yesu ufite".

Nuko umunsi umwe, bamenya ko wa musaza yagarutse aho iwabo. Hafi segiteri yose yaje kumusanganira, bishimye cyane kandi bamuririmbira ijoro ryose, bashima Imana ko yumvise gusenga kwabo. Isabato igeze, urusengero rwuzuye abantu ku buryo byabaye ngombwa ko bateranira hanze. Benshi bari bahagurutse iwabo kure, bazanywe no kureba "Yesu mu ishusho y'umusaza w'umupasiteri". Benshi bari baragiye bumva ibye, bigatuma batangazwa n'urukundo rwe rurenze urw'umuntu abasha kwikunda. Hari hateraniye abantu bo mu madini menshi. Ubwo yahagurukaga agiye kubwiriza, abantu bose baramurangamiye bumva ubutumwa bwiza ababwira. Bamutegaga amatwi nk'aho avuye mu ijuru ku Mana. Nta jambo na rimwe ryabacitse, kandi hihannye benshi harimo na wa mupasiteri w'umusore. (Diplôme zihanitse sizo Diplôme z'Imana).

Kubera ubushake bwinshi, afatanije n'uwo musore, babashije gukora ibyikubye inshuro ebyiri ibyo yari yarakoze. Kubwo gufashwa n'Imana. Umwuka wera yakoranye nabo cyane, haba ububutse bukomeye mu matorero yose bahanze. Kandi uwo musaza yisaziye neza, ndetse asaba ko bazamuhamba aho".

IYO TWAKIRIYE YESU, AGARAGARIRA MURI TWE, NO MU MICO YACU. DUSA NA YESU, IYO DUKORA NK'UKO YAKORAGA".

ZIRIKANA:

Inkuru nziza ya Yesu Umwami wacu, tugomba kuyamamaza hose, mu bikorwa no mu magambo. Gusengera umuntu gusa ntibihagije, igihe bidushobokeye tugomba kumuha n'ibyo umubiri ukeneye: urukundo, impuhwe n'ubufasha bufatika. Ntabwo ubukristo ari ugutera iperu mu nsengero gusa; ahubwo ni ukuvuga no gukora ibyo Data wo mu ijuru ashaka. Gerageza gukora nk'uwo mu Pasiteri. Ibyo yakoraga ntibyaterwaga n'uko yari umukire; ahubwo ni uko yari afite Yesu mu mutima we. Shaka ukuntu buri munsu izina ryawe ryakwandikwa mu gitabo cy'urwibutso rw'abera, gihora imbere y'Imana:

WATANZE IKI KUGIRA NGO ABANDI BAKIZWE ? UMUNTU NASHAKA KUNKURIKIRA, NI YIYANGE !

Yesu yaravuze ati: *"Umuntu nashaka kunkurikira, niyiyange. Niyikorere umusaraba we ankurikikire"*. Luka 9:23.

" Umugabo w'umubwiriza butumwa yakundaga gukorera Imana n'umutima we wose. Igihe kimwe, agerwaho n'ikigeragezo gikomeye. Ubwo yari mu gihugu gishyuha cyane, akora umurimo w'Imana, yaje kubona ku mubiri we hasheshe utuntu tudasanzwe. Nuko ajya kwa muganga kutwivuzza. Agezeyo, muganga aramupima; asanga yaranduye ibibembe, kandi muri icyo gihugu, umuntu warwaraga ibibembe wese, yagombaga kujyanwa mu nzu y'ababembe byanze bikunze, uwo yaba ari we wese, byari itegeko. Nuko rero, byabaye ngombwa ko akurwa mu muryango we, ajyanwa mu babembe. Ubwo bohereza imodoka yo kumutwara, umugore we n'abana be bararize cyane, bababajwe n'uko Imana yemeye kubatandukanya. Ubwo yabasengeraga, ubwa nyuma, yarababwiye, ati: mbasigiye Yesu, niwe uzabana na mwe ibihe byose; kandi icyo muzakenera cyose, muzakimusabe: kuko nje antumye mu babembe. Nta wakora mu babembe atari umubembe. **IMANA IZI IMPAMVU Z'INGORANE ZANJYE; UWIZERA YESU NTAZAKORWA N'ISONI!**

Ubwo imodoka yagombaga kumujiyana yari ihagaze imbere y'iwe: yasohotse iwe yikomeje, asezerwaho n'abantu benshi bamukundaga, benshi bamuririra. Nuko yurira imodoka y'ababembe aragenda, aya kubana n'ababembe. Agezeyo, azerera mu babembe bose, yumva amagambo yabo, maze asanga bakeneye kumenya urukundo rwa Yesu. Atangira kubigisha ubutumwa bwiza. Abwira ababembe urukundo rwa Yesu, wasize ubwiza bwe mu ijuru, akaza muri iyi si mbi, akabamo ubuzima buruhije mu bukene bukabije, kugeza ubwo abambwe ku musaraba, azira ibyaha byacu. icyo cyigisho gifasha benshi cyane bafata icyemezo cyo kwihana no kwiyegurira Imana. Nuko uwo mubwiriza butumwa atangiza itorero aho mu kigo cy'ababembe. Maze abari barihebye batangira kugarura ibyiringiro.

Umwuka w'Imana abana n'uwo mubwiriza butumwa ku buryo bukomeye. Abasha guhindura icyo kigo, ikigo ntanga-rugero cyane. Haba ububyutse bukomeye. Ababembe benshi biyegurira Imana. Bamwe baba abakuru b'amatorero, abadiyakoni, n'abaririmbyi. Itorero ry'ababembe rirakomera, rimenyekana hose muri icyo gihugu ndetse n'amakorari yabo arakundwa cyane.

Ariko igihe kimwe, muganga wabo ahamagara uwo mubwiriza butumwa, amumenyesha ko yasanze ibizami bye bigaragaza ko yakize ibibembe bye. Ati: ugomba gutaha mu muryango wawe. Umuryango we ukimenyeshwa iyo nkuru, habaye ibyishimo byinshi cyane, naho mu kigo cy'ababembe haba umubabaro mwinshi, ubwo Pasiteri wabo yari amaze kubamenyesha icyemezo cya muganga wabo, kuko bamukundaga cyane. Kandi na we nubwo yari akumbuye ab'umuryango we, yakunda cyane ababembe bari barahindutse inshuti ze magara. Ariko ku bw'itegeko, byabaye ngombwa ko ataha. Amaze kubateranya, abasaba kumvira no gufasha abayobozi babo, arabasengera, abaragiza Imana, nuko aragenda.

Hashize amezi make, abona urwandiko ruturutse mu babembe rwanditswe n'abayobozi b'itorero rw'amapaji atandatu. Arusoma anezerewe; abanza kumenyeshwa ko itorero ryakomeje

riterera imbere mu mapaji atanu, ariko ku ipaji ya gatandatu iheruka urwo rwandiko asomaho ibyamuteye agahinda kenshi. Abantu bacitse intege, baracogora, basubira uko yabasanze bameze, barangiza bavuga, bati: Itorero wahanze rigeze aho rigukeneye, kuko umwanzi Satani yarisenye. Waruhiye ubusa!

Ubwo Pasiteri yamaraga gusoma ayo magambo ababaje, yafashe icyemezo gikomeye, cyo "GUSABA IMANA KUMUSUBIZA IBIBEMBE BYE, KUGIRA NGO ABONE UKO YONGERA KUJYA MU BABEMBE BE". Uko yajyaga ku mavi niko yabisabaga Imana ashimikiriye. Nuko mu gitondo kimwe, abyutse, asanga yasheshe ibibembe byinshi cyane, biruta ibya mbere! Bamujyanye ikitaraganya, asubizwa mu babembe be yari yarakunze. Ababembe bose bamenye ko yagarutse, bose banejwe no kumusanganira. Maze abari bihebye bose hamwe n'abataye inshingano zabo bose bongeye kugaruka, bitabirira ubutumwa bwiza! Maze itorero ryongera gusubira uko ryahoze. Ariko noneho uyu mu Pasiteri yatandukanijwe n'umuryango we burundu; kuko ibibembe byamujeho ari byinshi cyane, ku buryo byari byaratangiye kumutanyaguza. Nta mahirwe yo kuzongera guhura n'umuryango we kuri iyi si".

"Umuntu nashaka kunkurikira, ni yiyange, yikorere umusaraba iminsi yose, ankurikire: kuko ushaka kurengera ubugingo bwe, azabubura, ariko utita ku bugingo bwe ku bwanjye, niwe uzabukiza. Umuntu byamumarira iki gutunga ibintu byose byo mu isi, narimbuka ubugingo bwe, cyangwa nabwakwaho indishyi"? Luka 9:23-25.

"Umuntu navuga ati: Nkunda Imana; akanga mwene se, aba ari umunyabinyoma, kuko udakunda mwene se yabonye, atabasha gukunda Imana atabonye. Kandi dufite itegeko ryavuye kuri yo, ngo ukunda Imana, akunde na mwene se".
I Yohana 4:20-21.

17. ABAKURIKIYE YESU BIZATUMARIRA IKI?

Q: "Dore twebwe twasize byose tukagukurikira: none se bizatumarira iki?"

R: "Yesu arabasubiza ati: Ndababwira ukuri yuko mwebwe abankurikiye, mu gihe cyo guhindura byose, ubwo umwana w'umuntu azicara ku ntebe y'icyubahiro cye, na mwe muzicara ku ntebe cumi n'ebiri, mucire imiryango cumi n'ibiri y'abisraeli imanza. Umuntu wese wasize urugo, cyangwa bene se, cyangwa bashiki be, cyangwa se, cyangwa nyina, cyangwa amasambu, ku bw'izina ryanjye, azahabwa ibibiruta inshuro ijana, kandi azaragwa ubugingo buhoraho. Matayo 19:27-29.

"Kandi utikorera umusaraba we, ngo ankurikire, ntakwiriye kuba uwanjye. Urengera ubugingo bwe, azabubura; ariko utita ku bugingo bwe ku bwanjye, niwe uzabuhabwa". Matayo 10:38-39.

MBESE IMPANO UHA IMANA YAWE IMEZE ITE?

"Umudamu w'umupagani wo muri Aziya, mu gihugu basenga ibigirwamana cyane cya Indoneziya, yari ahagaze ku nkombe y'uruzi; azaniye igitambo ikigirwamana cyabo cyo mu mazi. Yari ahagaze afashe abana babiri: umwe ari uw'umushishe mwiza uteye imbabazi, undi ari umunanu usa n'urwaye bwaki. Nuko umubwiriza butumwa wari wicaye ku nkombe z'urwo ruzi, yisomera Biblia, abonye uwo mudamu aje, amwitaho cyane, akurikiranira ibye kure, aho yari yicaye, ashaka kureba icyo ashaka gukora. Nuko abona yijishuye wa mwana mwiza w'umushishe, abona nta gushidikanya agize, amujugunya muri rwa ruzi, maze ingona zari hafi aho, zihita zimusamira hejuru, ziramutanyaguza; mu gihe nyina we yari yisubiriye mu nzira yaturutsemo, yitahiye; afashe wa mwana w'umunanu mu ntoki."

Nuko umubwiriza butumwa abonye ibyo uwo mugore akoze, afashamo amwirukaho kugeza aho amufatiye, amubwira arakaye cyane ati: ibyo umaze gukora ni ibiki? Nuko abona wa mugore amusubizanye umutima utuje nkaho nta kibi akoze, ati: ni ituro nari ngiye gutura imana zacu. Undi arongera aramubaza, ati:

uriya mwana mwiza umuhoye iki? Nawe aramusubiza ati: erega ibyiza nibyo dukwiriye guha imana zacu, si ibibi! Nuko amara akanya amwitegereza, atangaye cyane. Nuko uwo mugore arahindukira, asubira iwabo. Ariko ubwo uwo mugore yamaraga kumubwira atyo, yamweretse uwo mwana w'uruzingo nk'ikibi kimukwiriye. Nuko uwo mubwiriza butumwa yubika amaso, arekera aho kongera kugira icyo amubaza cyane, umutima-nama we warimo umukubita ngo: "Wabonye uko abapagani bagenzereza imana zabo?" Nonese twebwwe abakristo tugenzerereza Imana yacu dute? Aho ntituyiha ibisigazwa twanze, cyangwa ibyo twanennye?

TUZIRIKANE IBYO DUKORA

- Q: - Mbese Imana yawe uyihaye ibimeze bite? Itonde ubitekerezeho neza.
- Mbese uyihaye ibibi, cyangwa uyihaye ibyiza? Itonde ubitekerezeho neza.

Hari abaha Imana yabo ibisigazwa. Hari abayihaye ibyo bagaye. Hari abayihaye ibyo abandije banana. Hari abayihaye amaturo nk'inkoti zacikaguritse, naho inzima bazihunitse. Hari abayihaye udukeri tw'ifaranga, tw'atanu, tw'icumi, twa makumyabiri; naho inkoti zizingiye mu mufuka! Umenye ko ibyo ukora byose bizagira ingaruka, kandi n'umutima ubikorana wishushanya mu Urugero mugeramo nirwo na mwe mmuzagererwamo. Ijuru ibyari mu mutima igihe wabikoraga". Mutange, namwe muzahabwa, urugero rwiza rutsindagiye rucugushije, rusesekaye, nirwo mmuzagererwamo; kuko urugero mugeramo, arirwo muzagererwamo namwe". Luka 6:38. Ubu urimo kugera mu rugero rumeze gute? Rungana gute? Rusa gute? Byibazeho neza.

Hari ikimbabaza cyane:

- Hari abayobozi b'amatorero, b'amadini, batanzwe n'ibyera (amaturo n'imigabane), ariko ntibakore iby'Imana ishaka bakiranutse. Bari mu ntambara ikomeye, ni ukubasabira!
- Hari abakristo bazi Imana, ariko bakora ibirutwa n'iby'abapagani batazi Imana y'ukuri bakora. Turi mu kaga! Ariko abakozi ba satani bo ntibagenza batyo! Bazi guha shebuja wabo

ibimukwiye. Imana yacu ntidusaba gutanga ibyo tudafite. Ariko mureke dutange ibyiza dufite, tubiture Imana yacu na twe.

Nuko wirinde ku bwawe, kugira ngo udatembanwa, ukava mu buntu bw'Imana. Imana ntikina! Buri muntu azikorera uwe mutwaro. Abisraeli bavuye mu Egiputa abagabo barenga 600.000 hatabariwemo abagore n'abana, nuko bagomera Imana bari mu butayu. Uwiteka arababwira, ati: aba bose nta n'umwe muri bo uzagera mu gihugu cy'i Kanani, keretse Yosuwu na Karebu bonyine. Abandi bose barimbukiye mu butayu, uretse Yosuwu na Karebu bonyine nk'uko Imana yabivuze. Abana babakomotseho nibo bageze i kanani aho bagombaga kugenda iminsi 15 bahagenda imyaka 40 !Mwitonde cyane ! "Kuko ari nta jambo Imana ivuga ngo rihere". *Luka 1:37*. N'ubu, abagomera Uwiteka bose bazarimbuka. "Kuko Imana itarobanura abantu ku butoni". *Abaroma 2:11*. "Uwiteka azi abe; kandi ngo: umuntu wese uvuga izina ry'Uwiteka ave mu bidatunganye".

18. UWIZERA YESU NTAZAKORWA N'ISONI 11

IMANA YACU IRAZIRIKANA, KANDI NTIHANA ABAYO.

Dore zimwe mu ngero ziduhamiriza ukuri kw'iyi ngingo:

1. Imana yibutse Noa, igihe yari imaze gucira isi yo muri icyo gihe urubanza rwo kuyirimbuza umwuzure. Soma *Itangiriro 7:1*.
UWIZERA YESU NTAZAKORWA N'ISONI !

2. Imana yibutse Loti, igihe yari igiye kurimbura Sodoma na Gomora n'ikibaya kihakikije, imukizanya n'abo mu rugo rwe. Soma *Itangiriro 19:29*. UWIZERA YESU NTAZAKORWA N'ISONI !

3. Imana yibutse Yosefu, igihe yari wenyine ayiringira hagati y'ibigirwamana byinshi byo mu Egiputa; maze ibana nawe, iramurinda, iramukomeza ahabera umutegetsu ukomeye, kandi ahagirira amahoro. Soma *Itangiriro 39:2-3.....*
UWIZERA YESU NTAZAKORWA N'ISONI !

4. Umuhanuzi Eliya, yabwiye Umwami Ahabu wari waragomeye Imana, akimika ibigirwamana by'umugore we Yezebeli, bakabisimbuza Imana ishobora byose; ati: nta mvura cyangwa ikime kizagwa muri iki gihugu kurinda imyaka itatu irangiye. Byabaye bityo. Ibyo yavuze bisohora mu Israeli. Hatera inzara iteye ubwoba itsemba abantu n'amatungo. *1 Abami 17:1.*

UWIZERA YESU NTAZAKORWA N'ISONI !

5. Umuhanuzi Eliya, yabwiye umupfakazi w'i Serafati ubwo inzara yari yaracanye mu Israeli, ati: Ako gafu gake n'utuvuta duke dusigaye mu mperezo, ntibizashiramo mbere y'uho Uwiteka avubira imvura isi. Byagenze bityo, nk'uko umuhanuzi yabivuze. *1 Abami 17:8-16.*

UWIZERA YESU NTAZAKORWA N'ISONI !

6. Umuhanuzi Eliya, yasabye Imana kugusha imvura ubwo yari amaze kwicisha abahanuzi ba Baali 450. Hari hashize imyaka itatu nta mvura igwa. Nuko asaba Uwiteka kugusha imvura. Nuko Uwiteka agusha imvura nyinshi nyuma y'imyaka itatu izubashyiranye. *1 Abami 17:1-*

UWIZERA YESU NTAZAKORWA N'ISONI !

7. Yobu, yari umuntu wiringiraga Imana. Satani amugirira iby'ubugome bukabije. Amuteza ibyago bikomeye, amwicira abana, amatungo, ndetse amwangisha n'umugore we, inshuti ze zose, zimucikaho, amumaraho ibintu byose kandi yari umutunzi ukomeye, kugeza igihe amuteza ibishyute, akajya yicara mu ivu, yishimisha urujyo. Ubwo Satani yamwishimaga hejuru, Yobu yavuze, ati: "Naho yanyica, napfa nyiringira". Yobu 13:5. Ariko amaze gutsinda Satani, Uwiteka yamugororeye ibyikubye kabiri ibyo yari atunze. *Yobu 42:12-17.* Soma Yobu yose.

UWIZERA YESU NTAZAKORWA N'ISONI !

8. Inshuti y'Imana Aburahamu, yizeraga Imana, akajya ayiringira ubudacogora. Ubwo Imana yamuhamagariraga kujya mu gihugu cy'i Kanani, ntabwo yashidikanyije, ahubwo yagiye i Kanani aba umusuhuke ku bw'isezerano Imana yamusezeraniye, yasize byose yumvira Imana. Ubwo yari ageze mu za bukuru

ashaje n'umugore we batakibyara. Ntabwo yashidikanije isezerano ry'Imana ry'uko azaba sekuruza w'amahanga menshi, kandi ko urubyaro rwe ruzangana n'umusenyi wo ku nyanja. Kubwo kwizera kwe, amasezerano yose Imana yamusezeranije yarashohojwe. *Itangiriro 17:2-5; 21-1-14.*

UWIZERA YESU NTAZAKORWA N'ISONI !

9. **Umugaragu w'Imana Mose**, yizeraga Imana, akayiringira. Byatumye Uwiteka amwihishurira, amutegeka kugaruka kwa Farao mu Egipta aho yari yarahunze. Ku bwo kwizera Imana byatumye atinyuka guhangana na Farao utavaga ku izima, amusaba kurekura abana b'Israeli, bakava mu bucakara bwo mu Egipta. Imbaraga y'Imana yabanye nawe imukoresha ibikomeye. Kureba ko yizeraga ishobora byose, ntiyigeze akorwa n'isoni, kugeza ubwo Farao yemeye kurekura abisraeli bose. *Soma igitabo Kuva (yose).* **UWIZERA YESU NTAZAKORWA N'ISONI !**

10. **Umwami Dawidi**, yizeraga Imana. Ubwo yari akiri umwana muto, kubwo kwiringira Imana, yakoze igitangaza gikomeye, yica igihangange Goriyati, umufilisitiya; amwicisha ibuye ry'umuhumetso, arimukubita mu mpanga. Amuca igihanga abafilisitiya bose bareba, baratinya cyane, ntibongera gutera abisraeli no kubashotora, batuka Imana y'Israeli.

1 Samueli 17:37-38. **UWIZERA YESU NTAZAKORWA N'ISONI !**

11. **Moridekai**, kubwo kwizera Imana no kuyiringira, uyu Moridekai yanze gupfukamira no kuramya Hamani, wari uwa kabiri ku mwami Hasuwerusi wategekaga ibihugu 127. Moridekai yanze kuramya Hamani washakaga guhabwa icyubahiro cyagenewe Imana yonyine. Hamani yamugiriye urwango rukomeye, ashaka kumurimburana n'ubwoko bwe bw'abayuda. Ashinga igiti cya metero 50 cyo kumumanikaho. Ariko uwiringira Yesu ntazakorwa n'isoni: Igiti yashinze ku irembo rye cyagombaga kumanikwaho Moridekai, niwe wakimanitsweho, kandi ubwoko bw'Abayuda bwagombaga kurimburwa mu bihugu 127 byose, buhabwa ububasha bwo kwirwanaho no kurwanya abanzi babo bazabatera, kandi barabanesheje. *Esiteri 3;4;5;6;7;8;9.*

UWIZERA YESU NTAZAKORWA N'ISONI !

12. Umupfakazi warimo umwenda, umuhanuzi Obadia yapfuye arimwo umwenda yari yarafashe ubwo yagaburiraga abantu b'Imana yari yarahishe mu buvumo igihe bahigwaga. Ubwo yapfaga ntabwo yari yakabashije kuwishyura. Ariko ubwo umwishyura yari aje kumutwara abana be ngo abagire imbata ze ku bw'ideni rya se, muka Obadia wiringiraga Imana yasanze umuhanuzi w'Imana, Imana imwerekaga uburyo yishyura uwo mwenda ndetse aboneraho no guhabwa ibyo kumufasha mu ngorane ze. Imana yamwishyuriye umwenda wose, itanga n'ibimutunga. *2 Abami 4:1-7.*

UWIZERA YESU NTAZAKORWA N'ISONI !

13. Imana yibutse umuhanuzi wayo Yeremiya, igihe yari afungiyemo mu ndiba y'iriba ryuzuyemo ibyondo n'isayo; maze imukuramo, kandi ashakirwa ibyo kurya, kandi byari ingume icyo gihe kubera inzara yariho. *Soma Yeremiya 38:6-9.*

UWIZERA YESU NTAZAKORWA N'ISONI !

14. Imana yibutse abasore batatu: Saduraka, Meshaki n'Abedenego (Azariya) b'Abaheburayo bari i Babuloni, banze kuramya igishushanyo umwami yari yakoresheje. Babajugunya mu itanura ry'umuriro. Imana yabarinze umuriro ntibagira icyo baba, kandi ibakuramo bose bafite amahoro. *Daniel 3:23-26.*

UWIZERA YESU NTAZAKORWA N'ISONI !

15. Imana yibutse Daniel umugaragu wayo ari mu rwobo rw'intare, aho yari yajugunywe, azira ko yanze kureka gusenga Imana ye, mu gihe cyategetswe n'umwami. Intare ntabwo zamuriye, kandi yavuyemo ari amahoro, nta cyo yabaye ku bw'ubushobozi bw'Imana yacu ikomeye. *Soma Daniel 6:22-23.*

UWIZERA YESU NTAZAKORWA N'ISONI !

16. Imana yibutse umuhanuzi wayo Elia, yayirwaniye ishyamba cyane, bituma yicisha abahanuzi ba Baali 450. Maze ubwo umwamikazi Yezebeli yamushakiraga hasi kubura hejuru ngo amwice, ntabwo yabashije kubigeraho; kandi Imana yahoye uwo Yezebeli ibyaha bye; maze Elia akomeza umurimo we nta nkomyi. *Soma 1 Abami 19:2.*

UWIZERA YESU NTAZAKORWA N'ISONI !

17. Imana yazirikanye Petero intumwa ya Yesu, igihe yari afungiwe muri gereza Umwami Herode ashaka kumwica. Imana yamukuje mu nzu y'imbohe, iminyururu yari imuboshye irifungura, inzugi za gereza eshatu nazo zirifungura, amaze gutambuka zirongera zirifunga. Imana imukura mu maboko ya Herode umwicanyi. *Soma ibyakoze n'intumwa 12:7-10.*

UWIZERA YESU NTAZAKORWA N'ISONI!

18. Imana yazirikanye Paulo na Sila, ubwo bari babohewe mu mbago zibaziritse n'iminyururu, muri gereza bazira ubutumwa bwiza. Ubwo bari muri gereza, baririmbiye Imana banezerewe mu mitima yabo batitaye ku kaga barimo; maze Imana irababohora, kandi baboneraho no kwihanisha umurinzi w'imbohe n'umuryango we. *Soma ibyakoze n'intumwa 16:22-27.*

UWIZERA YESU NTAZAKORWA N'ISONI!

Mbese Imana yacu ntizirikana koko? Yaravuze, iti: "ubakoraho aba akoze ku mboni y'ijisho ryanjye". *Zakariya 2:8.* Ugomba kumenya ko ukorana n'Imana ikomeye cyane, kandi ifite ubushobozi n'ububasha butagira urugero. Nk'uko yagaragaje ubushobozi bwayo buhambaye, irengera abayo, niko nawe yiteguye kugukorera, ndetse n'ibiruta ibyo; niwemera kandi ukizera Umwami Yesu, urakizwa". Izere Umwami Yesu urakira ubwawe n'ab'inzu yawe". *Ibyakoze 16:31.*

Turi mu masaha aheruka amateka y'isi. Bidatinze hagiye kubaho ibyago bikomeye kuri iyi si yose. Abantu batihana ibyaha byabo, bazagerwaho n'akaga gashishana. Hazabaho akaga gashishana nk'ibise by'umugore, uko byiyungikanya. Iki ni igihe cyo kwivugurura kuri buri wese ku giti cye. Yesu ararwana intambara iheruka na Satani. "Niba ushaka ibyicarwo mu bwami bwo mu ijuru, ugomba no kugira uruhare mu murimo yaguhaye: amafaranga, ubwenge, ubugizi bwa neza, gutabara abandi, gufasha hose abakene n'indushyi zitagira kirengera, kugaburira abashonje, no kurenganura abarengana utitaye ku moko yabo. Hirya gato, abemera gato bese bazava mu byizerwa. Wabishaka, utabishaka, uzagira uruhande uhereramo: rwaba urwa Yesu, cyangwa urwa Satani. Nuko rero hitamo neza, ujye mu bwishingizi bw'Imana yacu idashobora kudukana.

19. MUBE MWITEGUYE!

UWIBWIRA KO AHAGAZE, YIRINDE ATAGWA!

Umubwiriza butumwa yatubwiye agatekerezo gakwiye gutuma buri wese yitekerezaho. Erega, intwari igaragarira ku rugamba! Naho iyo rutararema buri wese yivuga ibigwi !

"Abasore bo mu itorero rimwe bagize igitekerezo cyo gukora urugendo, bambukanya umudugudu wo bari batuyemo. Bagendaga baririmba indirimbo nziza, bati: "Ari hafi, ari hafi, ari hafi, Yesu agiye kuza"! "Vuza impanda yumvikane hose, Yesu agiye kuza"! Bari bambaye imyenda yanditseho ngo: "MUBE MWITEGUYE"! Banyuze muri uwo mudugudu bari ku murongo nk'abasirikare. Abantu bose barabatangarira ! Bati : dore abakristo biteguye kugaruka kwa Yesu !Nuko bakomeza berekeza mu karere kadatuwe, aho bagombaga gukambika, bakaharara.

Ubwo bari bamaze kuhagera bwije, baciye ingando, bacana umuriro, biteguye kurara aho: kuko bari bitwaje ibyagombaga kubatunga. Ubwo bari bamaze kurya, havumbutse igisimba, giha-garara hagati yabo, gikanuye amaso! Ntawamenye aho giturutse; bose bakibonye gihagaze imbere yabo. Bose bafatwa n'ubwoba! Ntawe ubajije undi, buri wese afashamo, arahuga, ndetse na Pasiteri ubayoboye ariruka! Igisimba nacyo kibonye birutse, nacyo kiriruka, kirahunga: kuko nacyo cyari gifite ubwoba bwinshi. Bose bahunze bambaye imyenda yanditseho ngo: "MUBE MWITEGUYE". Bahunze iki ? Bahungiyeye ye ?

Q: Mbese bari biteguye? Uko niko abakristo b'iki gihe bameze! Muri ubu buzima hari byinshi bidutera guhunga Yesu udukiza, ahubwo tugahungira kuri satani ! Hari byinshi bdukanga tukagira ubwoba; Yesu yaravuze ati: muhumure nanesheje isi.

- Benshi bambaye ibimenyetso by'ibihe by'imperuka; bigaragarira abandi ko biteguye; ariko iyo habaye kugeragezwa, bose baratatana; buri wese akirwariza! Intambara irako meye !

- Bavuga ko Yesu agiye kuza; ariko wagenzura neza, ugasanga batamwiteguye.
- Bavuga ko biteguye kuza; ariko wagenzura neza, ugasanga batamwiteguye.
- Bavuga ko biteguye kujya iwabo mu ijuru; ariko wagenzura neza, ugasanga bagenda barushaho komatana n'isi; bakarushaho gushora imizi mu by'isi.
- Bavuga ko bari maso ariko wagenzura neza, ugasanga basinziriye.
- Bavuga iby'imperuka iri bugufi cyane; ariko wagenzura neza, ugasanga bo bayegeza kure, kubera ko iby'isi bibaryoheye. Ikigeragezo gikomereye cyane abantu b'Imana muri iki gihe ni **IKIGERAGEZO CY'IFARANGA** ".Yesu ati: icyo mbabwira ndakibwira bese nti: mube maso." *Mariko 13:37.*

"Nuko rero umuntu wese ushaka kuba inshuti y'iby'isi, aba yihinduye umwami w'Imana". Yakobo 4:4.

"Nuko namwe mwitegure, kuko igihe mudatekereza, ari cyo umwana w'umuntu azaziramo". Matayo 24:44.

Muharanire kuzabwirwa na Yesu, aya magambo, ngo:

"Nimwe mwagumanye nanjye twihanganana mu byo nageragejwe; nanjye mbabikiye ubwami, nk'uko Data yabumbikiye, kugira ngo muzanye, munywe, mwegereye ameza yanjye mu bwami bwanjye: kandi muzicara ku ntebe z'icyubahiro, muvira imanza imiryo cumi n'ibiri y'Abisraeli". Luka 22:28-30.

Mbese nawe uzaba urimo?????

20. MUYIKOREZE IMITWARO YANYU, KUKO YITA KURI MWE.

UWIZERA YESU NTAZAKORWA N'ISONI !

" Uwiteka ntazemera k'umukiranutsi yicwa n'inzara ; ariko ahakanira abanyabya ibyo bararikira. " Imigani 10 :3.

" Ariko ujye ukiranuka ugeze ku gupfa : nanjye nzaguhaha ikamba ry'ubugingo. " Ibyahishurwe 2:10.

UMUGABO SURWUMWE W'UMUTINDI
WIZERAGA IMANA

" Umugabo w'umutindi wari utunzwe no kuja aho bamenaga imyanda ituruka mu mugi (mu iyarara), agatoramo ibikopo akajya kubigurisha n'abakora udutadowa cyangwa udukoroboyi, bakamuha udufaranga tw'intica-ntikize ; ibyo akaba aribyo bimumunga ; ariko uyu mugabo SURWUMWE nubwo yari umutindi cyane, ariko yakundaga Imana kandi ntiyinubire imibereho mibi ye. Kubera guhora mu myanda nk'umynwa w'inkoko, intoki ze n'amano y'ibirenge bye byari byarabaye nk'ubuhiri. Yahoraga yihandura amavunja atewe n'imyanda ahamo, kandi abaturanyi be bose baramunenaga, bakavugaga ko Imana yamuvumye ubukene.

Igihe kimwe, ari muri rya yarara, ameze nk'inkoko iraha ibitaka yatoyemo agasanduku keza, arakitegereza, aragafata ajya ahitaruye imyanda, aragafungura, asanga kuzuyemo amafaranga menshi ! Asa n'uwikanze cyane, kuko mu mibereho ye atari yarigeze atunga n'inoti y'igihumbi ; none yari asanze huzuyemo inoti za bitanu gusa ! Nuko ajya munsu y'igiti cyari aho hafi y'iryo yarara, aho yajyaga yicara aruhuka, cyangwa aguye isari, akahasinzirira ubundi akahahambirira ibyo yakuye mu myanda. Yakunda icyo giti kuko cyari kizi byinshi ku bizima bwe. Nuko ubwo yari amaze kubona ayo mafaranga ; yashimiye Imana ati :
" ndagushimiye cyane Uwiteka Mana yanjye, wabonye ko umu-

garagu wawe nduhijwe n'imibereho, ukanyoherereza ubu bufasha bunsanze muri iri yarara ; none uyu munsu ukaba unkuye kuri iri cukiyo ; ukaba unkuye ikuzimu ukanshyira ibuntu : izina ryawe rihabwe icyubahiro giheranije. Ni ukuri aho unkuye aha, sinza- hibagirwa ! Nuko wemereye kuyobora umugaragu wawe, unyungure ubwenge kugira ngo nkomeze kukuboneraho umugisha no gukomeza gucishwa bugufi imbere yawe. Amen !

Amaze kuvugana n'Imana ye , yikorera agasanduku ke yari amaze guhambirira mu mufuka, aritahira anezerewe cyane. Ari hafi yo kugera aho yari atuye, ahura n'umusaza umanutse amaboko, agenda abogoza ! Amubaza impamvu agenda avuza induru yihebye cyane ; undi amusubizako amabandi yaraye amusahuye agasanduku yabikagamo amafaranga yose yari amutunze, none akaba adafite icyamufasha. Amubwirako ngo ayo mabandi yamwibye yaba yahishe ako gasanduku aho bamena imyanda mu mug, ariko imodoka iyora imyanda yazindutse kare icyora ku buryo atazi aho yayimennye ngo ajye kureberayo !

Nuko wa mugabo *SURWUMWE* agirira impuhwe uwo musaza utagira gifasha, nubwo na we yari afite ingorane kandi na we akeneye ayo mafaranga, yemera kumwigurana : kuko yumvise ako gasanduku afite mu mufuka bishoboka ko kaba ari ak'uwo musaza. Nuko afata icyemezo cyo kumuha agasanduku ke kuzuyemo ya mafaranga nta cyo akuyemo. Abwira wa musaza ati : musaza, jyewe nkorera mu iyarara aho bamena imyanda yose yo mu mug. Akazi mbashije gukora kantunze ni ako gutoramo ibyo mbonyemo nkajya kubigurisha. None uyu munsu, nari nziko uyu murimo nywusezeyeho burundu : kuko nari natoyemo agasanduku kuzuyemo amafaranga. None dore ngaka : reba ko ari akawe, nusanga ari akawe ukajyane. Uwiteka nabishaka azangenera ubundi buryo bwo kubaho.

Akimara kuvuga atyo, afungura umufuka akuramo ka gasanduku ; wa musaza agakubuse amaso arishima cyane ati : ngaka agasanduku kanjye bari banyibye ! Aragafata aragafungura asanga inoti zigipanze uko yazishyizemo. Nuko aragafata abwira

SURWUMWE ,ati : urakoze cyane Imana yawe iguhe umugisha ! arigendera nta n'inoti n'imwe amuhayemo ! Wa mugabo *SURWUMWE* amukurikiza amaso. Undi akebutse inyuma abona wa mugabo ahagaze amukurikije amaso yumiwe. Wa musaza aragaruka , maze aramubaza ati: witwa nde? Undi aramusubiza ati: nitwa *SURWUMWE*. Arongerera aramubaza ati: aderesi yawe ni iyihe? Undi nawe aramusubiza ati: ni ku cyimoteri cy'iyarara aho bamena imyanda yose yo mu mug. Wa musaza arigendera ati: urabeho.

SURWUMWE asubira mu butindi bwe ku iyarara, ashimira Imana ati:"Uwiteka uri mwiza cyane wumvise gutaka k'uriya musaza utagira gifasha, wemera ko agasanduku ke karimo amafaranga amutunze kabonwa nanjye, kugira ngo abashe kugasubirana, none umugaragu wawe icyo washatse ko nkora ndagikoze, izina ryawe rihabwe icyubahiro iteka ryose. Nuko ukomeze kumfasha Mwami Yesu undinde kuguhemukaho, ahubwo uje umpa gukora ibihuje n'ubushake bwa we, amen."

Umwaka arahita undi urataha, *SURWUMWE* akomeza kwibera mu iyarara rye, atunzwe n'ibyo akuramo. Igihe kimwe ubwo yari yunamirije ataburura imyanda abona umuporisi amuhaze hejuru yumiwe, amubonye ashaka kwiruka ngo amuhunge, undi aba yamufashe! Ati: urakora iki hano ? Undi amusubiza yihebye ati: mutware ndashakamo ibyo kuntunga! Umupolisi amwereka urwandiko rumuhamagara kuri Burigade. Aramujiyana undi agenda azi ko agiye gufungwa! Agenda atakambira Imana ye ngo igire icyo imukorera: kuko nta muntu yagiriye nabi. Bageze kuri burigade bamubaza izina rye, ati: nitwa *SURWUMWE*. Baramubaza bati ukora iki ? arabasubiza ati: ntora mu cyimoteri cy'iyarara ibintunga, niho nkorerera ntabwo ndi umugizi wa nabi, siniba!

Shefu wa Burigade aramusubiza ati: koko ntabwo wiba. Hari umusaza waje hano kugushakisha ngo wamugiriye neza cyane, ngo none kuko nta mwana afite kandi akaba ashaje ; yadusabye kugusanga aho ukorerera ku cyimoteri cy'umugi, ngo

tumugushyire akurage ibye byose: kuko wamubereye umwana mwiza. Nuko akimara kuvuga ibyo amushyira mu modoka, amushyira wa musaza, nawe amubonye aramumenya arishima, amuraga ibye byose; kandi yari umutunzi n'umukungu, afite amasambu n'ibintu byinshi, byose abyegurira SURWUMWE."

"Uwiteka aba kure y'inkozi z'ibibi; ariko yumva gusaba k'umukiranutsi." Imigani 15:29.

"Uwishingikirije ku butunzi bwe azagwa; ariko umukiranutsi azatohya nk'ikibabi kibisi." Imigani 11:28.

"Hahirwa umuntu wiringira Uwiteka, Uwiteka akamubera ibyiringiro." Yeremiya 17:7.

"Inzira y'umukiranutsi ni ugutungana; kandi wowe utunganye ni wowe uyobora umukiranutsi mu rugendo rwe." Yeremiya 26:7.

BURI WESE AZIKORERA UMUSARABA WE!

Muri iki gihe buri wese afite ibimurushya bye yihariye. Buri wese ameze nk'ukubitirwa mu cyumba ahiherereye, nta we umubona ngo amutabare. Uko bigaragara, buri wese afite intambara arwana ku giti cye. Buri wese afite umusaraba yikoreye, urimo kumushengura! Ntawe ubasha kwakira undi umusaraba we yikoreye. Umusaraba wikoreye ureshya nawe; ufite ibiro ubasha gutwara, ariko uraremereye! Ariko kubera ko Imana yacu idukunda, ntabwo izaturinda kubabazwa n'ingaruka z'icyaha, ahubwo izaduha imbaraga zo kwihanganira ibiturushya byose". Kuko itazabakundira kugeragezwa ibiruta ibyo mushobora, ahubwo hamwe n'ikibagerageza, izabacira akanzu, kugira ngo mubone uko mushobora kucyihanganira". 1 Abakorinto 10:13.

UMUSARABA WANJYE URAREMEREYE KURUTA IY'ABANDI!

"Umuntu washaka kunkurikira, niyiyanjye, yikorere umusaraba we iminsi yose, ankurikire". Luka 9:23.

"Umugabo umwe yari amaze iminsi mu ngorane zikomeye. Nuko umutima we umwemeza ko Imana yamukoreye umusaraba uremereye kuruta iy'abandi. Yari umukristo mwiza igihe yari aguwe neza. Ariko ubwo ingorane zamwisukagaho

zimeze nka Serwakira, yabanje kwihagararaho bya kigabo, ashakira umuti n'imbaraga mu masengesho. Ariko uko yasabaga Imana kumukiza izo ngorane, ahubwo nibwo byarushagaho kumukomerera. Nuko atangira gucogora, no gutezuka ku masengesho ye, kugeza igihe mu misabire ye atangiye kuvuga ati: Mana yanjye, mfasha iki gikombe kindenge! Yabisabye inshuro nyinshi, abona nta gihinduka. Bigeza igihe avuga ati: "Mana yanjye, Mana yanjye, ni iki kikundekesheje?". Aho yari ageze aho nta bufasha yari yagahawe. Mbese yasaga nk'aho Imana yamuhannye. Atangira gushidikanya, yibaza ati: Mbese Mana, uracyabaho? Aracogora, asubira inyuma, Satani aramwugariza.

Ubwo yari aryamye nijoro asinziriye, asa n'urota. Yumva ijwi rimuhamagara riti: yewe Yohana we! Ni iki kiguteye umubabaro? Nuko apfa gusubiza ati: ni uko Uwiteka Imana yantaye mu maboko ya Satani, ngo anyice! Riramubaza riti: none urashaka ko ikugenzereza ite? Arasubiza ati: ndashaka ko inguranira umusaraba uremereye cyane yankoreye! Akimara kuvuga iryo jambo, abona imbere ye ku kibambasi cy'inzu hegetse imisaraba myinshi isumbanye. Nuko abwirwa ngo: genda utoranyemo uwo ushaka kwikorera. Nuko yihutira guterura agasaraba kari gato cyane. Nuko agiye guterura asanga karemereye cyane nka gasegereti. Ntiyagakura hasi! Aramwara. Ahitira ku wundi. Nawo ntiyawukura hasi. Nuko akomeza no ku yindi yose, ariko ntiyagira uwo aterura hasi, arinda agera k'uwo yari yikoreye mbere, awuteruye, asanga woroshye ugereraniye n'indi yose yari yanyuzeho. Nuko ahita awikorera bitamugoye, agaruka amwaye cyane. Nuko Imana iramubaza iti: Yohana, uhisemo kwikorera uwuhe musaraba? Arasubiza ati: "NZIKORERA UMUSARABA WAMPITIYEMO NEZEREWU, GUHERA UBU: KUKO ARI WOVE UWITEKA UZI IBINKWIRIYE". Guhera ubwo ntiyongera kwinubira ingorane ze".

Hari abantu bahora bababaye. Ugasanga barijunditse Imana yabo, ngo ntiyabahaye ibyo bashaka; ngo yatumye bahinduka abakene; ngo ntabwo yabaremye nk'abandi; ngo yabagize ibimuga n'impumyi; ngo yatumye bavukira mu turere tubi tutera

imyaka ngo babe abakungu; ngo yatumye batavukira mu bwoko ubu n'ubu, mu gihugu iki n'iki; n'ibindi n'ibindi ntarondoye. Ariko ndagira ngo nkubwire ibi, uwo waba uri we wese, nti *IMANA IZI IMPAMVU Z'INGORANE ZAWWE*. Hari ubwo ibyo waba wishakira byaba ari byo birimo akaga gakomeye cyane utazi. Hari ubwo byaba birimo ibishobora guhitana ubugingo bwawe, cyangwa bikurimbura vuba. Hari ubwo waba wihitiramo ibyakuniga ugapfa amanzaganya, kandi n'ibyo washakaga ukabisigira rubanda nta shimwe. Burya Imana iradukunda cyane.

Baca umugani ngo: "Akamuga karuta agaturo". Nubwo ukennye, nubwo uri ikimuga, nubwo utameze uko ushaka, n'ubwo udatuye aho ushaka, nubwo udafite ibyo wifuza kugira, icy'ingenzi uragifite: *URI MUZIMA*. Ikintu cy'ingenzi muri ubu buzima, nuko uba *URIHO*. Uwapfuye ntabasha kunezererwa ibyo yari atunze akiriho. Kuko nta cyo biba bikimumariye. Uko waba umeze kose, uruta uwapfuye. Ugomba *KUNYURWA N'UKO UMEZE*. Niwiga kunyurwa n'uko umeze ukabimenya, ntabwo uzongera kuba *INTASHIMA*. Imana yacu ihora itubabarira ibyaha byacu byose nta nzika. Ariko hari icyo itemera kudukizaho: ni *INGARUKA Z'ICYAHA*. Kuba turiho nabi uko tudashaka, ni ukubera ingaruka z'icyaha cy'ababyeyi bacu ba mbere, Adamu na Eva. Bagomeye *ITEGEKO RY'IMANA, BARYA KU GITI IMANA YARI YARABABUJJE*, bityo bazanira abazabakomokaho bose umuvumo n'akaga, nuko rero twese twahindutse abagome, abanyabyaha. Kandi "umunyabyaha ahorana umubabaro iminsi ye yose".

Yobu 15:20.

Burya na babandi ubona basa n'abaguwe neza kubera ibyo bafite, batunze, uramutse ubegereye ukaganira nabo, wasanga ari ba nta kigenda! Kuko "Nta mahoro y'umunyabyaha; niko Uwiteka avuga". *Yesaya 48:22.*

"Kuko n'ubwo Uwiteka akomeye, yita ku bicisha bugufi n'aboroheje, ariko abibone abamenyera kure". *Zaburi 138:6.*

"Ntimukararikire ibikomeye, ahubwo mwemere kubana n'ibyorohereje". *Abaroma 12:16.*

Nta muntu n'umwe uriho, udafite umusaraba we yikoreye. Kuko twese twakoze ibyaha. Ariko kandi imisaraba yacu ntabwo ireshya, ndetse nta n'ubwo inganya uburemere. Uwiteka niwe ugupimira umusaraba wawe ugomba kwikorera; kuko buri wese azikorera umusaraba we. *Luka 9:23-25. Abaroma 14:12. Yobu 34:11.* Umenye ko mu busharire havamo uburyohe! **IMANA IZI IMPAMVU Z'INGORANE ZAWA.** *Zaburi 55:22.*

Soma na Zaburi 46:1.

MUYIKOREZE IMITWARO YANYU, KUKO YITA KURI MWE

21. UWITEKA NIWE MWUNGERI WANJYE, SINZAKENA!

"Nzajya ndyama nsinzire nziguye, kuko ari wowe wenyine, Uwiteka umpa kuba amahoro". Zaburi 4:8.

Umupiloti w'indege zikora amasafari maremare (Pilote de Ligne), yagombaga kuva mu Burayi aza muri Afurika, atwaye abagenzi mu ndege. Muri abo bagenzi harimo umugore we n'umwana we muto wari ufite imyaka itanu. Nuko ageze hejuru y'inyanja ya Mediterania, icyo gihe ikirere cyari kimeze nabi cyane; nuko arwana n'iyi ndege cyane mu kirere, ku buryo abagenzi bose bahagaritse imitima cyane; bagira ubwoba bwinshi, ndetse n'abari basinziriye bose barakanguka!

Muri abo bakangutse, harimo n'umwana w'uwo mupilote utwaye indege. Ubwo yari akangutse, abona abantu bose bishwe n'ubwoba, yabajije nyina ati: Mama, harya si papa utwaye iyi ndege? Nyina ati: yego. Nuko abwira nyina ati: ubwo papa ariwe utwaye indege, nta kibazo. Reka nongere nisinzirire: kuko papa ari umupilote mwiza w'umuhanga, kandi umenyereye imihanda mibi yo mu kirere. Arongera ariryamira. Kugeza ubwo nyina yamukanguye, bageze muri Afurika, aho bagombaga kujya ". mbese wizera kandi wiringira Uwiteka Imana yawe nk'uko uyu mwana yiringiye se? Wabasha gusinzira mu kaga ? Mu ngorane nyabuna ntugire imitima ibiri.

• UWITEKA NIWE MWUNGERI WANJYE, SINZAKENA!

" *Hahirwa umuntu wizera Uwiteka, Uwiteka akanubera ibyiringiro.*"
Yeremiya 17:7.

Uhangayikishijwe n'iki? Izere Yesu.

ZIRIKANA:

Imana idusaba kuyizera no kuyiringira nk'uko umwana yiringira se. Uwo mwana yari azi neza ko se amukunda. Yumvaga ko se atakwemera ko umwana we apfira muri iyo ndege atwaye. Yari azi ko se ashoboye guhangana n'imihanda mibi yo mu kirere. Kandi yari azi ko se ari umuhanga n'umupiloti mwiza. Yiringiye se, bituma abona ibitotsi, arisinzirira, mu gihe abandira bari bahagaritse imitima kubera ubwoba. Yesu yaratubwiye ati: "Mu isi muhorana imibabaro, ariko **"MUHUMURE, NANESHEJE ISI"**. Aho unaniriwe, Yesu we arakomeza, yarahatambutse. Azagutambutsa nawe numwizera.

Q: Mbese ufite ihumure rya Yesu mu mutima wawe? Cyangwa se, urimo kubunza imitima nk'utagira umurengezi?

R: Niba uhangayitse kubera ingorane urimo ubu, Yesu arakubwira ati: Humura! Nanesheje ingorane z'isi. Kandi **"UMWIZERA WESE, NTAZAKORWA N'ISONI"**. *Abaronia 10:11.*

"Ninje kuzuka n'ubugingo; unyizera, naho yaba yarapfuye azabaho". *Yohana 11:25.* Uhangayikishijwe n'iki? Bibwire Yesu. Niwe gisubizo cyawe

22 . UWIZERA YESU NTAZAKORWA N'ISONI! 12

"Kuko mutahawe kwizera Yesu Kristo gusa, ahubwo mubahawe no kubabaziwa ku bwe". Abafilipi 1:29.

"Wiringire Uwiteka n'umutima wawe wose, we kwishingikiriza ku buhanga bwaawe, uhore umwemera mu migendere yawe yose, nawe azajya akuyobora inzira unyuramo". Imigani 3:5-6.

"Kuko Uwiteka azakubera ibyiringiro, kandi azarinda ikirenge cyawe gufatwa". Imigani 3:26.

NTABWO KWIZERA YESU BIRINDA UMUNTU KUNYURA MU NGORANE

"Amakuba n'ibyago by'umukiranutsi ni byinshi, ariko Uwiteka amukiza muri byose. Arinda amagufa ye yose, nta na rimwe rivunika." Zaburi 34:19-20.

Kuko yadusezeranyije ati: nzakwigisha nkwereke inzira unyura, nzakugira inama, ijisho ryanjye rizakugumaho " Zaburi 32:8.

Ntabwo kwizera Yesu birinda umuntu kunyura mu ngorane. Ndetse ijambo ry'Imana ritweruriye ko tutahawe kwizera Yesu gusa, ahubwo twahawe no "KUBABAZWA" ku bwe. Kandi nanone ngo: Amakuba n'ibyago by'umukiranutsi ni byinshi. Ntabwo ari bike, nubwo aba ari umukiranutsi Imana yemera! na nkanswe umunyabyaha nkanjye! Ariko kandi ngo: Uwiteka amukiza muri byose! Amen! Ngo: arinda amagufa ye yose, nta na rimwe rivunika! Amen!

Q: Mbese Uwiteka yitaye ku igufka kuruta umubiri?

R: Ari umubiri, ari n'igufka igikomeye cyane ni ikihe? Ni igufka. Kuko iyo igufka rivunitse umuntu aba abaye ikimuga. Ariko iyo ananutse kubera amakuba n'ibyago byinshi bimwisukaho, ntacyo bimutwara kandi ashobora kuzongera akabyibuha rwose. Imana yacu ireba icy'ingenzi akaba aricyo irinda cyane. Soma uko byagendekeye Yobu.

Ubuzima bw'umukristo muri iyi si, bumeze nk'ubw'umusare uri mu nyanja, ateraganwa n'imiraba ituruka impande zose. Ntabwo twasezeraniwe kugubwa neza muri iyi si,

kuko dutuye aho Satani aba. Kandi aho Satani ari ntihabasha kuboneka amahoro. Yesu yaratubwiye ati: mu isi muhorana imibabaro, ariko muhumure nanesheje isi. *Yohana 16:33*. Ubwami bwacu si ubw'iy'isi. Iyo habayeho kubona agahenge, ntabwo tugomba kugahindura ubukonde bwacu.

Q: Kuki ushakira amahoro n'umunezero aho Satani n'ingabo ze batuye?

R: Ubwami bwacu si ubw'iy'isi. Reka abari mu bwami bwabo bakomeze kugubwa neza. Urukundo rw'Imana rutuma nabo bahabwa impamba y'amahina yabo. Umunyamigani Salomo yarabyitegereje neza, agira ati: "naho aseka, mu mutima we harimo agahinda; kandi amaherezo y'ibitwenge ni ugushavura". *Imigani 14:13*. Kuko nta ngororano y'umuntu mubi. Urumuri rw'ukira-nirwa ruzazima". *Imigani 24:30*.

"Kuko amakuba yabo azabatungura. Ninde wamenya kurimbuka kw'abo bose"? Imigani 24:22. Nuko rero ntukifuze iby'abanyabyaha. Ntugahagarikwe umutima n'inkozi z'ibibi. Imigani 24:19. "Ariko uwiringira Uwiteka azaba amahoro". Imigani 29:35.

NTABWO TWAHAWE KWIZERA YESU GUSA, AHUBWO TWAHAWE NO KUBABAZWA KU BWE.

Ibi mvuga, nabihamya rwose, mpereye ku byambayeho. Ubundi ntabwo njya nkunda kuvuga iby'ubuzima bwanyije bwite: kuko ni ubuzima bwuzuyemo ingorane gusa. Ntabwo nagize amahirwe yo kugubwa neza; dore ko no guhera kuri Yorodani tubatizwa nje n'umufasha wanyije muri 1989, habaye urubanza, Satani yanze ko tubatizwa nk'abandi; ariko Pasiteri wabatizaga, aneshwa n'abantu Yesu yakoresheje ngo batuvugire, tubatizwa ubwa nyuma, abandi twari kumwe bigendeye kare! Kuva ubwo ubuzima bwacu bwabaye ubw'ingorane gusa. Benshi bakanseka, abandi bakumirwa!

Muri 1990, nibwo habayeho gutoteza Abadivantiste, kubera ko UMUGANDA wakorwaga ku ISABATO. Ubwo nari

maze imyaka ibiri mbaye Umudivantiste. Ubwo nakoraga mu kigo Leta y'u Rwanda ifatanije na *USAID*, bacungaga cyitwa *PRIME*. Aho nari merewe neza, bampemba neza. Nuko Leta itanga itegeko ry'umuganda wo ku Isabato, kuri bose. Muri icyo kigo nijye wari-
mo nnyenyine. Nuko Umuyobozi wanjye, arampamagara mu biro bye, ati: wumvise amatega ya Leta? Umenye ko iby'*ISABATO* uzanzanaho ntazabyihanganira! Ugomba guhitamo kimwe: akazi, cyangwa isabato.

Ubwo yari amaze kumbwira atyo, nahise nsubira mu biro byanjye, mfunga urugi, ntakambira Imana yanjye ngo indengere, nerekezirukanwa, nti: Uwiteka Mana yanjye, ni wowe wampe-sheje akazi, urabona ko kamfashirizaga umuryango; kuko uzi ko ntuye mu mug, ntagira muni y'urugo, kandi tukaba dutunzwe no guhaha mu isoko. None dore amagambo umuyobozi wanjye ambwiye; ndabigira nte? Nyabuna ndwanaho rwose, ndakwinginze Mana yanjye. Ibyo nabisabaga nkurikije ubushake bwanjye ntazi icyo Imana ishaka. Uko nasabaga ntyo, niko byarushagaho kunkomerera. Byageraga kuwa nyuma (vendredi), umutegeka wanjye akantumaho, akanyihanangiriza kutazasiba umuganda nk'ejo ku isabato (samedi).

Ku isabato mu gitondo, ngatekereza iby'umuyobozi wanjye yambwiye, n'iby'Imana yategetse, nuko nkababazwa n'uko bagiye kunyirukana, mfite umuryango nshinzwe kugaburira; nuko nkumva mfite agahinda kenshi cyane. Ariko kubera ko nakundaga Imana, ngahora nshaka gukora iby'ishima, umutima ukanyemeza kutita ku cyokere uwo mukoresha yanshyiragaho; nuko nkigira mu isabato. Muri njye, nkumva ko wenda Uwiteka afite uko azabigenza. Ku muni w'akazi, nagera ku biro, umukoresha wanjye agahita antumaho mu biro bye; akambaza ati: n'ubu uracyakomeje agasuzuguro kawe koko? Harya urashaka ko nkwirukana ku kazi? Ibyo ushaka, uzabibona rwose! Ati: ubutaha, nutisubiraho ngo uze, uzambona! Ntabwo nkina nawe. Umenye ko ari itegeko rya Leta!

Nibwo nagiye kubaza muri *MINIPLAN* yatuyoboraga icyo gihe, nsanga harimo abandi badivantiste badakora umuganda, ahubwo baza gukora ku cyumweru, bishyura. Nuko nsaba ko najye najya nkora nkabo, ariko umuyobozi wanjye arabyanga; ahubwo ajya kundega kwa Ministre. Ubwo Ministre yamaraga kubona uko bimeze, yatumyeho uhagarariye itoreto ry'abadivantiste mu Rwanda (icyo gihe yari Pasiteri *RWAMIHETO Thomas*) amubaza uko babona ikibazo cy'umuganda mu itorero ryacu. Yamusobanuriye ko bidashoboka ko umudivantiste nyakuri usoma Biblia, ajya gukora umuganda ku isabato. Ati: ubwanjye aho kugira ngo nkore umuganda ku isabato, nakwemera baka nyica. Ati: ahubwo itorero ryacu ryemera kwishyura uwo munsu, rigakora ku cyumweru. Nuko Ministre ntiyita kuri cya kirego cyanjye, ariko Satani akomeza gukaza umuyobozi wanjye.

Igihe kimwe, ubwo Ministre yari yagiye muri mission izamara ukwezi, nibwo wa muyobozi yasanze uwari wasimbuye Ministre, nuko bemeza ko ngomba kwirukanwa nkomeza kwanga gukora umuganda. Uko natakambiraga Imana, nshaka ko icyo gikombe gishaririye kindenga, niko byarushagaho gukomeza umurego. Mbibwiye umufasha wanjye, arikanga. Kuko nari naramubimuhishe. Arambwira ati: utekereze neza, kuko udafite uzagutungira abana! Kandi uzi ko dutunzwe no guhaha! Nari mpangayitse cyane. Bigeze kuwa nyuma (vendredi) umukoresha wanjye antumaho, ati: kuwa mbere (lundi) uzasanga urwandiko rukwirukana, ejo (samedi) niba utaje gukora.

Mva imbere ye ndemerewe cyane mu mutima; no gusenga birananira. Ariko ku isabato mu gitondo mfata Biblia n'indirimo, njya ku rusengero. Ndavuga nti : ntabwo nshobora kurenga kubyo namenye ngo ni ukugira ngo ngubwe neza. Ubwo nari mu rusengero, ariko mbunza imitima, naje gufungura Biblia ntombonye, ngira ngo ngire icyo mba nsoma kimpugenze, nuko mba nguye (ijisho rihita risoma) ku isomo ryo muri *Yeremiya 15:19-21*. (Ihangane urisome). Ubwo nahasomaga, numvise ikintu cyari kindemereye ku mutima cyururutse, numva ubwoba nari mfite burashize, mbaye nk'icyihebe. Kuva ubwo inkeke nari mfite, iba

irarangiye. Nahise nandika muri Biblia yanjye ko ari Isezerano ryanjye n'Imana yanjye.

Kuwa kabiri(Lundi) ngeze ku kazi, umukoresha wanjye antumaho umusekereteri we, ko mba ntegura, ko urwandiko rumpagarika bamaze kurusinya. Numva ntacyo bimbwiye. Ndavuga ngo: bibe uko Imana ishaka. Mu masatatu, muri cabinet kwa Ministre, banterefona bamenyesha ko banyirukanye. Nuko ibaruwa igeze ku kazi, umuyobozi wanjye, noneho aba ariwe uza kunyihamagarira; ati: narakubwiye wanga kumva, ugira ngo ndakina nawe; none dore barakwirukanye! Uzabaho ute, muri uyu mugwi? Dore wahembwaga amafaranga menshi, ahandi uzayabona nihe? Mwebwe mupfa kuguruka mu byo mutazi, mukishinga abapasiteri banyu bifitiye imishahara yabo! Ubu se bazagutungira urugo? Warahubutse, none dore bigukozeho! Ngiyo ibaruwa iguhagarika! Ngaho genda " *UMWUKA WERA AZAGUTUNGA!* " Mpita mubwira cyane, nti Amen!! Nti umbwiye ijambo ryiza cyane. Umwuka w'Imana azantunga nyine. Ntabwo umuntu atungwa n'umugati gusa ; ahubwo atungwa n'ijambo ry'Imana!

Nuko asa n'umwaye. Arambwira ati: Genda, ejo nzabona ugarutse hano kunsaba ikiraka abana bawe baburaye! Nuko nerekana ibintu by'abandi. Nsezera ku bakozi twakoranaga, ndataha. Ntangira umusaraba w'ingorane. Amafaranga bampe-mbye arashira, dutangira ubuzima bubi. Abantu bose baranseka ngo ndi igicucu. Ndetse n'inshuti zanjye zinshikaho. Nuko Uwiteka akajya andwanaho, tugasonza, ariko ntitwicwe n'inzara. Rimwe tukaburara, ubundi tukabwirirwa, ariko Uwiteka akajya atugobotorera ifunguro. Ngerageza gushaka akazi, ariko ndakabura. Satani yangendagaho cyane, ibyo nubatse byose akabisenya; naba ngiye kubona akazi, akagaha abandi. Namaze imyaka irenga ibiri ndi umushomeri. Ariko Uwiteka atwereka ubundi buryo bwo kubona ibidutunga. Muri iyo myaka mibi, twayibyayemo umwana, kandi n'ubu ariho. Ntabwo twapfuye twese, kuko Umwuka w'Imana waradutunze rwose. Twarananutse, tubura umubiri, ariko nta gufa ryacu ryavunitse! Ijambo ry'Imana ni ukuri." Naravuze nti : ntabwo nzihakana Yesu ngo mugurane

akazi keza. Nemeye kwinjira mu ngorane kuko Yesu yazimbanjirijemo, kandi azamfasha. "

Uwiteka yaravuze ati:

"Uwiteka ntazemera ko umukiranutsi yicwa n'inzara; ariko ahakanira abanyabyaha ibyo bararikira". Imigani 10:3.

Hari ubwo wenda nawe waba ufite intambara nk'iyo cyangwa se izindi ntambara zo mu mibereho yacu ya buri muni urimo kurwana nazo; wicogora bona nubwo wasa n'uretswe n'Imana yawe, nubwo wasigara ku buce, Yesu yadusezeraniye ko azabana na twe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi. Matayo 28:20. Nuko wizere ko azabana na we mu ngorane zawe zose kandi ntazaguhana na gato! Kandi "uwihangana akagaza imperuka niwe uzakizwa". Matayo 24:13.

Mu cyigisho nanditse cyitwa: *GUKANGURA GUHERUKA MU ITORERO RY'IMANA*; navuze ko ubu, turi mu Bukritso bw'ikinyenga! Kuko nta kidukanga, ntacyo twishisha! Tujya gusenga nta ngorane, tukagenda twariye, twanyoye, twisize, twambaye neza, ndetse bamwe bagenda mu mamodoka yabo, bamerewe neza. Abandi nabo, nubwo baba bafite ingorane mu ngo zabo, ariko nta tegeko rya Leta ribakandamije barengaho kubwo kwizera Yesu. Ariko muzirikane ko icyo kinyenga kigiye kuvaho! Ubwo bazaba bamaze gutangaza ko ku isabato bazajya bakora umuganda mu mashyirahamwe, nibwo abadivantiste bose bazamenya icyo gufatanya na Yesu mu mibabaro ye bisobanura. Ubu ntacyo baramenya, bamwe bibereye mu kinyenga cy'ubukristo. Ariko ba uretse gato! Agatinze kazaza....! Ibyatubayeho tugomba kubibwira abandi, kugira ngo bibakomeze

Kuvuga ubukristo biroroshye, ariko gukora iby'ubukristo birakomeye! Ubwami bw'Imana si ubw'amagambo gusa, ahubwo n'ubw'imbaraga. Intwarane zibugishwamo n'imbaraga mu by'umwuka duhabwa no kwizera Yesu.

UWIZERA YESU, NTAZAKORWA N'ISONI! Imigani 8:34-36.

23. UWIZERA YESU, NTAZAKORWA N'ISONI 13

Q: MU NZIRA IJYA MU EGIPUTA, URAYIKORAMO IKI?

Q: MU NZIRA IJYA MU ASHURI YO, URAYIKORAMO IKI?

" Umusore yarangije kwiga amashuri ye, abona akazi mu mugu mukuru w'igihugu cyabo. Akiri iwabo yari yarahawe uburere bwa gikristo. Ariko amaze kugera kure y'iwabo, yatangiye gusoma ibitabo bibi bya roman photo, maze bimwangisha ibyo yasomaga mbere by'iyobokamana. Amaze kurangiza amashuri ye, ahita abona akazi. Noneho atangira kujya areba amafilimi na za senema mbi, kandi akomeza no gusoma ibinyamakuru mabi, maze arahinduka. Ntiyongera gusoma Biblia ukundi.

Mu cyumba cye, wasangaga hamanitse amafoto mabi gusa. Abakobwa bambaye ubusa, abagabo n'abagore basomana bambaye ubusa, abakobwa bambaye inshabure zibambika ubusa, abasore n'abakobwa baryamanye, abakina imikino mibi n'ibindi... Nuko igihe kimwe, umubyeyi we wakundaga Imana, aza kumusura iwe aho yari acumbitse mu mugu. Nuko Mama we agera mu cyumba cy'umuhungu we. Akubise amaso ayo mafoto arumirwa! Amenya icyo umwana we yabaye cyo! Ubwo yitegerezaga ayo mafoto, umuhungu we yari yubitse umutwe. Ariko Mama we ntacyo yiriwe amubwira. Ubwo yari amaze kugera iwabo, yahise ajya gushaka ifoto nziza cyane ya Yesu Kristo. Nuko arayigura, arayifata ayifungira mu ibahasha nini, ayohereza umuhungu we. Nuko umuhungu we ayibonye uko isa, arayikunda cyane. Ashaka kuyimanika mu cyumba cye. Ayishyize hagati ya yandi y'abakobwa bambaye ubusa, abona bidashoboka! Nuko afata ibyemezo byo kumanura ya mafoto yose yari yaramanitse, nuko amanika mu cyumba cye ya foto ya YESU yonyine. Guhera uwo munsu ntabwo yongeye kureba ya mafoto mabi ukundi. "

MURI YESU HARI IMBARAGA IKOMEYE CYANE

Uwo musore, umutima nama we wamenye ko ifoto ya Yesu idashobora kubangikana n'ayo yandi y'abakozi ba Satani. Uwiteka

aratinyitse, kandi akwiriye icyubahiro gikomeye! Iyo umucyo winjiye, umwijima urahunga! Niwinjiza Yesu mu mutima wawe, agatura muri wowe, azirukanamo ibigirwamana byose wimitsemo, agukuremo abadaimoni bose bari bakwitsindagiyemo; aguhe uburuhukiro mu mutima wawe. Aguhe amahoro yo mu mutima abanyabyaha n'abakozi ba Satani batagira. Yesu arakubwira ati:

"Dore, mpagaze ku rugi, ndakomanga. Umuntu niyumva ijwi ryanjye, agakingura urugi, nzinjira iwe, dusangire".
Ibyahishuwe 3 :20.

"Kuko abantu banjye bakoze ibyaha bibiri: baranyimuye, kandi ari njye soko y'amazi y'ubugingo; kandi bikorogoshoreye ibitega mu rutare, ndetse n'ibitega bitobotse, bitabasha gukomeza amazi". *Yeremiya 2:13.*

"None se, mu nzira ijya mu Egiputa urayikoramo iki? Urashaka kunywa amazi ya Nili? Cyangwa se mu nzira ijya mu Ashuri yo, urayikoramo iki? Urashaka kunywa amazi ya rwa ruzi? Ububi bwawe buzaguhana, n'ubuhemu bwawe buzagukoraho: nuko umenye kandi urebe ko ari ikintu kibi kandi gisharira, kuko wimuye Uwiteka Imana yawe, ntube ukinyubaha, niko Umwami Uwiteka nyiringabo avuga". *Yeremiya 2:18-19.*

"Babwira igishitsi cy'igiti bati: Niwowe Data; bakabwira n'ibuye bati: ni wowe watubyaye: kuko, aho kumpangaho amaso, banteye umugongo; ariko mu gihe cy'amakuba yabo bazavuga bati: Haguruka udukize. Ariko imana zawe wiremeye zirihe? Nizihaguruke niba zibasha kugukiza mu gihe cy'amakuba yawe: kuko, uko imidugugu yawe ingana, Yuda we, ariko n'imana zawe zingana". *Yeremia 2:27-28.*

MBESE IYO NZIRA UNYURAMO, IZAKUGEZA I KANANI YO MU IJURU? BITEKEREZEHO NEZA WITONZE.

Muri iki gihe, abakristo bari mu ngorane z'imibereho iruhije, cyane cyane abatuye mu migi. Imibereho iruhije cyane benshi yatumye bimura Uwiteka Imana yabo! Ubuzima bubi burabanyaryata, basharirirwa cyane, bikabaviramo kwihakana Uwiteka Imana yabo, basa n'abayihimuraho, dore ko bamwe baba bayivu-

ma ngo yabateje ubuhanya, kandi abandi baguwe neza. Satani akabafatiranira aho, ati: niba Uwiteka ariwe Imana yanyu, ngaho nabakure aho muri, abahe ibyo mukeneye byose? None se ko uvuga ngo umwizera ntacyo azakenera ngo akibure, ko mumwizera, mwabonye iki? Mwakize ku ki? Simbona ubukene bubugarije se? Maze ibibazo byababana insobe, bagahitamo kwisubirira mu Egipta (gusubira mu byo wari wararetse, waranze, warihannye). Bakajya mu nzira ijya mu Ashuri! (mu byaha).

Uwiteka arakubaza ati: Urashaka kunywa amazi ya Nili? Umenye ko "ntawe urya aka Satani ngo agaheze"! Hari abimura Imana yabo, kubera inda. Bishoboka rwose ko Satani yaguhaye ibyo washakaga, kugira ngo abone uko akugeza mu nzira ijya mu Ashuri (mu nzira ziganisha mu irimbukiro), kuzongera kugaruka mu nzira ijya i Kanani yo mu ijuru ubwo ukaba utandukanye nabyo burundu! Ayo mazi ya Nili urayashakira iki? Numara kunywa amazi ya Nili, ntabwo uzabasha kuyaruka! Hari abakristo bihannye inzoga; ariko kubwo kugenda mu nzira zijya mu Egipta, cyangwa mu Ashuri (kugendana n'abapagani abanya-byaha) bakongera gusubira ku nzoga; ndetse bakageza n'aho banywa n'itabi! Uyu munsu Yesu arakubaza ati:

- Mbese mu nzira ijya mu Egipta, urayikoramo iki?
- Mbese urashaka kunywa amazi ya Nili?

- Mbese inzira ikujyana mu bya gipagani urayikoramo iki?
- Mbese urashaka kunywa ibizira byose?
- Mbese inzira zigusubiza mu byaha wihannye urazikoramo iki?
- Mbese urashaka kunywa amazi ya rwa ruzi?
- Mbese inzira zigusubiza mu byaha wihannye urazikoramo iki?
- Mbese urashaka kunywa ibisindisha byabo birimbuza?

UMENYE KO: NTAWE URYA AKA SATANI NGO AGAHEZE!

ZIRIKANA:

Niba ugendana n'abanzi b'umusaraba, amaherezo nawe uzaba nkabo! Irinde kwimura Uwiteka, uko byakugendekera kose, bona

n'ubwo byagusaba kuhasiga agatwe kawe. Uwiteka aravuga ati: uje ukiranuka ugeze ku gupfa, nanjye nzaguhaha ikamba ry'ubugingo. *Ibyahishuwe 2:10.*

"Ninjye kuzuka n'ubugingo; unyizera, naho yaba yarapfuye, azabaho". *Yohana 11:25.*

"Nzi imirimo yawe n'uko ufite izina ry'uko uriho, nyamara ukaba uri intumbi". *Ibyahishuwe 3:1.*

"Nuko ibuka aho wavuye ukagwa; wihane, ukore imirimo nk'iya mbere; kuko nutabikora, nzaza aho uri, nkure igitereko cy'itabaza cya we ahacyo, nutihana". *Ibyahishuwe 2:5.*

"Nuko ibuka ibyo wakiriye n'ibyo wumvise; ubyitondere, kandi wihane. Ariko rero, nutaba maso, nzaza nk'umujura, nawe ntuzamenya igihe nzagutungurira". *Ibyahishuwe 3:3.*

"Abo nkunda bese ndabacyaha, nkabahana ibihano; nuko rero, gira umvete wihane. Dore, mpagaze ku rugi, ndakomanga, umuntu niyumva ijwi ryanjye, agakingura urugi, nzinjira iwe dusangire". *Ibyahishuwe 3:19-20.*

- Guhera uyu muni, fata icyemezo cya kigabo, uti:
- Sinzongera gusubira mu nzira ijya mu Egiputa, ntazanywa ku mazi ya Nili.
- Sinzongera kujya mu nzira ijya mu Ashuri, ntazanywa ku mazi ya rwa ruzi.

IMANA IDUFASHE KUGIRANGO TUBASHE GUFATA IBYEMEZO BYA KIGABO, BYATUMA TUTIMURA IMANA YACU, MAZE TUGAKOMEZA KUBA MU RWULI RWAYO. Amen!

24. UWIZERA YESU, NTAZAKORWA N'ISONI 14

NTUGAHOHOTERE UMUKOZI W'IMANA

" Hahirwa umuntu wizera Uwiteka, Uwiteka akamubera ibyiringiro." Yeremiya 17:7

" Nahyo yagwa, ntazarambarara. Kuko Uwiteka amuranije ukuboko kwe". Zaburi 37:24.

IMANA YACU DUKORERA IRAKOMEYE CYANE!

" Umupasiteri yatemberaga mu muji mukuru w'igihugu cyabo, avuye kubwiriza ubutumwa bwiza. Yari mu modoka ye, kandi yari atashye bwije; kuko hari nka saa tanu z'ijoro. Nuko agiye kubona abona abantu bahagaze imbere y'imodoka ye baramuhagarika nk'abajandarume bari mu kazi. Ubwo byabaye ngombwa ko ahagarara. Akimara guhagarara, ku miryango yombi hahagarara abo bantu bamubaza ibya ngombwa by'imodoka. Ubwo azimya imodoka agira ngo abashakire ibyangombwa; umwe muri bo ahita ashikuzamo kontaki y'imodoka, aramusunika mu gihe mugenzi we amutunze imbunda. Ubwo bari bamaze kugera mu modoka, baramuhigika wa wundi ufite urufunguzo rw'imodoka yicara kuri vola y'imodoka, arayatsa baragenda. Bose bayipakiyemo, ubwo uwo mupasiteri amenya ko abo ari IBISAMBO.

Ubwo uwo mupasiteri yabonaga bipakiye mu modoka nta kindi yakoze, yahise asengera mu mutima, asaba Imana ye kumutabara, kuko yabonaga bamwerekeza aho atazi. Ati: Uwiteka, umugaragu wawe nguye mu kaga, aba bagome simbazi, ariko wowe urabazi, ndetse uzi n'ibyo ubu batekereza kunkorera. nuko niba ushima ko umugaragu wawe ubuzima bwanjye kuri iy'isi burangirira muri iri joro, bibe uko ushaka, wakire umwuka wanjye. Ariko niba ubona hari umurimo ubona ngomba kubanza gukora, undwanaho, unkure mu maboko yabo. Amen. Ubwo yarangizaga gusenga iryo sengesho, yumvise ashize ubwoba, umutima we urakomera, yumva yongerewe imbaraga ku buryo yabazaga ibyo bisambo nta cyo yishisha.

Bari bamaze kumusaba ko bamwambura ibyo yari afite byose: amafaranga n'ibya ngombwa bye babijyanye. Nuko arababaza nta bwoba burangwa mu ijwi rye ati: munjyanye he? Umwe aramubwira ati: urahabona. Arongera arababaza ati: ko mbona mwerekeza ahantu ntazi, mumenye ko muri bungarure aho mwankuye! Nuko umukuru wabo abwira bagenzi be, ati: mumuhe imodoka ye yigendere! Nuko bya bisambo birebana ku maso bitangaye kandi byumiwe! Ariko Shefu wabyo yongera gushimangira ijamba rye, ati: mugire vuba, mumusubize ibye byose. Nuko basubiza Pasiteri ibya ngombwa bye uko byari bizingazirye: kuko batari bakabifunguye; arababwira ati mumuhe n'amafaranga ye yose. Nuko bamusubiza ayo mafaranga yose. Arongera ati: mumusubize imodoka ye yigendere.

Noneho Pasiteri arababwira ati: aka karere turimo sinkazi. Mwankuye mu muji aho mbasha kwiyobora nta ngorane, none mugomba kunsubiza aho mwankuye. Baramusubiza bati: Pasiteri, utubabarire kandi udusabire ku Mana yawe, kuko twaguhemukiye, turagusubiza mu muji, ariko ntabwo dushobora kugusubiza aho twakuvanye. Nuko baramutwara bamugeza kuri rompuwe, barahagarara, bava mu modoka ye, bamusezeraho neza, barigendera nta cyo bamutwaye. Nuko ubwo yari aho kuri rompuwe, yasubijwe ibya ngombwa bye, amafaranga n'imodoka ye, yubitse umutwe ashimira Imana ye cyane, ayubashye, kandi atinye cyane ibikomeye byayo imukoreye. Nuko ataha iwe ashima Imana kandi anezerewe cyane ". Imana yacu yadusezeraniye ko itazaduhana na hato. UWIZERA IMANA izamusohoreza amasezerano yayo yose.

UBWISHINGIZI BW'UMUNTU W'IMANA

"Kuko witondeye ijamba ryo kwihangana kwanjye, nanjye nzakurinda igihe cyo kugerageza, kigiye kuza mu bihugu byose, kugerageza abari mu isi. Ndaza vuba: komeza ibyo ufite, hatagira ugutwara ikamba ryawe." Ibyahishuwe 3:10-11.

"Ntutinye ibyo ugiye kubabaziwaAriko ujye ukiranuka, uza-geze ku gupfa: nanjye nzaguhaha ikamba ry'ubugingo." Ibyah.2:10.

"Nzakwigisha nkwereke inzira unyura, nzakugira inama, ijisho ryanjye rizakugumaho". Zaburi 32:8.

"Amakuba n'ibyago by'umukiranutsi ni byinshi, ariko Uwiteka amukiza muri byose. Arinda amagufa ye yose, nta na rimwe rivunika." Zaburi 34:19.

"Ariko agakiza k'abakiranutsi gaturuka k'Uwiteka, niwe gihome kibakingira mu gihe cy'amakuba. Kandi Uwiteka arabatabara, akabarura, abarura mu banyabyaha, akabakiza, kuko bamuhungiyeho". Zaburi 37:39-40.

Umuntu w'Imana aba ashinganyeye! Kumukoraho ni ukwigerezaho! Muri Biblia hari aho itubwira abantu bigeze gutuka umuhanuzi Elisha ngo ni umunyagihara kibi; ariko Imana yohereje inyamaswa zirabacagagura, bazize icyo. Mariamu yaneguye Mose ngo yarongoye umunyegiputakazi ahita asesa ibibembe bamuheza imyuma y'ingando. Umwami Ahabu yatoteje umuhanuzi Mikaya amuhoye kuvugisha ukuri, aramufunga kandi amugaburira ibyo kurya by'agahimano; ariko urugamba yari atabayemo nirwo yaguyemo arapfa. Ingero ni nyinshi cyane. Ukoze ku muntu w'Imana aba akoze ku mboni y'ijisho ry'Uwiteka Imana." Azarinda ibirenge by'abakiranutsi be, ariko abanyabyaha bazacemererwa mu mwijima". 1Samuel 2:9. Urwanya umuntu w'Imana, aba yikungurira!

Uriya mu Pasiteri yatabaje Imana ye; yumva ibyo asaba, iramutabara yohereza Maraika wayo kumutabara, ku buryo ibisambo byasigaye bisa n'ibitegekwa na wa mupasiteri. Kandi Marayika w'Imana yahishuriye shefu wabo ko uwo bashaka kugirira nabi ari umu Pasiteri. Amutegeka ko bamusubiza ibye ndetse n'amafaranga ye yose! Imana yacu irakomeye cyane! UWIZERA YESU NTAZAKORWA N'ISONI!

AMASEZERANO Y'IMANA YACU (Abagalatia 3:15)

"Umwami ahimbazwe utwikorerera umutwaro uko bukeye, niwe Mana itubereye agakiza". Imana itubera Imana y'agakiza, idukiza kenshi; kandi Uwiteka, Umwami, niwe ubasha kugukura mu rupfu. Ariko Imana izamenagura imitwe y'abanzi bayo, n'igikoba

kiriho umusatsi cy'umuntu wese ukomeza kwishyiraho urubanza". Zaburi 68:19-21.

a) AMASEZERANO Y'IMANA

Nta bwo Imana yacu yasezeraniye abantu bayo ko batazagera mu kaga, amakuba, ibyago n'ingorane. Ahubwo yadusezeraniye ko izabana natwe muri zo, ikaturwanaho bikomeye. Yaravuze iti:

"Nzakujya imbere; ahataranganaye mparinganize; nzamenagura inzugi z'imiringa, n'ibihindizo by'ibyumama nzabikamo kabiri. Nzaguhubutunze buri mu mwijima n'ibihishwe ahantu haherereye, kugira ngo umenye ko ari jye Uwiteka uguhamagara mu izina ryawe, ni njyewe Mana ya Israheli". Yesaya 45:2-3.

"Ntutinye ndi kumwe nawe". Yesaya 43 :5.

"Witinya, kuko nagucunguye, naguhamagaye mu izina ryawe, uri ubwanjye. Nunyura mu mazi nzaba ndi kumwe nawe: n'uca no mu migezi, ntizagutembana; nunyura mu muriro ntuzashya, kandi ibirimi byawe ntibizagufata. Kuko ndi Uwiteka Imana yawe, Uwera wa Israeli umukiza wawe; nagutangiriye Egiputa ho inshungu; Etiopia n'i Seba nahatanze ku bwawe. Kuko wambereye inkoramutima, kandi ukaba uwo kubakwa, nanjye nkagukunda, nicyo kizatuma ntanga ingabo zigapfa ku bwawe, n'amahanga nkayatangirira ubugingo bwawe". Yesaya 43:1-4.

"Ninjye Uwiteka, nta wundi; nta yindi Mana ibaho itari njye. Nzagukenyeza, nubwo utigeze kumenya, kugira ngo uhagereye iburasirazuba ukageza iburengerazuba bamenye ko ari nta yindi Mana iriho itari njye. Ninjye urema umucyo n'umwijima, nkazana amahoro n'amakuba. Jye Uwiteka ni njye ukora ibyo byose".

Yesaya 45:5-7.

"Jye ubwanjye ni njye ubahumuriza; uri muntu ki, yewe utinye umuntu kandi azapfa, ugatinye umwana w'umuntu uzahindurwa nk'ubwatsi, ukibagirwa Uwiteka wakuremye, ukiriza umunsi watinye uburakari bw'umugome, iyo yitegura kukurimbura? Mbese uburakari bw'umugome butwaye iki? Abanyagano b'ibicibwa bazabohorwa vuba; ntibazapfa ngo bajye muri rwa rwobo, kandi ibyo kurya byabo ntibizabura. Kuko ndi Uwiteka Imana yawe, ntera imiraba kuzikuka mu nyanja, igahorera. Uwiteka nyiringabo niryo zina rye." Yesaya 51:12-15.

"Abakene n'abatindi bashaka amazi bakayabura, ururimi rwabo rukagwa umwuma; jye ho Uwiteka, nzabasubiza; jyeweho Imana y'Israeli sinzababana." Yesaya 41: 17.

"Jyewe Uwiteka, naguhamagariye gukiranuka, nzagufata ukuboko, nzakurinda, nguhe kuba isezerano ry'abantu, no kuba umucyo uwira abanyamahanga, no guhumura impumyi, ukabohora imbohe, ugakura ababa mu mwijima mu nzu y'imbohe.

"Ndi Uwiteka; niryo zina ryanjye, icyubaliro cyanjye sinzagihira undi, n'ishimwe ryanjye sinzarika ibishushanyo bibajwe. Dore ibya mbere birasohoye, n'ibishya ndabibamenyesha, mbiba-bwire bitaraba." Yesaya 42:6-9.

"Ntutinye, kuko ndi kumwe nawe; ntukihebe, kuko ndi Imana yawe; nzajya ngukomeza, ni koko nzajya ngutabara kandi koko nzajya nkuramiza ukuboko kwanjye kw'iburyo, niko gukiranuka kwanjye. Dore abakurakayije bose bazakorwa n'isoni bamware; abagutonganya bazahinduka ubusa, ndetse bazarimbuka. Abakugisha impaka, uzabashaka ubabure; kandi abakurwanya bazahinduka ubusa babe nk'ibitariho; kuko njyewe, Uwiteka Imana yawe, nzagufata ukuboko kw'iburyo, nkubwire, nti: witinye, ndagutabaye." Yesaya 41:10-13.

"Njyewe Uwiteka Uwera wanyu, Umuremyi w'Israheli n'umwami wanyu." Yesaya 43:15.

"Ariko abiringira ibishushanyo bibajwe bazasubizwa inyuma? Ababwira ibishushanyo biyagijwe bati: muri imana zacu, bazakorwa n'isoni cyane". Yesaya 42:17.

"Indagu z'abanyabinyoma nzihindura ubusa, abarozi nkabatera ibisazi, nsubiza inyuma abanyabwenge, ubwenge bwabo nkabuhindura ubupfu". Yesaya 44:25.

"Nzakwigisha nkwereke inzira unyura, nzakugira inama, ijisho ryanjye rizakugumaho!" Zaburi 32:8. Amen.

"Ndirahiye, ijambo rivuye mu kanwa kanyje, niryo jambo rikiranuka ritavuguruzwa, yuko amavi yose azamfukamira, indimi zose zikaba ari nje zirahira." Yesaya 45:23.

"Narabivuze, no kubisohozwa nzabisohozwa; narabiganibiriye; no kubikora nzabikora". Yesaya 46:11.

"Kuko Umwami Imana izantabara, nicyo gituma ntamwara; nicyo gitumye nkomera, mu maso hanjye hakamera nk'urutare; kandi nzi yuko *NTAZAKORWA N'ISONI*.

Unsindishiriza ari hafi. Ni nde uzamburanya? Duhagarare twembi. Umurezi wanjye ni nde? Nanyegere. Umwami Imana niyo izampagarikira. Ni nde uzansindisha? Bose bazasaza nk'umwambaro; inyenzi zizabarya pe. Ni nde wo muri mwe wubaha Uwiteka, akumvira umugaragu we? Ugenda mu mwijima adafite umucyo, ni yiringire izina ry'Uwiteka, kandi yishingikirije ku Mana ye". *Yesaya 50:7-10*.

"Ujye utegereza Uwiteka, agukomeze mu nzira ye, nawe azagushyira hejuru kuragwa igihugu: abanyabyaha bazarimburwa ureba". *Zaburi 37:34*.

"Nzajya ndyama nsinzire nziguye, kuko ari wowe wenyine Uwiteka, umpa kuba amahoro". *Zaburi 4:8*. Amen.

b) IMANA IZI IMPAMVU Z'INGORANE ZAWWE

Uwiteka Imana yacu yaduhaye amasezerano yayo. Imana yacu ni Imana y'ukuri itabeshya ; uyizera wese, uyiringira wese, ntazakorwa n'isoni. *Abaroma 10:10*.

Ibyo Idusezeranira byose ni iby'ukuri. Imana yacu ntibeshya. Niba ubona itagusohoreza amasezerano yayo, ubwo hari ibitagenda neza muri wowe, ntabwo izagusohoreza amasezerano utarayimenya. Banza wige cyane kumenya Imana, kuyizera, no kuyiringira ubudakebakeba; nibwo uzabona ubwiza bw'Imana yacu.

Imana yacu ni iyo kwizerwa. Imana yacu ntihana abayo. Ifite imbaraga nyinshi. Ifite kugira neza kwinshi. Ifite ubushobozi buheraniye. Ifite kuzirikana kutabasha guhugirana. Ifite gutanga amahoro atagira impinduka. Ifite imbabazi zihoraho iteka ryose. Yishimira kubabarira iteka ryose. Ifite kwihangana kutagereranwa. Urukundo n'umurava byayo bihoraho iteka ryose. Niyo ifite imyuka y'ubugingo ku biremwa byayo byose yaremye, kandi niyo ibibeshaho. Iravuga bikaba; yategeka bigakomera. Niyo yaremye abantu bose bari ku isi, kandi kubera ubuhanga bwayo, nta muntu uhwanyeye n'undi.

Niyo yaremye ijuru n'isi nta cyo ihereyeho. Ibyaremwe byose bibeshwaho n'itegeko ryayo. Imana, ni Imana y'intavuguruzwa. Uyizera wese, ntazakorwa n'isoni mu ngorane n'akaga kamuge-zeho, akomeze kwizera, ashikame mu masezerano y'Imana. Ni ukuri izamurengera.

"Hahirwa umuntu wizera Uwiteka, Uwiteka akamubera ibyiringiro".
Yeremiya 17:7.

Uwiteka ni we wimika abami n'abaperezida bose bo ku isi, kandi akabakuraho uko ashaka. Ashobora kwimika abeza n'ababi bitewe n'impamvu agambiriye kugeraho. Uwiteka niwe uyobora gahunda n'amategeko y'isi yose uko ibihe bisimburana iteka. Uwiteka niwe utegeka izuba kuva, n'imvura kugwa ku isi. Atera inzara, agatera n'aho bahahira. Ashyira ikuzimu kandi akazura n'abapfuye. Niwe uzana umucyo n'umwijima. Uwiteka niwe Mana yonyine ibasha gukura umuntu mu ngorane zikomeye. Igihe uco-goye, ukaba uri mu ngorane zigukomereye, uzajye wibuka ibyo Uwiteka yakoreye abakubanjirije muri iyi nzira ya gikristo.

Wibuke uko yatabaye Saduraka, Meshaki na Abedenego ubwo bari i Babuloni, ari impunzi zanyazwe; ubwo Umwami Nebukadineza yabategekaga kuramya igishushanyo cy'izahabu yari yarakoresheje, ntabwo batinye icyubahiro cye ngo basuzugure Imana yabo kubera kurengera ubugingo bwabo; ahubwo kubwo guhesha icyubahiro Imana yabo, banze kumvira umwami Nebukadineza, bituma umwami ateguka ko bajugunywa mu itanura rikaze. Ariko muri iryo tanura, nimwo Imana yabo yabasanze, ubwo bari bamaze gutanga ubuhamya bukomeye ku Mana, ndetse n'imbere y'umwami Nebukadineza n'ingabo ze zose, nibwo Uwiteka yakoze ibikomeye biteye ubwoba, byihanisha igihugu cyose. Icyo Uwiteka ashaka, nuko twemera kuba ibikoreshe byo mu maboko ye, ahasigaye ibindi akabyikorera igihe gikwiye gisohoye.

Ntabwo Uwiteka yatabaye Saduraka, Meshaki na Abedenego igihe barimo bababoha ngo bajugunywe mu itanura. Nyamara ntugire ngo bababohaga batababara! Ingoyi irimo ubugome n'umujinya nta mpuhwe, ingoyi y'abasirikare babitojwe, yari

ingoyi ituma umuntu atabasha kwiseganya, ahumeka insigane, umubiri ukannye cyane umubabaza; ariko muri uwo mubabaro, ntabwo ariho Uwiteka yashatse kwiheshereza icyubahiro: kuko yashakaga ko bagera mu muriro hagati! Aho, akaba ariho Imana yigaragarariza. Ubwo bababohaga, nta bwo Imana yari inaniwe kubabohora; ariko igihe gikwiriye cyari kitaragera.

Kenshi mu buzima bwa gikristo tuzajya duhura n'ingorane zituboha, zishaka kutujugunya mu itanura; tugomba kumenya kwihanganira kubabazwa, tugategereza ugutabarwa kw'Uwiteka Imana yacu, kandi Uwiteka ni uwo kwizerwa, ni ukuri ntazabura kudutabara. Nubwo yatinda, umutegereze kuko kuza ko adashobora guhera azaza. Ijambo rya nyuma ni irya Yesu. Kuko yavuze ati: *"sinzagusiga na hato, kandi ntabwo nzaguhana na hato"*.

Abaheburayo 13:5.


"Mwibuke ababayoboraga kera, bakababwira ijambo ry'Imana. Muzirikane iherezo ry'ingeso zabo, mwigane kwizera kwabo. Yesu Kristo, uko yari ejo, n'uyu munsu niko ari, kandi niko azahora iteka ryose".
Abaheburayo 13:7.

Iyo Uwiteka atabara Saduraka, Meshaki na Abedenego mbere bakibaboha, ntabwo ubuhamya bwatanzwe nyuma bwatumye igihugu cyose gihindukirira Uwiteka Imana yacu bwari kugera ku ntego ya bwo. Imana iyobora gahunda zose, niyo yarebaga igihe cyiza. Maze yemera ko babata ku ngoyi ibireba ntiyatabara kandi iruzi ko bababazwa. Hari igihe na we ushobora gutabaza Imana ntigutabare, igihe ibona icyo ishaka kitaragerwaho. Ntugahatirize nk'ushaka kuyitegeka, ahubwo ujye umenya kwihanganira ingorane, ugereke iryinyo ku rindi, utegereze ubushake bw'Imana nk'uko byagenze kuri abo basore batatu. Ujye wibaza uti: Ese ubu Imana yanjye ntimbona? Ni kuki se itantabara kandi ibishoboye rwose? Nuko uti: ubwo **HARI IMPAMVU**. Noneho rero, utegereze kuzabona impamvu z'imibabaro yawe wihanganye. Ntugacogozwe n'ingorane zikwisukaho zishaka kugukura ku Mana yawe. Nushikama ugaturiza mu Mana yawe, umuraba ushega uzatambuka, kandi ugusige amahoro, ndetse wongererwe imbaraga mu kwizera kwawe.

Ubwo Saduraka, Meshaki na Abedenego bari bajugunywe mu itanura, basanze Imana yabo ibategerejemo, kugira ngo ibakize, nkuko amasezerano yayo avuga. Nta muriro wabatwitse haba no gutwika n'agasatsi kabo kamwe! Uwiteka Imana yacu irakomeye! Ubwo barimo bagendagendana na Yesu mu muriro nta cyo wabatwaye, nibwo igihugu cyose cyabashije kumenya Imana y'ukuri iyo ari yo, kandi kubw'itegeko-teka ry'umwami Nebukadineza, nta muntu wo mu gihugu cy'e wongeye gukorera ibigirwamana. Ubwo icyo Imana yashakaga gukorera igihugu cyose binyujijwe muri abo basore, kiba kigezweho. Uko niko Imana ikorera mu mibabaro yacu twebwe abakozi bayo, kugira ngo ubuhamya bwacu bukize abandi bataramenya ukuri. **NAWE EMERA KUBA IGIKORESHO CYIZA CY'IMANA.** Yesu ni umuyobozi n'umwigisha ufite ubuhanga buheranije. Azi uko agomba gukora kugira ngo ingabo ze zibe zifite ibya ngombwa byose byo kubabashisha kunesha umwanzi n'ingabo ze. Azi ibikwiriye kudutunganya kugira ngo tubashe gukiranukira Imana uko byatugendekera kose. Yesu azi neza impamvu z'ingorane zawe. Igihe ikigeragezo kigutsinze, uba umukojeje isoni, kuko aba yabanje kugupima ngo arebe ko wakwihanganira gutsinda. Iyo yemeye ko kikugeraho, n'uko aba yabonye ko wagitsinda uramutse ukurikije amabwiriza ye yo kwihangana kugeza ku mperuka, no gukiranuka kugeza ku gupfa. Ni ukuri ntabwo uzapfa utabonye ingororano ituruka mu bise by'ukwihangana kwawe wagize. Nta bwo uzapfa utabonye ingororano ikomotse muri uko gukiranuka kwawe wagaragaje. Nta bwo ubuhamya bw'ukuri bwawe buzagupfira ubusa. **IZERE YESU.**

25. UBWISHINGIZI NYAKURI BW'UBUZIMA BW'UMUNTU

UMUBYEYI YAKIRA UMWANA WE WABAYE IKIRARA



Haba umunezero mwinshi mu ijuru, iyo umunyabyaha umwe yihannye

Yesu yaravuze ati: "Sinazanywe no guhamagara abakiranuka,
keretse abanyabyaha". Matayo 9:13.

IMPANUKA IRUSHA IZINDI GUKOMERA,
NI UGUPFA UDAFITE YESU!

"Muri icyo minsi abantu bazashaka urupfu, ariko ntibazarubona
na hato; bazifuza gupfa, ariko urupfu ruzabahunga". Ibyahishuwe 9:6.

"Abami bo mu isi n'abatware bakomeye n'abatware b'ingabo
n'abatunzi n'ab'ububasha n'ab'imbata zose n'ab'umudendeze bose
bihisha mu mavumo no mu bitare byo ku misozi; babwira imisozi
n'ibitare bati: ni mutugweho, muduhishe amaso y'Iyicaye kuri iriya ntebe

n'umujinya w'Umwana w'Intama; kuko umunsi ukomeye w'umujinya wabo usohoye, kandi ninde ubasha guhagarara adatsinzwe?" Ibyahishuwe 6:15-17.

"Numwa ijwi rivugira mu ijuru rimbwira riti: andika uti, uhereye none hahirwa abapfa bapfira mu Mwami wacu. Umwuka nawe aravuga ati: ye, ngo baruhuke imiruhu ya bo, kuko imirimo ya bo ijyanye nabo ibakurikiye". Ibyahishuwe 14:13.

Ubwo nasomaga mu gitabo kimwe cyanditswe na Mme E.G.White, ngeze kuri aya magambo avuga ngo: "Nabonye Yesu yiruka mu ijuru. Ndebye mu isi mbona iby'isi byose byahindutse. Kuri uwo munsi bizagaragara neza ko amaherezo y'iy'isi atari ukwishyira ukizana gusa. Hirya no hino abantu baratakaga, babogoza bati: Ubonye ngo ndahitamo nabi! Abo bose mu mibereho yabo wasangaga bavuga bati: ntidushaka ko Yesu adutegeka. Bazabona abakijijwe bishimye, baramya Imana banezerewe".

Ubwo nasaga n'uzana iyo sene imbere yanyije, nibwo natekereje ko: **IMPANUKA IRUTA IZINDI ZOSE GUKOMERA ARI UGUPFA UDAFITE YESU.**

Yesu yaravuze ati: "unyizera, naho yaba yarapfuye, azabaho." *Yohana 11:25.*

Muri iy'isi, amasosiyete y'ubwishingizi bw'abantu n'ibintu afite imitungo myinshi iturutse ku bwoba n'impungenge n'amakenga abantu bagira, batinya gupfa nabi, ubukene no kwamburwa. Ndetse kubera gutinya gupfa, bagejeje igihe bashyiraho n'ubwishingizi bw'ubuzima. Bakomeje gukina urwo rusimbi rutungisha ayo masosiyete y'ubwishingizi ariko se, ko n'ubwo badatanga "garanti y'ubuzima bw'abantu", bibabuza kubona abayoboke? Abantu benshi banga kwemera Imana no kuyoborwa nayo, kandi ariyo ifite **"UBWISHINGIZI NYAKURI BW'UBUZIMA BW'UMUNTU"**. Bahitamo gutanga ibya mirenge, bishingana mu isi, ariko ntibatekereza **"UBWISHINGIZI NYAKURI"**, butangwa na Yesu. Ubwishingizi buhoraho. Niyo watanga za miliyari na za miliyari z'amadorari, ntibishobora kukubuza

kuzahura n'impanuka irusha izindi zose gukomera!
ISAHA YA NYUMA !

" Abazi izina ryawe bazakwiringira, kuko wowe Uwiteka, utareka abagushaka". Zaburi 9 :10.

Mu buzima bw'umuntu hano ku isi, habaho amasaha ya nyuma abiri y'ingenzi. isaha ya nyuma yo kuvuka, n'isaha ya nyuma yo gupfa. Ayo masaha yombi aza atunguranye. Kuki ?

ISAHA YA NYUMA YO KUVUKA K'UMUNTU

Ubusanzwe ababyeyi b'abagore nibo bayiziho byinshi. Kukuri isaha ya nyuma y'inda ijya kuvuka, umubyeyi ayiboneraho imibabaro myinshi cyane. Kukuri niho isezerano ry'Imana yavuze ku mugore amaze gukora icyaha risohora ku mugore wese. Nibwo yumva ingaruka y'icyaha cya Eva : "KUBYARA ABABARA" Itangiriro 3 :16.

"kuvuka no gupfa" bitangwa n'Imana yonyine. Ubwa mbere iguha kuvuka atayibisabye; ubwa kabiri nabwo, yemera ko upfa utayibisabye; ariko noneho ahazaza h'ubugongo bwa we ni wowe ubyisabira ugihumeka, umwuka w'abazima utarakuvamo.

Zaburi 146 :4. Umuntu ubwe ni we wisabira ubwishingizi bw'ubuzima bwe ku Mana akiri ku isi y'abazima.

ISAHA YA NYUMA YO GUPFA K'UMUNTU IZA ITUNGURANYE !

Iyo umuntu ari ku isi, ikintu kimuhangayikisha kuruta ibindi byose ni URUPFU. Aba yaravutse ari umukandida w'urupfu, ariko ahora atinya ko urupfu rumugeraho. Umurwayi urwaye, atinya ko urupfu rumugeraho. Ahora yifuza kubaho, kandi nabwo aba azi ko ashobora gupfa, ahora yigiza inyuma urupfu rwe. Ariko igihe kimwe, umunsi utazwi, n'isaha itazwi, urupfu ruraza, ku isaha ya nyuma y'imibereho y'umuntu, maze rukamutwara ! Hari abo rutwara barira, abandi baboroga, abandi batera imigeri amakofe, abandi bagasinzira ubuticura nk'impinja. Mbese aho ujya utekereza ku isaha yawe ya nyuma ngo wishingane ku Mana ?

ISAHA YA NYUMA Y'IMIBEREHO Y'UMUNTU IZA ITE ?

Imibereho y'umuntu isiga ibibara mu mutima we, ndetse no ku bugingo bwe (âme). Ubuzima bw'umuntu burangwa n'imibereho ye yagize, imusigaho ibibara bimuharabika, cyangwa bimutaka ibimenyetso byiza byaranze imibereho ye. Ibyo bibara byiza cyangwa bibi, bigira ingaruka mu masaha ye ya nyuma ajya gupfa. Nibwo abasha gupfa atera imigeri cyangwa se asa n'uwiruhukiye. Mu buzima bw'umuntu, habamo imihati myinshi. Ariko yose ntipfa gusa gutambuka, itagize icyo ihindura ku muntu. Ibyo akora, ibyo atekereza kenshi, bimugiraho ingaruka zigaragara no mu isaha ya nyuma. Isaha ya nyuma y'umuntu uva ku isi ishobora rero gutegurwa, biturutse ku mibereho y'umuntu, ya buri muni.

Ku wayizirikanye, iyo saha ntabwo imutungura cyane. Kandi imipfire ye imubera ikiruhuko. Isaha ya nyuma yo gupfa kwe iba yaraje mbere yuko umunsi wo gupfa kwe ugera. Aho bitandukaniye n'isaha ya nyuma yo kuvuka k'umuntu, ni uko uvuka atabasha kumenya iby'ivuka rye ; ariko ujya gupfa we abasha kuba yamenya, ko isaha ye ya nyuma yegereje. Hari ababimenya bagatangira kuraga uko ibyabo bizagenda nyuma y'urupfu rwabo. Ndetse hari abamenya ko bagiye gupfa rwose, bakambara imyenda bateguye yo gupfana ; cyangwa se bakajya gupfira aho bahisemo kuzapfira : wenda akava mu cyumba yarimo, akajya mu kindi, cyangwa akava kwa muganga akajya gupfira iwe. Ndetse hari n'abaka bimwe mu byo kurya no kunywa bakundaga, bakabifata ubwa nyuma! Bazi neza ko bagiye gupfa. Mbese ari wowe ugejeje kuri iyo saha wakora iki ? Igikwiriye ni ukwishyira mu maboko y'Imana.

ISAHA YAWA YA NYUMA IZASANGA UMEZE UTE?

Iki ni ikibazo gikomeye, uriho wese akwiriye kugitekereza-ho ! Uriho wese yiteze ko igihe kimwe mu myaka atazi, urupfu ruzaza rukamuhitana. Kuko ijamba ry'Imana rihamya ko : umuntu wabyawe n'umugore, arama igihe gito, ubundi agacibwa ku isi

nk'uko ururabyo rumara igihe gito rugahunguka, rukavaho. Soma Yobu 14 :1, Zaburi 90 :10.

Tumeze nk'indabyo zihunguka ! Ndetse muri Yakobo 4 :14, havuga ko tumeze nk'igihu gitamuruka mu kanya gato kikavaho ! Kubera ibyo uriho wese agomba kumenya gutegura isaha ye ya nyuma.

- Hari abo isaha yabo ya nyuma izasanga bari mu migambi mibi, bakayipfana.
- Hari abo isaha yabo ya nyuma izasanga baravuye mu byizerwa, kandi baratinze mu itorero, ariko isaha ya nyuma ikabasanga batarihana ibyaha byabo. Maze bagapfana intimba ku mitima.
- Hari abo isaha ya nyuma izatungura, bagateraguza imigeri n'amakofe badashaka gusinzira ngo bambuke neza inyanja cyangwa ikibaya kiri hagati y'ubu buzima n'ubundi bw'ahazaza.
- Hari abo isaha ya nyuma izasanga bakiri mu mishinga y'isi ikayibatesha batararangiza imigambi yabo. Maze bagapfana ibitego batinjije.
- Hari abo isaha ya nyuma izasanga mu byaha, maze bakikanga nka cya gihe Umwami Berushaza yabonaga ikiganza kitagira ukuboko cyiyandikisha ku rusika rw'inzu, maze umutima ugakuka, inzoga yari yanyoye, yasinze zikamuvamo, agasigara akanuye amaso ubudahumbya !
- Hari abo isaha yabo ya nyuma izasanga bashikamye mu kuri kw'Imana, kandi barakiriye agakiza batajenjetse. Abo bazigira mu kiruhuko cy'imihati yabo. Bategereze umuzuko wa mbere w'abakiranutsi. Mbese uzabasha kugira iherezo ryiza imbere y'Imana ? Bitekerezeho.

"Hahirwa umuntu wizera Uwiteka, Uwiteka akamubera ibyiringiro".
Yeremiya 17:7.

26. UBUHENDABANA BWA SATANI BURARYOHA! ARIKO AMAHEREZO BUGASHARIRA!!!!

"Mbese nawe urishakira ibikomeye? Ntukabishake; kuko ngiye gutera abantu bose ibyago, ariko ubugingo bwaawe nzabugutabarurira aho uzajya hose, niko Uwiteka avuga". Yeremiya 45:5.

"Umwami yari yarabyaye umwana umwe w'ikinege, kandi uwo yari umukobwa. Uyu mukobwa yari afite uburanga bwiza cyane. Yari mwiza wese. Yagiraga ingeso nziza, yari ateye neza. Uwamurebaga wese ntiyifuzaga kuba yamukuraho ijisho. Umwami nawe yaramukundaga cyane! Akamwitaho cyane, akamwambika nk'ururabyo. Yari afite uburanga buhebuje.

Kubera ko umwami yari yarabyaye uwo wenyine, yari yafashe icyemezo cy'uko uwo mukobwa ari we uzamusimbura ku ngoma ye. Yari yaravuze ko adashobora kuzamushyingira ngo agende mu wundi muryango. Kubera ko ari nta kundi yagombaga kubigenza, kuko umukobwa wese agomba gushaka umugabo, akubaka urugo rwe; yari yarategetse ko umusore azashima, bazabana aho i Bwami, mu gihe uwo mukobwa azaba ategereje guhabwa ubwami bwa se.

Ubwo uwo mukobwa yari amaze kuba umwangavu, abasore batangiye kumwirukaho, bashaka kumwikundisha ngo ahari yagira uwo ahitamo. Iwabo hahoraga abana b'ibikomangoma by'ibwami n'abandi bana bo mu muryango y'abakire bakomeye muri icyo gihugu. Yari afite ingorane zo kugira uwo yahitamo bazabana. Se nawe yari amaze kurambirwa izo nsoresore zisimburanwa aho ubudahwema. Yari asigaye yifuza icyatuma umukobwa we abasha guhitamo umwe bazabana kugira ngo abone iyo nkubiri yava aho!

Nuko igihe kimwe ubwo umukobwa yari amaze kuba inkumi afite imyaka 18, Ise yabajije umwana we ati: Mbese kugeza n'ubu ntawe urabona ushimye muri aba basore bose basizanira aha buri gihe? Atangazwa n'uko umukobwa we yamusubije ko nta n'umwe arashima. Kuko ikizami cy'ishungura kitarakorwa ngo

abonemo umukwiriye. Nuko se aramubaza ati: Ese urashaka ko tuzakoresha ikizame ki? Uyu mukobwa yari umuhanga cyane mu mukino wo kwiruka, yagendaga nk'umuyaga uhuha! Abantu bose bari barumiwe! Bibazaga uko ateye mu mubiri we bikabayobera.

Nuko wa mukobwa wari ufite uburanga buhebuje, asubiza se ati: uwo tuzirukanka tukabasha kugerera rimwe aho dusiganirwa kugera, uwo niwe uzambera umugabo. Kubera ko Umwami yari amaze kurambirwa izo nsoresore zitasibaga aho, atangaza icyemezo cy'umukobwa we ku basore bose basha kumurongora bose. Abasore babyumvise barashishwa, kubera ko bose bari bamuzi, bari bazi ko bitoroshye gutsinda icyo kizami yari ashyizeho. Ariko uwarebaga uwo mukobwa wese, akabona uburanga bwe bubengerana, uteye neza ku buryo wagira ngo niwe wiremye. Bareba ukuntu ari ihoho, bakemera kuba bakwitanga ariko bakagerageza amahirwe yabo.

Nuko umwami ashyiraho umunsi wo gukora icyo kizami. Abasore benshi cyane bo muri icyo gihugu batangira kwitoza gusiganwa. Ariko ubwo bari muri icyo myitozo ikomeye, umukobwa we yarimo yiga andi mayere azabatsindisha: kuko yibwiraga ko hatazabura wenda uwo baba banganya kwiruka, akazabana nawe, ariko utazi ibyo gusa ahubwo afite n'ubwenge bwa kavukire buzamufasha kubaka urugo rwe neza. Nuko umutima we umwerekeza ku kubagerageresha *IKIGERAGEZO CY'INDA ZABO*. Bari bafite umurima utaragerwagamo aho i bwami wari uteyemo amatunda meza cyane aryoha cyane, kandi yari yeze neza. Nuko umunsi ugeze, ategeka ko bamusoromera ayo matunda yatukurije kandi manini meza rwose. Bayamusoromera mu ibanga. Bayashyira mu mufuka munini yari akenyeye. Nuko mu gitondo akarumbeti karavuga, baja aho bagombaga guta-ngirira iryo rushanwa. Nuko hateranira abasore benshi cyane: abakire n'abakene. Hari n'abakomeye bose b'i Bwami no mu gihugu, baje muri uwo munsi mukuru ukomeye.

Soma Yereimiya 12:5.

Nuko rero ushinze gushyira abantu ku murongo atondeka abarushanwa bose; abasore ku ruhande rumwe na wa

mukobwa ku rundi ruhande, bagenda baringaniye. Nuko bavuzza akarumbeti kabamenyesha ko batangira kwiruka! Bavudukana umurego ukomeye ku buryo bahitanye bamwe babanyura hejuru barapfa. Wa mukobwa yari yagurutse nubwo yari afite umutwaro wa ya matunda! Ariko hari abasore bari bamusatiriye cyane! Nuko akora mu mufuka akuramo ya matunda ahishije, arabajugunyira! Bose batanguranwa kuyafata bakanuye amaso ngo yose bayafate! Ubwo yari ageze kure, nanone yongerera kubongerera andi.

Kuko aya mbere yari yabaryoheye nk'ubuki, bongera kuyatanguranwa yose! Nabwo yongerera kubasiga. Ariko nubwo yakoraga atyo akabashobora, hari n'undi musore w'umwana w'umukene wabagendaga bugufi, atigeraga ashaka kuri ayo matunda! We yatumbiraga uwo mukobwa ubutamukuraho ijisho, akiruka nta kindi agamije kitari ukumusingira. Ubwo uwo mukobwa yajugunyaga ubwa nyuma amatunda yari asigaje, ubwo barimo bayatoragura bayarwanira, wa musore w'umukene yabatambutseho, ariruka cyane, aba yegereye wa mukobwa. Wa mukobwa arebye hirya, abona wa musore ahubwo agiye kumutanga kugera aho yagombaga kugarukira. Nuko arakazanya cyane, ariko ntiyamutanga, bese bahagerera rimwe! Abantu bese bavuzza impundu!

Kubera ko uyu musore yari yakoresheje imbaraga nyinshi, yahise yitura hasi ameze nk'upfuye. Wa mukobwa we kuko atagiraga impumu, yahise ajya kumutabara! Aramuterura aramwiyegamiza, agira ati: muntabare umugabo wanjye ye gupfa! Ubwo uyu musore yumvaga ijwi ry'uyu mukobwa rimuvugira iruhande, yameze nk'ugaruye ubwenge, nk'ukangutse, ati: mbese iryo jwi ryaba ari iry'UMUHOZA? Uyu mukobwa niko yitwaga. Wa mukobwa ati: ni njye umuhoza, umugore wawe ukuri iruhande kandi utazakuva iruhande iteka ryose guhera uyu munsu. Kuko ari wowe watsinze ikizami natanze. Mbeye uwawe guhera ubu. Nuko wa musore w'umukene aba arahembutse. Barahaguruka, bajyana kwicara ku ntebe z'icyubahiro ".

UBUHENDABANA BWA SATANI BURARYOHERERA
ARIKO AMAHEREZO BUGASHARIRA !

Muri ubu buzima, duhura n'ubuhendabana bwinshi Satani adutega imbere yacu, ashaka kutuvutsa ubugingo buhoraho. Satani yihatira cyane gucogoza bariya bari mbere mu by'umwuka, bariya bayobora abandirye, bariya babwiriza-butumwa bose, bariya bigisha bose. Ashyira imbere yabo ibishuko byinshi: ubutunzi, amafaranga, icyubahiro mu idini, imishahara myiza, imyanya y'ubuyobozi iri mu rwego rwo hejuru, n'ibindi byinshi ntarondoye. Ibyo byose agenda abijugunya imbere yabo, kuko aza ko bishobora kubarangaza, bakarwanira kubifata, ubwo akabaye gereza kugera ku cyo yihutiraga gukora mu murimo w'Imana.

Satani aza ibyo abantu bakunda, bishobora kubacyereza; ibyo rero nibyo azibandaho cyane, kuko tutaragera aho tutabasha kugerwaho n'imyambi ye. Satani aza byinshi tutazi bishobora rwose kutugusha. Satani yabaye inararibonye mu bushukanyu n'ubuhendanyu bwe. Afite kunyereza umuyobozi w'impuguke mu byerekeye iyobokamana ntarabukwe! Satani yabashije kunyereza Eva, kandi atararemanywe icyaha! Nkanswe twe twamugajwe nacyo! Mwitondere icyo mukora. Mine za Satani ziteze hose. Haba mu buyobozi, haba mu kuyoborwa, ntaho adafite uburyo bwo kugusha abantu b'Imana mu mitego ye.

Amatunda ya Satani afite uburyohe bushukana! Hari uwavuze ati: Akaryoshye ntigahora mu itama! Itunda rya Satani ryose ririho ubushukanyu.

- Ashobora kukujugunyira itunda ry'ubutunzi uri umukene, waryanga ute?
- Ashobora kukujugunyira itunda ry'amafaranga ushonje, waryanga ute?
- Ashobora kukujugunyira itunda ry'akazi uri umushomeri, waryanga ute?
- Ashobora kukujugunyira itunda ryo kuba umunya cyubahiro uri umukozi woroheje, waryanga ute?
- Ashobora kukujugunyira itunda ry'ubuyobozi mu idini,

kandi wari umukristo usanzwe, waryanga ute?

- Ashobora kukujugunyira itunda ry'ingirwa-mahoro wari ufite umutekano muke, waryanga ute?
- Ashobora kukujugunyira itunda ryo gukira indwara urwaye, waryanga se? Satani afite imitego myinshi, n'amayeri menshi, ntacyo akora adafite icyo ashaka kuge-
raho. Ntawe urya aka Satani ngo agaheze. Ntabwo byoro-
heye ubwenge bw'abantu kuvumbura Mine za Satani;
ariko iyo uyoborwa n'umwuka w'Imana, akubahisha
kwanga kurya itunda ryiza kandi rihishije, ndetse akakwi-
hanganisha mu bukene, mu bushonji, mu bushomeri, mu
gucishwa bugufi, mu kwemera uko umeze, n'ubuzima
ufite; ariko nturye ku itunda rizagukoraho, rikazakuvutsa
ubugingo buhoraho uzize "UBURIGANYA BWA SATANI"
bw'igihe gito cyane. Hari benshi bakora akazi kazabari-
mbuza ; ariko kakaba kabatunze. Hari benshi baguwe neza
ubu, ariko bakaba bahambirwa mu miba yiteguriwe
gutwikwa. Mube maso! Satani afite amayeri. Mushishoze
mbere yo gufata ibyemezo. Mwemere ijambo ry'Imana
ribayobore.

ZIRIKANA

Umushukanyi azi ibyo umutima wawe urarikiye. Ibyo nibyo azagushukisha. Nicyo gituma ari ingenzi kwemera kunyurwa n'ibyo ufite, n'uko umeze.

- Umukobwa w'umwami n'ubwo yari azi kwiruka bwose, ntabwo yiraye ngo yiringire ubuhanga bwe. Niko n'umukristo wese atagomba kwirara mu intambara arwana n'umwanzi Satani.
- Umukobwa w'umwami yashatse ibiyobyabwenge by'inda. Kugira ngo atsinde uyu mutego Satani yarawifashishije abasha gutsinda ababyeyi bacu ba mbere Adamu na Eva. Ariko ubwo yawutegeshaga Yesu ashonje ari mu butayu, Yesu yaramutsinze; ati: umuntu ntatungwa n'umugati gusa, ahubwo atungwa n'ijambo ry'Imana. Uyu mutego Satani ntiyawuretse, kuko niwo yadushoboreyeho cyane.

Tuzajya duhura nawo kenshi mu ntambara ze nyinshi.

- Umwana w'umukene wamenyereye kutararikira ibiryoshye, yabashije kwikomeza, ntiyarwanira akaryoshye, kuko yari aziko "Akaryoshye kadahora mu itama"; ariko natsinda ikizami, azabasha gutunga ibyo umwami atunze byose; kuko byose yabiraze umukobwa we. Yarebye kure arangamira aho inyungu ze nyinshi ziri kuruta kurwanira itunda rimwe gusa! Satani azi neza ko uzatsinda ikizami azaragwa byose. Nicyo gituma amutangatangisha ibishuko bye kugira ngo azatsindwe nabyo.

- Ntawe uzahabwa ubugingo buhoraho atabukwiriye. Nta tombola izabaho! Buri wese azashyirwa ikizami imbere ye, kimutsinde, cyangwa agitsinde. Ariko ntabwo Imana izatsindishiye uzaba yatsinzwe. Abasiganwa ni benshi; ariko abazagororerwa bazaba bake! Mbese muri abo bazagororerwa, uzaba urimo? Bitekerezeho. Muri abo bake, izina ryawe rizaba rurimo?

" Halirwa umuntu wizera Uwiteka, Uwiteka akamubera ibyiringiro."
Yeremiya 17:7

" Naho yagwa, ntazarambarara. Kuko Uwiteka amuramije ukuboko kwe".
Zaburi 37:24.

" Mube maso! Mukomerere mu byo mwizeye, mube abagabo nyabagabo, mwikomeze". 1 Abakorinto 16:13.

27. NTA GIHE DUFITE CYO GUPFUSHA UBUSA !

IYI NIYO SAHA YO GUKIRIZWAMO !

"Igihe ubutumwa bwa Maraika wa gatatu (Ibyahishuwe 14:9-12) buzaba bumaze kurangiza umurimo wabwo, imbabazi Imana igirira abanyabyaha zizahita zirangira ku batuye isi bose. Ubwo nibwo umurimo w'ubwoko bw'Imana uzaba urangiye."

Intambara ikomeye: p.665.

"Arababwira ati : ndababwira ukuri yuko nimudakiranuka ngo mumere nk'abana bato, mutazinjira mu bwami bwo mu ijuru". Matayo 18 :3.

**IBITAMBO BIZAKOMEZA GUTAMBWA,
KANDI IMBABAZI ZARANGIYE KERA!**

Ubwo Imana yavaga hagati y'ubwoko bw'Abisraeli, ari abatambyi, ari abaturage, bose nta wabimenye. Basigaye mu butware bwa Satani, batwarwa n'irari ryabo rikomeye mu gukora ibibi byose. Ariko ibyo ntibyatumaga batabura kwigira intore z'ijuru.

Iby'imihango bakoreraga mu rusengero byakomeje gukorwa uko bisanzwe. Bakomeje gutamba ibitambo ku bicaniro byahumanyijwe n'amaraso y'abantu bahiciraga; kandi buri muni niko batahwemaga gusaba imigisha y'ijuru. Bishe Umwana w'Imana, kandi bafite n'ubukana bwo guhitana n'intumwa ze. Ntabwo bigeze barabukwa na gato ko ibyemezo bidasubirwaho byamaze kubafatirwa mu buturo bwera bwo mu ijuru; kandi ko Umwuka Wera w'Imana yamaze gukurwa mu bantu. N'iy'isi y'ubu niko bigiye kuyigendekera. Ntabwo izamenya ko ibyemezo bidasubi-rwaho bizaba byaramaze gufatwa. Bazakomeza gutunganya za gahunda zo mu nsengero no gusenga uko bisanzwe; ndetse ahu-bwo bikoranwe umurava udasanze, ukomotse kuri Satani uzabahatira cyane kubyitabirira nk'abakorera Imana ari iby'impitagihe" *Intambara ikomeye*, p.667.

ISAHA YO GUHITAMO IRAGEZE!

"Kuko uzaha umukiranutsi umugisha : Uwiteka, uzamugotesha urukundo rwaawe nk'ingabo". Zaburi 5 :12.

Abahisemo inzira yo gukiranirwa; mbega akaga gakomeye bazagira ubwo Yesu Kristo azaba ahagurutse ku ntebe y'Imbabazi badakijijwe ibyaha byabo ngo bashyirweho ikimenyetso cy'Imana! *Zaburi 37:9-10.*

Ntabwo bazaba bakibasha guhindura imibereho yabo. Bazakomeza mu nzira bahisemo, kandi nibo bazasukwaho ibyago birindwi byuzuye umujinya w'Imana utarimo imbabazi na busa (*ibyahishurwe 16:2-20*). Bavandimwe, isaha yo guhitamo uko

ubugingo bwawe buzamera irageze! Hitamo uyu munsu bitari ejo! Ishyire mu bwishingizi bw'Imana ku mpanuka zose za Roho yawe (Umwuka w'ubugingo) ibasha guhura nazo zakuvutsa ubugingo buhoraho. Reka kujarajara, dore byaratinze rwose! Mwegurire umutima wawe n'ubugingo bwawe bwose.

"Va mu byaha, ujye ukora ibyiza, ujye ushaka amahoro, uyakurikire. Amaso y'Uwiteka ari ku bakiranutsi, n'amatwi ye ari ku gutaka kwabo. Igitsure cy'Uwiteka kiri ku bakora ibyaha, kugira ngo amareho kwibukwa kwabo mu isi." Zaburi 34:13-16.

Uyu munsu, kuri iyi saha turiho, hari benshi bamaze kugera ahacecekerwa kandi bari batabyiteze. Wenda bapfanye imigambi y'uko bari bazihana mu gihe kiri imbere; none dore ntibigishobotse! Abapfuye ntibabasha kumva no kumenya iby'abari maso batasinziye bavuga, uko niko n'uwapfuye atabasha kumva no kumenya ibikorera mu isi y'abazima. *Umubwiriza 9:5-6; Yobu 14:20; Zaburi 115:17.*

Wowe uracyafite amahirwe; ariko umenye ko ayo mahirwe utazayahorana. Vuba aha, itangazo rikomeye rigiye gutangazwa. Uzabigenza ute niba ukomeza kuvunira agati mu ryinyo? Ntacyo nzaba irabanza, icyo nakoze igaheruka, iri kumwe na sinamenye! Bite byawe? Ntabwo ushobora kugira amahoro mu mutima wawe igihe cyose uzaba utarakira amahoro ya Yesu Kristo, ngo ubane amahoro n'Imana yawe.

Nta mahoro y'abanyabyaha. *Yesaya 48:22.* Gutunga ibintu byinshi sibyo bizaguhesha amahoro. Gutunga amafaranga sibyo bizakuzanira amahoro. Keretse wemeye uyu munsu kugengwa na Yesu Kristo. Ubwo isi yose ishaka amahoro ikaba yarananiwe kuyageraho; kuko ibyo ikunda gukora, nibyo biyabuza kubaho (*Yesaya 24:5-6*), ku bantu b'Imana bo amahoro yabo ahoraho mu mitima yabo kuko Yesu utanga amahoro yababwiye ati: ntimuhagarike imitima yanyu, mwizere Imana nanjye munyizere. *Yohana 14:1.*

Hitamo Yesu Kristo, ubone kugira ituzi mu mutima wawe no mu mibereho yawe yose. Shaka ubwishingizi buruta ubundi

bwose gukomera: Ubwishingizi bw'ahazaza muri iyi si, ejo nupfa aho mu bundi buzima uzakomeza kuba umunyacyubahiro? Ibyo umuntu abitegura akiri muri uyu mubiri. *Luka 16:19-29*. Mufite Mose n'abahanuzi, mubumvire.

"Uyu munsu niwumva ijwi rya yo, ntiwinangire umutima"
Abaheburayo 4 :7.

28. BIBWIRE YESU !

"Ntabaza, ndagutabara, nkwereke ibikomeye utamenya ". *Yeremiya 33 :3.*

" Nzakujya imbere, ahataranganaye mparinganize ; nzamenagura inzugi z'imiringa, n'ibihindizo by'ibyuma nzabikamo kabiri ". *Yesaya 45 :2.*

Ntabwo kwizera Yesu bishobora kurinda umwizera kugera mu ngorane ; ariko ni muri izo ngorane amusanga, akamukirizamo. Ntabwo Imana yarinze abayizera kugera mu ngorane ; ahubwo muri zo nimwo itwigaragariza, ikatwereka ibikomeye, kandi ikihesha icyubahiro. Ntabwo tugomba kwikururira ingorane, ariko nta nubwo tugomba gutinya ingorane igihe zitwisutseho : kuko Imana twizera, twiringira, ari Imana ikomeye cyane ! Nuko ntukikururire ingorane, kandi ntukazishoremo. Jya ureka Imana igutegurire ibigukwiriye. Nugera mu kaga, ujye wiringira Uwiteka Imana yacu ikomeye cyane : kuko ubwayo yavuze iti :

" Nzakujya imbere, ahataranganaye mparinganize ". *Yesaya 45 : 2*
Nuko ingorane niziza, ujye wibuka ko yavuze iti :

" Ntabaza, ndagutabara, nkwereke ibikomeye utamenya ".
Yeremiya 33 : 3

" Umubyeyi w'umukristo wari utuye mu gihugu cya Cameruni, yakundaga kujya guhinga imigende mu nkuka z'uruzi. Yajyanaga utwana twe tubiri : agahungu n'agakobwa. Yahoraga ababuza kujya gukinira bugufi y'urwo ruzi, kuko habagamo ingona nyinshi. Ariko igihe kimwe, abana baramucerebwa, banyura mu miseke yameze hafi y'uruzi, bagera aho abasare bari baziritse amato yabo. Bajya mu bwato bumwe, batangira kurwana no kuzitura inanga yari ibuziritse, kugira ngo bumve ikinyenga mu

mazi. Nuko sinzi uko byagenze, inanga iba iraburekuye, buhita butangira kureremba mu mazi. Abana babibonye, bafata ubwato barakomeza, nuko umuyaga urabutsura ubugeza mu mazi kure y'umwaro. abababonye bavuze induru !

Nyina ahuruzwa no kureba ikibaye. Agiye kubona, abona ni ba bana be ! Hirya no hino bavuze induru yo kubatabara ! Abazi koga, bajya mu mazi, ariko umuyaga ubatwara kure hagati ! Abana barira cyane ! Nyina abuze icyo akora, areba abana be bagiye gupfa ! Abari aho bose bakora ibishoboka ngo babatabare, ariko barananirwa, bagaruka ku nkombe z'urwo ruzi, bagira bati : Ahasigaye n'aha Rurema yonyine ! Ahasigaye, ni aha Yesu gusa ! Nuko nyina ubwo yarebaga abana be batabaza, ntawe ubashije kubakiza, yibutse ko yari yazanye Biblia mu ruhago rwe, kugira ngo ubwo aribube ari kuruhuka, aze kugira icyo asoma mu ijambo ry'Imana : kuko yiringiraga Imana. Nuko yirukira aho yasize rwa ruhago, akuramo Biblia ye, ayizana ayishyize hejuru bose bamureba, ahagarara ku nkombe z'urwo ruzi Shali. Atera hejuru ati : " Uwiteka ! Mana ya Aburahamu, Isaka na Yakobo ! Wavuze muri iri jambo ryawe ko, uzagutabaza uzamutabara, ukamwereka ibikomeye atamenya ; umuja wawe ndagutabaje nkwiringiye ngo utabare bariya bana banjye, ubanzanire ari bazima ! Dore umwanzi Satani abajyanye kubicira mu ruzi hagati. ! Idakwiringiye, gira icyo unkorera ".

Nuko ubwo yari akimara kuvuga ibyo, babona umuraba uje muri urwo ruzi ! Usunika ubwato, ntibwongera gukomeza imbere mu ruzi hagati. Babona imvubu mu mivumba y'umuraba iza isanga bwa bwato. Bibwira ko ije kurya ba bana, barimo bavuze induru, barira cyane. Babona isunika ubwato bugaruka bwerekeza ku nkombe, aho bwaturutse. Imivumba y'amazi ikomeza gusunika ubwato kugeza aho bugereye ku mwaro, bugera ku musenyi, abana barimo, ntacyo babaye ! Abari aho bose baratangara cyane ! Bafata abo bana, babashyira nyina ; bose bashimira cyane Imana ; bati : " Uwiteka, niyo Mana y'ukuri koko ! "

Nuko nyina wabo ashimira cyane Imana, ati : " Ni ukuri koko Uwiteka, niwowe Mana y'ukuri. Imana yumva amasengesho,

kandi igasubiza uyizeye wese. Ni koko, amasezerano yawe Mana, ntabasha guhera ! Kuko uri Imana ibasha cyane gukura umuntu mu ngorane ! Ni ukuri, ukwiringira wese, ntazakorwa n'isoni ! Kuko ari wowe wavuze uti :

" Ntutinye, kuko ndi kumwe nawe ; ntukihebe, kuko ndi Imana yawe ; nzajya ngukomeza, nikoko nzajya ngutabara ; kandi nzakuramiza ukuboko kw'iburyo, niko gukiranuka kwanjye ". Yesaya 41 :10.

" Jyewe Uwiteka naguhamagariye gukiranuka, nzagufata ukuboko, nzakurinda, nguhe isezerano ry'abantu, no ku mucyo uvira amahanga, no guhumura impumyi, ukabohora imbohe, ugakura ababa mu mwijima mu nzu y'imbohe. ndi Uwiteka ; niryo zina ryanjye, icyubaliro cyanjye sinzagihira undi, n'ishimwe ryanjye, sinzariha ibishushanyo bibajwe. " Yesaya 42 :6-8.

" Ntutinye, kuko ndi kumwe nawe ; nzazana urubyarwawe ndukure iburasirazuba, nzagukoranya ngukure iburengerazuba, nzabwira ikasikasi nti : Barekure ! n'ikusi mpambwire nti : wibimana. Nzanira abahungu banjye bawe kure, n'abakobwa banjye bawe kumpera y'isi ". Yesaya 43 :5-6.

" Ariko abiringira ibishushanyo bibajwe bazasubizwa inyuma, ababwira ibishushanyo biyagijwe bati : muri imana zacu, bazakorwa n'isoni cyane ". Yesaya 42 :17.

Nuko amaze kuvuga amasezerano y'Imana, no kuyishimira mu maso ya bose bumiwe, afata abo bana be avuga ati : " Ikoreze Uwiteka umutwaro wawe, nawe azakuramira : ntabwo azakundiye umukiranutsi kunyeganyezwa ". Zaburi 55 :22. Abari aho bose baravugaga bati : N'ukuri uyu mubyeyi ni umuntu wizera by'ukuri ; kuko ntabwo twigeze tubona kuri uru ruzi imvubu ireka kurya umuhigo uyizaniye. Kandi imvubu zirimo ntizisiba kurya abasare ; ariko abana bo bavuyemo ari bazima. Ni ukuri Uwiteka niyo Mana y'ukuri ikuye aba bana mu kanwa k'imvubu. abari aho bose bafata icyemezo cyo kwizera Yesu ; bagira bati : Yesu niwe nshuti y'ukuri, itabasha kumvira umuntu ubusa no kumuhana. **MBESE UHAGARITSE UMUTIMA? BIBWIRE YESU. NTA YINDI NSHUTI IHWANYE NAWA. IHERERANE YESU !**

29. NTUKIHEBE, IMANA IZAKURINDA.

" Ntabaza, ndagutabara, nkwereke ibikomeye utamenya ".

Yeremiya 33 :3.

" Witinya, kuko nagucunguye, naguhamagaye mu izina ryawe, uri uwanjye. Nunyura mu mazi nzaba ndi kumwe nawe ; nunyura mu muriro ntuzashya, kandi ibirimi byawo ntibizagufata ". Yesaya 43 :1-2.

" Nzakujya imbere, ahataranganaye nparinganize ; nzamenagura inzugi z'imiringa, n'ibihindizo by'ibyuma nzabicamo kabiri ". Yesaya 45 :2.

" Nijye urema umucyo n'umwijima, nkazana amahoro n'amakuba , jy'Uwiteka nijye ukora ibyo byose ". Yesaya 45 :7.

Mu bitangaza Imana ikorera abantu, nawe hari ibyo yaba igukorera wenda utazi, utabona, utitayeho, utazirikana. Umuntu ntabasha no gusitara atar'uko Imana yemeye ko bibaho. Nta kiba ku muntu ku buryo bwa agisida ku Mana. Imana niyo iyobora intambwe z'umuntu n'imibereho ye ya buri munsu. Nushishoza neza, ntuzabura kubona ukuboko gukomeye kw'Imana kukuyobora. Yesu yadusezeraniye ati : " Kandi dore ndi kumwe nawe iminsi yose, kugeza ku mperuka y'isi. " Matayo 29 :2.

Imana ntibeshya ! Ibana na twe nk'uko yabisezeranye. Ahubwo ibaze iki : Mbese njya mbona Yesu iminsi yanjye yose mu buzima bwanjye ? Mbese mbana na Yesu iminsi yose ? Niba ntamubona se, ni iki cyaba kimbuza kumubona iminsi yose ? None se, nakora iki kugira ngo mubone iminsi yose mu mibereho yanjye, kandi yemere kubana najye?

Dore ibisubizo :

" Umuntu nankorera, ankurikire, kuko aho ndi, n'umugaragu wanjye ariho azaba ! Umuntu nakorera, Data azamuha icyubahiro ". Yohana 12 :26.

" Ufite amategeko yanjye, akayitondera, niwe unkunda : kandi unkunda, azakundwa na Data, nanjye nzamukunda mwiyereke ". Yohana 14 :21.

" Umuntu nankunda, azitondera ijambo ryanjye, na Data azamukunda; tuzaza aho ari, tugumane nawe ". Yohana 14 :23.

" Ntimuhagarike imitima yanyu, mwizere Imana nanjye munyizere ". Yohana 14 :1.

Kuko ibyanditswe bivuga bita : **UMWIZERA WESE**
NTAZAKORWA N'ISONI ". Abaroma 10 :11.

UWIZERA YESU, NTAZAKORWA N'ISONI KOKO !

" Umukristo umwe yari atuye mu muji, afite urusyo rusya impeke, arirwo akoresha ashaka ibimutunga n'umuryango we. Nuko biba ngombwa ko yimura urwo rusyo rwe, ajya ku gasozi hafi y'aho abahinzi benshi bamuzaniraga akazi bari batuye . Yubaka aho ku gasozi gakikijwe n'ishyamba ; ahubaka inzu y'ibyatsi. Nuko bayimukiramo n'umuryango we. Yari afite abana bane. We n'umufasha we n'abana bahageze habagwa neza kuruta mu muji aho bari batuye. Aho yari atuye, hari mu mpinga y'umusozi, kandi yari aturanye n'abandi. yumvikanga n'abaturanyi be, kandi n'abana babo banezewaga no kwibera aho. Ingorane bari bafite n'imwe gusa, n'uko rimwe na rimwe, har'ubwo ishyamba ryashyaga, bikaba ngombwa ko bajya kuri zimya.

Igihe kimwe, uwo mugabo biba ngombwa ko ajya kugira ibyo ahahira mu muji. Abwira madamu we n'abana be ati : Ngiye mu mug, har'ubwo umuriro watera, ariko ntimugire ubwoba kuko Imana yacu ibana natwe, kandi yasezeranye kudutabara igihe cyose : kuko Uwiteka niyo Mana yonyine ibasha gukura umuntu mu ngorane. Ndagiye, nihagira ikibatera mutabaze Yesu, arabatabara ; kuko niko yadusezeranije. icyo adusaba ni ukumwizera no kumwiringira nk'uko Umwana yiringira se. Umuriro nutera, ntimuve aha, ntaraza kubatwara. Nuko amaze kuvuga atyo, arigendera.

Hashize nk'isaha agiye, abana bakundaga kurira ibiti by'amavoka, amapera, amapapayi n'ibindi byinshi byeraga imbuto byimejeje aho, bazamutse muri ibyo bita, babona hirya

y'iwabo umuriro urimo gucumba nk'umuriro w'ikome, baramanuka, babibwira nyina. Nyina arababwira ati : nimuhumure, ntabwo uribugere ino, uri kure, uraba wazimye. Ariko umuriro wihuta cyane mu ishyamba. Abana bongeye kuzamuka ibiti ngo barebe aho umuriro ugeze, babona ugeze mu gikombe cyo hepfo y'iwabo. bamanuka vuba, bihutira kubimenyesha nyina, bati : noneho wa muriro ugeze hano hepfo y'iwacu ! Turabigenza dute ko Papa yagiye, kandi akaba ataraza ? Nyina arabasubiza ati : Muhumure Papa ntiyavuze ko tutari buve aha ataraza ? Kandi yavuze ko umuriro nutera, dutabaza Yesu.

Ubwo yarangizaga kuvuga atyo, imyotsi yari imaze kubageraho. Abaturanyi babo bari bamaze kubanyuraho biruka, bahunze umuriro, abandi bakomeza kuba aho. Ubwo nyina yari asubiye mu nzu, abana baje kumukurura imyenda bafite ubwoba bwinshi : kuko bari batangiye kubona umuriro mu ntangiriro z'umurima wabo batuyemo. Nuko uwo mubyeyi ntiyakuka umutima, yishingikiriza ku masezerano y'Imana. nuko afata abana be, bajya aho bitegeye uwo muriro, bawureba neza, barapfukama, basenga ishengesho rigufi kubera ubwoba. Ati : Uwiteka Mwami Yesu, turagushimira ko watumenye, ukaba utuzi kandi udukunda, turagusaba kudu-kiza uriya muriro. Amen. Ariko barangije, wa mubyeyi yibuka akaririmbo bakundaga kuririmba , arababwira ati : Muhaguruke turirimbire Imana. Nuko baratangira bati :

" NTUGATINYE IMANA IZAKURINDA; MU MAHORU NO MU MAHUMBEZI; IZAJYA IKURINDA INTAMBWE Zawe ; NTIZATUMA UZIMIRA NA HATO !"

Bakimara kurangiza, umwana wari ufite ubwoba cyane, abwira nyina ati : Maman , dore wa muriro wahagaze ! Dore wazimye ! Bose bamanuka kujya kureba, basanga umuriro wazimye kera ! Kandi icyabatangaje cyane, nuko wari ugeze mu bishagari by'inturusu z'ibiti bari baratemye, kandi byari byarumye cyane. Nuko bamenya ko Uwiteka yohereje Maraika we, akaza kubatabara, akazimya uwo muriro vuba nk'uzimijwe n'amazi, kandi ukaba utararenze intangiriro z'umurima wabo. Nuko

bashimira Imana cyane ; bavuga bati : Nikoko Uwiteka niwe Mana nya Mana, Imana y'ukuri ; Imana ikunda abayo. Amasezerano yayo yose ni ay'ukuri. hahirwa uwiringira Uwiteka Imana yacu, kuko atazakorwa n'isoni !

Ubwo bari biyicariye imbere y'inzu yabo, babonye papa wabo je, abakubise amaso, abonye na ka kazu k'ibyatsi katahiye, ashimira Imana cyane ! ababwira ko ageze mu mu mug, yacyebutse akabona agasozi kabo gashya ! Agaruka yihuta cyane. Ageze aho yagombaga kunyura iy'ubusamo, asanga niho umuriro wahereye. Abuze inzira, ajya kuzenguruka iya kure, ahura n'abaturanyi bahunga, bamubwira ko ab'iwe bahiriye mu nzu. Ati : nari nje kureba ibisigarizwa byanyu. Ajya kureba icyatangiriye uwo muriro, arakibura. Atangazwa cyane n'ukuntu Uwiteka yihutiye kubatabara. Aravuga ati : ni ukuri rwose, Uwiteka niwe Murengezi n'Umutabazi wacu iteka. Jye n'umuryango wanjye tuzajya tumwiringira, kandi tuzamukorera iteka ryose. **KUKO UWITEKA ARIWE MANA YONYINE IBASHA GUKURA UMUNTU MU NGORANE NO MU KAGA GAKOMEYE "**. Ubwo buhamya bwakijije benshi. *Soma Zaburi 55 :22. Yobu 12 :10.*
BITEKEREZEHO.

Ibi mbabwiye ni ubuhamya bw'ibyabayeho. Wenda wowe hari ibyo uzi, cyangwa wabonye, byakubayeho Imana yakoze, itabara umuntu wayo. Mbese ibyo byaba byaraguteye kwizera Imana no kuyiringira ? Mbese ujya ubwira abandi iby'Imana yagukoreye ?

HARI ICYO IMANA IGUSHAKAHO

" Kandi unyambaze ku munsu w'amakuba n'uw'ibyago ; nzagukiza, na we uzanshimisha ". *Zaburi 50 :15.*

" Yewe mwana w'umuntu we, yakweretse icyiza icyo ari cyo. Icyo Uwiteka agushakaho ni iki: Ni ugukora ibyo gukiranuka, no gukunda kubabarira, no kugendana n'Imana yarwe wicishije bugufi ". *Mika 6 :8.*

- Imana ishaka ko ubwira abandi ibyo yagukoreye, kugira ngo bifashe abandi mu gukomerera mu gakiza no mu masezerano y'Imana. Ishaka ko tubera abandi urugero mu kwitondera amategeko yayo yose.

- Imana ishaka ko tuzirikana ibyo idukorera, kugira ngo natwe tubikorere bagenzi bacu. Imana ishaka ko tuyishimisha, tuyihesha icyubahiro, cyane mu bikorwa dukorera ibiremwa byayo.

- Imana ishaka ko tubwira abandi inkuru ya Yesu n'agakiza yatuzaniye yemera kutwitangira ku musaraba kugira ngo tuzahabwe ubugingo buhoraho, tubuheshejwe no kumwizera. Yadutegetse kujya mu mahanga yose, kwigisha abantu kwitondera ibyo yavuze byose. Ubwo tuzaba tubikora, nibwo tuzaba dushimisha Imana. *Matayo 7 :21.*

- Imana ishaka ko tuyikunda kuruta byose. Ishaka ko tuyiringira kuruta uko umwana yiringira se. Imana ishaka ko tugaragariza abandi urukundo rwayo, kandi tukera imbuto nziza ziryohera abandi, kugira ngo nibabona ibyo dukora, bahereko bahimbaza Data wo mu ijuru.

*" Nuko ibyo mushaka ko abantu babagirira byose, mube ari ko mubagiri-
ra na mwe : kuko ayo ariyo mategeko n'ibyahamuye ". Matayo 7 :12.*

ICYO IMANA IDUSHAKAHO, NI UGUNDA GUKIRANUKA, NO KUBABARIRA ABANDI BOSE. MUKUNDE UBUTABERA, MURENGA-
NURE ABARENGANA. MUTABARE ABARI MU KAGA.

INDIRIMBO Y'IBYIRINGIRO BIZIMA BY'AGAKIZA


- 1 * Ntukihebe Imana izakurinda mu mahoro no mu mahumbezi ;
izajya ikurinda intambwe zawe, ntizatuma uzimira nahato !
- 2 * Ntukihebe Imana izakurinda, izakurinda igeze imperuka ;
izakubera umubyeyi mwiza, ntizatuma uzimira nahato !
- 2 * Ntukihebe igihe kirashize, tugiye guhabwa ingororano ;
tugataha iwacu heza cyane, mu buturo bwiza bwo mu ijuru.

GUSUBIRAMO : Izakurinda igeze imperuka, izakubera umubyeyi
mwiza ;Niwambaza Yesu azumva vuba, wemeye, azakurutira
byose.

30. HARI ICYO UREBA ?

*"Kandi ungureho umuti wo gusiga kii maso yawe, kugirango uhumuke".
Ibyahishuwe 3 :18.*

YESU AHUMURA IMPUMYI.



" Bagera i Betsaida. Bamuzanira impumyi, baramwinginga ngo ayikoreho. Ayifata ukuboko, ayisohokana mu kiorero, acira amacandwe mu maso yayo, ayirambikaho ibiganza, arayibaza ati : **HARI ICYO UREBA?** Irararama, iramusubiza iti : ndareba abantu, ariko barasa n'ibiti bigenda. Arongera ayishyira ibiganza ku maso, iratumbira, irakira, isigara ireba byose neza. " *Mariko 8 :22-25.*

YESU NIWE UHUMURA IMPUMYI

Muri iki gihe, abantu benshi bahinduwe impumyi na Satani. Abantu bahumishijwe n'ibyo bareba, maze bikabica amaso y'umwuka, atuma babasha kureba ibitaboneshwa aya maso y'umubiri wa kavukire. Muri iki gihe, abantu benshi barahumye! Abantu benshi n'impumyi zigenda zitazi aho zerekeza. Imana yaduhaye ijambo ryayo ngo riduhumure amaso y'umutima, ariko benshi ntibabyitayeho, bahitamo kugenda ari impumyi. None se, ni ikihe kindi Imana yakora kugira ngo ibahumure amaso yabo, babashe kureba aho berekeza aho ari ho ? Impumyi iyo irandase indi mpumyi, zose zigwa mu mwobo. Abantu bafite byinshi bahanzeho amaso bibahumisha. Ntibabasha kureba ibimenyetso by'imperuka binyuzwa imbere y'amaso yabo. Abanyabwenge bahumuwe amaso n'Ijambo ry'Imana, nibo bonyine bazabimenya. Nuko kureba muzareba ariko ntimuzabimenya : kuko amaso y'ubu bwoko ahumishijwe n'ibyo bararikiye byose : ubutunzi, amafaranga, icyubahiro, ubwenge bw'isi, n'ibinezeza byinshi. Yesu niwe uhumura impumyi zose. Mbese hari icyo ureba ?

Q : Kuki iyi mpumyi yatinze guhumuka ubwo Yesu yayiciraga amacandwe ku maso, akayirambikaho n'ibiganza bye ? Ese ibyo ntibyari bihagije ngo akire ?

Q : Ese kuki Yesu yayibajije ati : hari icyo ureba ? Kuki impumyi yararamye, yashakaga kureba nde, iki, hejuru ? Ese abantu yabarebaga hejuru cyangwa ni hasi. Kuki yabonye bameze nk'ibiti bigenda ?

Q : Kuki Yesu atongeye kumucira mu maso ubwa kabiri ? Ese Yesu yamuciriye iki amacandwe mu maso ? Kuki yamurambitseho ibiganza bye ubwa kabiri ? Kuki iyo mpumyi yatumbiriye ubwo yari imaze gukira ? Yatumbiraga nde ? Iki ?

* Impumyi yatinze guhumuka bitewe n'ibyari byarayihumije amaso. Hari benshi tugezaho ubutumwa bwiza, bagatinda kubwakira ngo bubahumure amaso y'umutima babashe kureba neza. Niyo mpamvu tutagomba kurekera aho gusa ; ahubwo tugomba kwongera kubahumurisha Ijambo ry'Imana kugeza ubwo bazabasha kureba neza rwose.

Hari abo dukora ku maso yabo, tubarambitseho ibiganza bya Yesu, bagahita bahumuka cyangwa se bagatinda guhumuka bitewe n'uburemere bw'indwara z'ubuhumyi bwabo babayemo. Ibiganza tubakoza ku maso yabo, ni "IJAMBO RY'IMANA" BIBLIA YERA. Niryo rihumura impumyi mu by'umwuka zose. Impumyi zimwe zibasha gutinda guhumuka, bitewe n'ibyzihumishije bikizingiye ku maso yazo ; ariko kandi, hariho n'idatinda guhumuka. Nuko rero Yesu yasanze ari ngombwa kuri iyo mpumyi, kongera kuyikora ku maso ngo ireke kureba ibikezikezi, irebe byose neza. Umva urukundo rwa Yesu ! Yanze gusiga atamuhumuye neza. Nawe niwemera guhumurwa na we, azaguhumura neza rwose pe !

* Yesu yabajije impumyi niba hari icyo ireba, kugira ngo irebe kuri Yesu wari uyihagaze iruhande, ubwo yarebaga hejuru iraramye, yashakaga kubanza kureba ubwa mbere uwo mugira neza uyihumuye. Yesu iyo aguhumuye, ashaka ko aba ariwe wa mbere ureba mbere yo kureba ibindi byose ; nyuma ukabona kureba no ku bindi, kugira ngo nabyo bikwigishe byinshi. Abantu yabonye bameze nk'ibiti bigenda, bigaragaza ko yari atangiye guhumuka, ariko atarakira neza ubuhumyi bwe. Ariko n'abareba ibikezikezi bese, Yesu abitaho, agakomeza kubahumura neza. Niba utaragera ku rugero rwo kureba neza Ijambo ry'Imana, ukiri muto mu by'umwuka (ureba ibikezikezi) umenye rwose ko Yesu azaguhumura, ukabasha kureba neza byose, no kumureba pe !

* Yesu yaciriye amacandwe mu maso y'impumyi, iki-menyetso cyo kuvuma ikibi cyari cyaramuhumye amaso. Yesu yavumye icyago cy'iyo mpumyi, kugira ngo kimurekure, abashe kureba neza. Iyo umuganga avura, ahera ku cyateye uburwayi, maze akaba ri cyo abanza kumuvanaho. Ubwo impumyi yari itangiye guhumuka, nti byari bikiri ngombwa kongera kuvuma icyamuhumyaga, kuko cyari kivuyeho. Ahubwo icyari gisigaye, ni ukumuha imbaraga zo gutumbira, kugira ngo arebe neza. Niyo mpamvu yatumye Yesu amurambikaho ubwa kabiri ibiganza bye. Icyatumye atumbira cyane ubwo yari amaze guhumuka, nuko ibyo yarebaga byari bihabanye n'ibyo yari asanzwe yibwira ku bantu n'ibintu byo ku isi. Iyo umaze guhumuka, ukakira agakiza ka Yesu, usanga uko wari usanzwe ubona ibintu, ahantu, atari ko

biri. Ukuri ko muri Biblia, usanga guhabanye cyane n'ibyo ureba n'amaso yawe.

Ndetse hari ubwo wibaza igituma Imana yabirekeye ityo, bikakuyobera. Ndetse hari ubwo usanga abanyamadini bitwa ko ari intumwa z'Imana aribo ubwabo bashishikariye kuyirwanya no kuyitesha icyubahiro ; maze bikakuyobera. Hari ubwo uzasanga abakristo bakomeye mu itorero ry'Imana, aribo barwanya amategako y'Imana ; maze bikakuyobera. Hari ubwo uzasanga Biblia, Ijambo ry'Imana, itumvikana mu buryo bumwe kuri bese. Hari abemera igipande kimwe, ikindi bakakirwanya. Hari byinshi uzasanga mu itorero bikakubera urujijo. Ariko ntukarebe ku bantu, ahubwo uzarebe kuri Yesu, azajya akuyobora inzira unyuramo.

Numara guhumuka, icyo ugomba kumenya, ni uko buri muntu wese azakizwa no kwizera kwe. Buri wese aziyikorera uwe mutwaro. *Abaroma 14 :12.*

Ibyo wagize byose bizagusubira ku mutwe. *Obadia 1:15.*

Yesu yafashe impumyi ukuboko, arayisohokana iri yonyine, ayikiza iri yonyine. Ntabwo tuzakizwa muri rusange. Buri wese azagerwaho wenyine ku giti cye, ashyirwe ku munzani w'ukuri. ntawe uzavugira undi. Buri wese azirwariza. Icyo gihe ugupfa no gukira bizaba biri imbere ya buri wese uri mu rubanza rw'imperuka. Hari abazahuma by'iteka ryose, hari n'abazahumuka by'iteka ryose. Ibyo bizaterwa n'ukuntu wakiriye Yesu mu mibereho yawe yose. Hari benshi bazapimwa, bagasangwa badashyitse. Abo baza-hindurwa impumyi by'iteka ryose. Mbese ntiwakunda ko bakuzanira Yesu, ngo aguhumure ubuhumyi bwawe ? Yesu araguhamagara none . N'iki gituma utamwitaba uyu muni, ahubwo ukayobagurika ? Sanga Yesu nawe agufate ukuboko, akwihererane, uhumuke neza rwose. *Yesaya 45 :2-3.*

NONE SE, HARI ICYO UREBA? NIBA NTACYO UREBA, CYANGWA UREBA IBIKEZIKEZI. SANGA YESU, NIWE UHUMURA IMPUMYI. ZOSE ZEMEYE KUMUSANGA !

31. URAKORA IKI HANO ?

"Urakora iki hano? Kandi uri kumwe na nde utuma wicukurira imva hano? " Yesaya 22 :16. "Nuko nkunyuzeho mbona wigaragura mu ivata ryawe, ndakubwira nti: "Nubwo uri mu ivata ryawe, ubeho. Ni ukuri, narakubwiye nti: nubwo uri mu ivata ryawe, ubeho." Ezekieli 15 :6

" Umukozi wo mu rwego rwo hejuru wa Leta y'Ubwongereza, ubwo yavaga mu kazi atashye iwe,yaje kugera aho agisida yabereye : umwana yarimo akinira mu muhanda, agongwan'imodoka yari iturutse mu ikorosi, ikata yihuta, imusanga atarava mu muhanda, imujugunya hepfo y'umuhanda, imusiga aho yavunaguritse, irigendera ntiyamenyekana. Ubwo uwo mukozi w'umwongereza yari ageze aho agisida imaze kuba, yahise ahagarika umushoferi we bwangu, yihutira aho uwo mwana yari aryamye avirirana amaraso menshi ; ntabwo yitaye kuri kositimu y'umweru yari yambaye, ahubwo yahise amuterura avirirana amaraso, amujyana ku bitaro byo hafi y'aho, abaganga bamwitaho kugeza igihe akiriye.

Mu gihe cyo kuzanzamuka biruhanyije, muri icyo gihe uwo mugabo n'umugore we bahoraga bazaaho buri muni kumusura, bakishyura ibikenewe byose, kugeza ubwo babonye ahembukiye. Ibyo byatumye bamukunda nk'umwana wabo wari umaze gukira neza. Nuko bombi bafata icyemezo cyo kumujyana iwabo, dore ko atagiraga ababyeyi be. Bamaze gukoresha anketi igaragaje ko atagira umuryango. Nta wari uzi iyo aturutse.

Nuko igihe kimwe ahinduka umwana wabo. Bamuzana iwabo bishimye cyane, dore ko abana babo bose bari baramaze kuba bakuru bariga, barangiza amashuri ahanitse, bafata imyanya myiza mu buyobozi bw'igihugu. Nta mwana muto bari basigaranye aho iwabo mu rugo. Ariko ubwo uwo mwana bari bamujyanye mu rugo aho iwabo, yagiye atarakira neza ibikomere bye, ku buryo bajyaga bamuzana kwipfukisha aho ku bitaro. Uwo mwana yari amaze kumenyera inzira zose.

Igihe kimwe, ubwo uwo Mudamu yari mu rugo wenyine kandi afite akazi kenshi, kandi uwo mwana yagombaga kwipfukisha, Madamu yamuhaye amafaranga yo kwipfukisha, amadorari hafi abiri. Nuko ayapfunyika mu kiganza cy'umwana, ati : uyishyure nibamara kugupfuka ibikomere. Nuko umwana aragenda kuko inzira yari ayizi. Ariko ubwo yari amaze gufata ikorosi, arenze iwabo aho, yapfunduye mu kiganza cye, areba ya mafaranga, abona ari menshi cyane, kubera ko atigeze abona angana atyo. Nuko afashamo, ariruka, afite igitekerezo cyo kutazongera kugaruka aho iwabo ukundi. Kandi uwo mugiraneza yari yariyemeje kuzamukorera byinshi, akamurihira amashuri kugeza muri kaminuza, kandi akazamuha n'umunani we kimwe n'abandi bana be. Nuko ibyo byose uwo mwana abyihombye kubera utwo dufaranga duke gusa tutanageze ku madorali abiri ".

ZIRIKANA :

Nguko uko natwe abana b'abantu twivutsa imigisha yacu Imana yatugeneye, ahubwo tugahitamo umunezero, cyangwa iraha ry'akanya gato cyane. Iby'iy'isi byose ni iby'igihe gito cyane. Ubigereraniye n'ibyiza by'ijuru, nta n'ubwo dukwiriye kuba twavugaga ngo ni agatonyanga gato mu nyanja (océan). Kuko iby'isi byose bifite iherezo, ariko iby'ijuru byo, ni iby'iteka ryose. Niyo waba utunze ibya Mirenge, uzabisiga cyangwa byo bigusige. Ibyo ni ihame, wabishaka utabishaka.

* Muri iy'isi, abantu bameze nk'uyu mwana, bahitamo nabi ni benshi. Umurage wabo bakawugurana umunezero w'igihe gito cyane, cyangwa iraha ry'igihe gito, ubundi urupfu n'imiruhu bikabatahaho. Abatagira ubwenge Satani arabarembuza, maze akabapfumbatiza igiceri kirimo ubumara bwe ; maze bukabari- mbuza. Ntabwo bareba kure, ngo bahange amaso yabo ku byo Yesu Kristo yasezeraniye abamwizera bose ; ibyo bizahoraho. Wenda wabona harimo abarimo guseka uyu mwana, kandi nabo bameze nkawe ! Bavandimwe mumenye ko ruriye abandi rutabibagiwe ! icyo Imana idushakaho ni ukuyegurira umutima wacu wose hamwe n'impagarike yacu, ubundi ibindi bisigaye ikabyikorera. Mbese weguriye Uwiteka umutima wawe wose ? "

Umwizera wese ntazakorwa n'isoni ". *Abaroma 10 :11.* Mubanze mushake ubwami bw'Imana no gukiranuka kwayo, ibindi muzabyongerwa .

Uwiteka aravuga ati :

" Nzakujya imbere, ahataranginganiye mparinganize ; nzamenagura inzugi z'imiringa, n'ibihindizo by'ibyuma nzabicamo kabiri. Nzaguhira ubutunzi buri mu mwijima n'ibintu bihishwe ahantu haherereye, kugirango umenye ko ariye Uwiteka uguhamagara mu izina ryawe, niyewe Mana y'Israeli. " *Yesaya 45 :2-3.*

* Muri iki gihe ubutunzi bw'Imana buzahoraho iteka ryose , ubu buhishwe amaso yacu. Bumeze nk'ubuhishwe mu mwijima. Abafite amaso areba kure baburebesha amaso yo kwizera mu buryo bw'umwuka, abashobora kubona ibihishwe by'ahazaza ku bizera Imana bose. Ibyiringiro byabo bizababashisha kuzinukwa ibinezeza by'iyi si by'igihe gito ; maze bahange amaso ku murage w'Imana, utaboneshwa amaso y'umubiri wa kavukire. Uko kwizera niko kwatumye Mose, ubwo yari amaze gukura, yanga kwitwa umuhungu w'umukobwa wa Farao, ahubwo agahitamo kurenganywa kimwe n'ubwo bw'Imana, abirutisha kumara umwanya yishimira ibinezeza by'ibyaha. Kuko yatekereje yuko gutukwa, bamuhora Kristo, ari ubutunzi buruta ubw'Abanyegiputa babitse bwose, kuko yatumbiraga ingororano azagororerwa. *Abaheburayo 11 :24-26.*

" Umuntu byamumarira iki gutunga ibintu byose byo mu isi, narimbuza ubugingo bwe, cyangwa n'abwakwaho indishyi ? " *Luka 9 :25.*

IRIMBUKA RIKOMEYE RIDUHANZEHO AMASO !

Uwiteka Imana imaze kuzinukwa iyi si. Nicyo gituma ubu yatangiye GUSENYA ISI. Ibibaho ubu birabihamya. Turi mu isaha iheruka amateka y'iyi si : bidatinze, hagiye kubaho ibyago bikomeye ku isi yose. Abantu batihannye ibyaha byabo ntibazabasha kubikira. Umujinya ukomeye w'Imana ugiye kugwira abatuye isi yose banze imbabazi zayo. Hazabaho akaga gakomeye

cyane kuri bose kagenda kungikanya ubukana. Amahanga yose azababara bumirwe. Ubu imbabazi z'Imana zishigaye igihe gito cyane zigafungwa burundu. Nimushake Uwiteka bigishoboka, nimumwambaze akiri bugufi. Yesaya 55 :6.

Iki ni igihe cyo kwivugurura buri wese ku giti cye. Nti hakiriho igihe ukundi! Ubu Yesu ararwana intambara iheruka na satani. Buri muyoboke wese agomba guhaguruka akarwanirira Shebuja. Niyo mpamvu amasatani (abadayimoni) akajije umurego, hamwe n'ibitso byabo. Natwe ingabo za Yesu Kristo, muhaguruke turwanirire Umwami wacu, buri wese mu byo ashoboye gukora arwanirire shebuja. Niba ushaka icyicarwo mu bwami bwo mu ijuru ugomba kugira uruhare mu murimo w'Imana muri iki gihe. Iki si igihe cyo kwiwicarira ugasinzira. Isi yose ubu irateraganwa mu muraba. Buri wese agomba gufata ingashya ye akagashya kugira ngo ubwato bw'umwami we butere imbere. Koresha uburyo n'imbaraga ufite mu byo ushoboye utere bagenzi bawe inkunga. Nta gihe dufite cyo gupfusha ubusa! Intambara y'amadini niyo igiye kuba rurangiza kuruta izindi ntambara zose zabayeho. Yesu yaravuze ati : " unyanga aba yanga na Data ". Mbese idini yawe nigusenyukiraho uzisunga nde? Ni Yesu se? Cyangwa ni Satani? Bitekerezeho, maze ufate ibyemezo bikwiriye. Ntawe idini izajyana mu ijuru. Hirya gato, abemera gato bose bagiyeye gutakara ku muhanda, bave mu mirongo y'abandi. Wabishaka, utabishaka, uzagira uruhande uhereramo rwose. Mbese ruzaba urwa Yesu Kristo? Cyangwa ruzaba urwa Satani? Agatinze kazaza, ni amenyo ya ruguru. Ahazaza h'ubugingo bwawe uhategura ukiri muzima!

HASIGAYE IGIHE GITO GAHUNDA Y'IY'ISI IGAHINDUKA!

Murabe maso! Bugiye kwira! Mwihatire kugira uruhare mu murimo w'Imana bigishoboka. Mumenye ko abakristo benshi bugiye kubiriraho bakiri mu mayira y'iy'isi banyuramo ; Mu mayira bishakira bahirimbanira iby'iy'isi y'igihe gito. Abakristo benshi barimo kuzarira bazarizwa n'ibigiye kubapfira ubusa! Nti hakiriho igihe ukundi! Kuki mudafatira ku ngero nyinshi

zibakikije? Mbese abubatse amazu hose niko ubu bayatuyemo?
Mbese benshi ntibasize amafaranga yabo mu mabanki, bakajya
kwandagara mu mahanga, none ubu Banki zikaba ari zo
ziyungukira? Nyamara harimo bamwe bayabonye mu nzira
zidatunganye, mu buhemu no mu hugugu bwinshi. Ubu se
byabamariye iki? Iby'iy'isi si byo kwizigirwa.

ICYITONDERWA:

"Mwirinde mutabura iby'imirimo mwakoze, ahubwo muzahabwe ingororano itagabanyije". 1 Yohana 1 :8.

Ntuzarizwe n'iby'iy'isi bigushuka. Dore ubwiza bwa byo burashira! Ba maso Umwami Yesu atagutungura. Yesu yiteguye
kudukiza, ariko nta we abihatira, Kandi niba imitima yacu
ishimikiye ibibi, kubera ko twabigize akamenyero, nta bwo Yesu
azakoresha ingufu ze ngo abidukuremo tutabishaka. None ni iki
kindi yadukorera tutabishaka? Soma Yeremiya 6:21. Yoeli 2:12-13.

"Umunyabibi azafatwa n'ibibi bye, kandi azakomezwa n'ingoyi y'icyaha cyo". Imigani 5 :22.

Yesu yaravuze ati : "Ndagenda, kandi muzanshaka, nyamara muzapfana ibyaha byanyu : aho njya ntimubasha kujyayo". Yohana 8 :21. Soma Yeremiya 6:1. Yeremiya 6:8-11. Yeremiya 45:5.

Umuja w'Imana E.G.White, yeretswe iby'iki gihe, ati :

"Neretswe abemeramana bamwe ko batari bashikamye mu kuri kw'iki gihe. Nabonye amavi yabo ajegera, n'ibirenge byabo binyerera, kubera ko batari bahagaze mu kuri. Ntabwo igishura cy'Ishoborabyose cyashoboraga kubatwikira igihe kirekire, mu gihe barimo badandabirana batyo". Inyandiko za kera, P. 44.

"Satani yakoraga uko ashoboye kose kugira ngo abakomereze aho bari, mu byimbo barimo, kugeza ubwo igihe cyo gushyirwaho ikimenyetso ku bwoko bw'Imana kizaba kirangiye. Maze ntibazabashe gukira umujinya w'Imana ukaze uzagaragarira mu byago birindwi by'imperuka". Inyandiko za kera P.44.

Ibyo wiziringamo byose, byiziringemo ubivamo bwangu ; kuko igihe cy'imbabazi ku banyabyaha kigiye kurangira. Imana ntizahora iruhanya n'abantu. ayo mahirwe ukinisha, uzayashaka utakiyabona!

"Uwiteka Imana yatangiye kujugunyira ubwoko bwayo igishura cyo kubarinda, bazihishamo ku munsu w'irimbukiro rikaze. Umwami azarengera bikomeye abe ; ariko azareka satani na we arangize umurimo we". *Inyandiko za kera P.44.*

Uwiteka aravuga ati : Mwitondere iby'ukuri, mukore ibyo gukiranuka, kuko agakiza kanjye kari hafi, no gukiranuka kwanjye kugiye guhishurwa". Yesaya 56 :1.

Turi mu masaha aheruka gahunda y'iy'isi.

"Nuko, garukira Imana yawe: komeza imbabazi no kutabera, kandi ujye uhora utegereje Imana yawe" *Hosea 12:6.*

Mbese umuntu abasha kubana n'Imana ye ate? Mbese ujya ubana na Yesu iteka? Umenye ko ni utamukurikira, utazabana nawe! Yaravuze ati: "umuntu nankorera, ankurikire, kuko aho ndi, n'umugaragu wanjye ariho azaba". *Yohana 12:26.* Yesu ashaka ko tubana ubu. Ntabwo uzabana nawe ku munota wa nyuma utarabyitoje mbere. Muja mubona amakorali iyo atagize imyitozo ko atabasha kuririmba neza. Muja mubona abakinnyi b'imipira; iyo batitoje cyane, baratsindwa. Nawe n'utitoza gukurikira Yesu, ntabwo uzabana nawe!

Bidatinze hagiye kubaho ikintu kidasanzwe kuri iy'isi. Irimbuka rikomeye riduhanzeho amaso! Iy'isi, igiye kugwirirwa n'ishyano ritigeze ribaho. Ibyago bikomeye bitigeze bibaho biturutse ku Ishoborabyose, bigiye kugwira abatuye iy'isi bese! *Soma Yoeli 3:14-16. Amosi 6:3-7.*

Uzahungira kuri nde ngo agukize? Umujinya ukomeye w'Imana ugiye kugwira ibinanirama byose. Abanyabyaha ntibazabasha kubikira. Itangazo rikomeye nirimara gutangazwa ngo : uwera nakomeze yezwe, n'uwanduye nakomeze yandure,

ntabwo kwihana ibyaha no kugirirwa imbabazi bizaba bigishoboka , kuko imbabazi ku banyabyaha banze kwihana zizaba zarangiye. Hazakurikiraho umujinya w'Imana uzaza wibasiye inkozi z'ibibi gusa.

"Dore hazaba umunsi utwika nk'itanura!" Malaki 4:1.

" Amahanga azatwika nk'uko batwika ibishwagara, kandi nk'uko amahwa atemwa agatwika n'umuriro". Yesaya 33:12

Amahanga yose azababara bumirwe. Mbese icyo gihe uzaba warageze mu bwishingizi bw'Imana? Bitekerezeho none uyu munsi bigishoboka. "Nibwo bazatakira Uwiteka, ariko ntazabasubiza; icyo gihe azabima amaso, abihwanye n'inabi bagize mu mirimo yabo yose". Mika 3:4.

Imbabazi z'Imana zisigaje igihe gito zikarangira! Mu gihe gito bizaba bitagishoboka kugira icyo dukorera Imana. Imana igiye kuba kure y'abanyabyaha banze imbabazi zayo. Bugiye kwira! Yesu aravuga ati : *"hasigaye umwanya muto umucyo ukiri muri mwe. Nimugende mugifite umucyo butarabiriraho mukiri mu nzira, kuko ugenda mu mwijima atamenya iyo ajya"*. Yohana 12 :35.

IKI NI IGIHE CYO GUSHAKA AGAKIZA BIGISHOBOKA !

MWIRINDE KUBIBA UMUYAGA, MUTAZASARURA SERWAKIRA!

Nubwo dukenera ibintu, icyadufasha kuruta ibindi byose muri iki gihe nuko twakomatana na Yesu. Ibintu by'isi bigira iherezo ; ariko iby'ijuru byo ni iby'iteka ryose. Ibyaremwe byose, n'isi n'ijuru, bifite iherezo! Abantu benshi bararemerewe ; bakeneye kuruhurwa. Abapfa bagapfa, abakira bagakira. Imana yamaze gufata icyemezo kidakuka.

" Bazabona ishyano! Kuko bayembayembye nkababura. Nibarimbuke, kuko bangomeye; naho nifuzaga kubacungura, barambeshyeye."
Hosea 7:13.

Iki si igihe cyo gushaka ifeza n'izahabu. Iki nicyo gihe dukwiriye gushaka agakiza k'Imana no gukiranuka kwayo, tukabigira iby'ibanze mbere y'ibindi byose. Iki ni igihe cyo

gushaka Imana bigishoboka ko ibonwa. Yesaya 55 :6.

"Nzagenda nisubirire iwanjye, kugeza ubwo bazemera igicumuro cyabo, bagashaka mu maso hanjye: nibabona ibyago, bizabatera kunshaka hakiri kare." Hosea 5:15.

Muri iyi myaka ishize abanyarwanda bashatse ibintu n'amafaranga barabihirimbanira, bagafata iminsi n'amajoro bakora ubudahwema kugira ngo bagere ku mugambi wabo, ariko ibyo tubona hanze aha birahagije ko abantu bari bakwiye kwiyegezeza Imana kuruta uko biyegezeza isi. Benshi bari abatunzi, ariko iyo uhuye nabo, bamwe usanga basa n'abarwaye bwaki y'ubutindi. Ifeza n'izahabu ntabwo bagifite ; ariko ufite Yesu muri we, ntawe uzamumunyaga! Isi irashirana no kwifuza kwayo, ariko uwizera Yesu, ntazakorwa n'isoni. N'ubu abantu barakora amanywa n'ijoro ubudahwema, isi barayibyaza ibyo idafite! Umururumba no kutanyurwa byiganje mu mitima yabo. Ariko ku iherezo, bazasanga byose ari ukurushwa n'ubusa. Ni nko kwiruka inyuma y'umuyaga. Umubwiriza 1 :2-3, 14.

Uwiteka arabaza ati: "Mbese, abantu babiri bajyana batabisezeranye?" Amosi 3:3.

Mureke tugirane amasezerano n'Imana yacu bigishoboka!

Benshi bihandisha imibabaro y'isi, kubera kurarikira ibikomeye ; ntibemere kubana n'ibyorohereje. Nta wundi utanga urukingo rwo gukunda iby'isi, keretse YESU; kuko niwe wanesheje isi.

32. KWIZERA BIJYANA NO KWIRINGIRA. WIZERA NDE? WIRINGIRA NDE ?

" Arababwira ati : ndababwira ukuri yuko, nimudahinduka ngo mumere nk'abana bato, mutazinjira mu bwami bwo mu ijuru ". Matayo 18 :3.
UMUNTU YAMERA NK'UMWANA MUTO MU BURYO KI ?

" Abashakashatsi b'ibimera, barimo bakora ubushakashatsi bwabo mu karere k'imisozi. Ubwo bagendaga, bari bashagawe n'abana bato bafite amatsiko yo kureba ikibazanye aho mu karere

kabo. Nuko bageze ahanu, baza kubona *IKIMERA GITEYE AMATSIKO*, ariko cyari cyameze ahanu baruhije kugera mu bihanamanga by'imisozi. Kuko batabashaga kuhagera, babwira umwana muto kuja kukirandurayo, amanukiye ku mugenzi bari kumuzirikaho noneho bakawufata, bakamumanura buhoro buhoro, kugeza aho akigereyeho. Babisaba uwo mwana. Nuko arababwira ati : nemeye kuja kubazanira icyo kimera, ariko sinshobora kujyayo, atari Data ufashe uyu mugenzi niziritseho. Nuko babisaba se, nawe arabyemera. Uwo mwana abona kwemera kumanuka muri wa muhora, arandura cya kimera bifuzaga, nuko bamugarura ku gasozi aho bari bahagaze. Agihereza se yishimye cyane. Nuko bamuha igihembo cy'ishimwe. "

Uyu mwana yizeraga se, kandi akamwiringira rwose. Ntabwo yakundiye abo bashakashatsi kumufatira umugenzi se adahari. Ntabwo yabizeye, ntabwo yabiringiye. Ariko se amaze kuhagera, yamanutse ku mugenzi anezerewe, kandi nta nkeke afite, kuko yari azi ko se adashobora kurekura umugenzi aziritseho.

- Mbese wizera Yesu, nk'uko uyu mwana yizeraga se ?
- Mbese wiringira Yesu, nk'uko uyu mwana yiringiraga se ?

Yesu yaravuze ati :

" *Mwizere Imana nanjye munyizere* ". *Yohana 14 :1.*

Uwizera Yesu, ntazakorwa n'isoni. *Abaroma 10 :11.* Uwiteka Imana iravuga iti : " Nzi imirimo yawe n'uko ufite izina ry'uko uriho, nyamara ukaba uri intumbi. " *Ibyahishuwe 3 :1.*

Wowe se, bite byawe?

Nikoko, iyo ureba abakristo aho bateraniye mu nsengeru n'ahandi ushobora kuvuga ko " *NTA KIBAZO* " ! Ariko wabacengeramo imbere, ubaza umwe umwe, ugasanga ibibazo ari ishyano ryose ! Ibibazo bijyana n'imyizerere yabo. Bigishwa bimwe, ariko ntibizera kimwe. Biblia yera ni imwe ibigisha kimwe ivuga kwizera bijyana no kwiringira.

**KWIZERA GUFITE IMBARAGA NYINSHI
ZITERA UMUNTU KWEMERA IBYO YIZERA.**

Igihe kigiye kugera, dusarure ibyo twabibye. Dukore imirimo ibyawe no kwizera gukiza. Tuvuganira n'Imana mu ijamba ryayo Biblia Yera. Twirinde kugaragara gusa inyuma nk'abana b'Imana, ariko mu mitima ricyeka. Ukwizera kwacu ntikubasha gukura igihe imitima yacu igipfunditsemo ibyaha twiyiziho, kandi tudashaka kureka. Mureke turimbishe imitima yacu, kugira ngo Yesu dukunda anezerezwe no kuyituramo ikubuwemo iyo myanda y'ibyaha yose nibwo hazabamo ukwizera gukiza. Murimbishe imitima yanyu kuruta uko murimbisha insengero. Insengero zubakwa ku isi zose zizasenyuka, ariko urusengero rw'ukuri, umutima wawe, nirwubakwa ku kwizera kwa Yesu Kristo nta kizakujegajeza na kimwe : kuko ibidashobokera abantu, bishobokera Imana. *Soma Imigani 11 :21.*

HARI IKIBAZO ! IKIBAZO KIRI HE ?

Mbese Yesu aje iwawe akakubwira ati : ko mwahoraga muvuga, musaba ngo nze, none se ubu nze? Aho benshi ndetse kimwe nawe, mwamusubiza ngo : Mwami Yesu ngwino ! None se niba tutashobora kumubwira ngo naze, ese tuzabivuga ryari? Wabishaka, utabishaka, Yesu azaza ku munsu n'isaha bitazwi n'umuntu uwo ariwe wese! Ndetse mwitonde umunsi tutiteguye, niwo Yesu Kristo azaziraho!

Ibibazo bibuza abantu kwizera Yesu biriho kandi biza-komeza kubaho. Buri wese afite ibibazo bye mu mutima we, ahora age-rageza kubishakira ibisubizo, ariko ntabwo abasha kubyike-murira. None se bizashira ryari? Gihe ki? Amasaha y'iyi si arahita yihuta, ashyira iherezo rya byose. Bibaye ngombwa ko aba aritwe twemerera Yesu ko aza, twabyemera ryari? Ibibazo bizakomeza kubaho kugeza ubwo Yesu Kristo azabicamo akaza ku munsu n'isaha tutazi. Ibibazo kikugezeho uyu munsu wa none n'iki, ngo mbese Yesu aje, yasanga umwiteguye? Cyangwa se, azasanga ukiri mu bibazo? " *Nuko namwe mwitegure kuko igihe mudatekereza ari cyo umwana w'umuntu azaziramo* ". Matayo 24 :44.

33. NTA KINANIRA IMANA !

"Dore ndi Uwiteka Imana y'ibifite inubiri byose; mbese hariho ikinanira?" Yeremiya 32:27.

GIRA ICYO UKORERA IMANA, NAYO IZAGUFASHA.
TERA INTAMBWE YA MBERE!

"Uwiteka aba hafi y'abamutakira bose. Azasohozza ibyo abamwubaha bashaka; kandi azumva gutaka kwabo, abakize. Uwiteka arinda abamukunda bose; ariko, abanyabyaha bose azabarimbura". Zaburi 145:18-20.

"Umwami ahimbazwe, utwikorerera umutwari uko bukeye, niwe Mana itubera Imana y'agakiza, idukiza kenshi; kandi Uwiteka Umwami, niwe ubasha gukura umuntu mu rupfu". Zaburi 68: 19-20.

"Kandi ni wowe, Mwami, ufite imbabazi; kuko witura umuntu wese ibikwiriye umurimo we". Zaburi 62:12.:

"Ikoreze Uwiteka umutwari wawe, nawe azakuramira. Ntabwo azakundira umukiranutsi kunyeganyezwa". Zaburi 55:22.

Yesu yaravuze ati:

"Kuko umuntu wese ugira isoni zo kunyemera no kwemera amagambo yanjye, umwana w'umuntu nawe azagira isoni zo kumwemera, ubwo azaza afite ubwiza bwe, n'ubwa se, n'ubw'abamaraika bera." Luka 9:26.

"Umuntu nashaka kunkurika, yiyanjye, yikorere umusaraba we, ankurikire: kuko ushaka kurengera ubugingo bwe, azabubura, ariko utita ku bugingo bwe ku bwanjye, azabubona". Matayo 16:24-25.

Nta kinanira imana koko!

"Nzakujya imbere, ahataranganaye mparinganize; nzamenagura inzugi z'imiringa, n'ibihindizo by'ibyuma nzabikamo kabiri". Yesaya 45:2.

Ni ukuri koko, nta kinanira Imana. Hahirwa uwiringira Uwiteka, Uwiteka akamubera ibyiringiro.

"Imana niyo buhungiro bwacu n'imbaraga zacu, ni umufasha utabura kuboneka mu byago no makuba." Zaburi 46:1.

"Kuko iyi Mana ari Imana yacu iteka ryose. Niyo izatuyobora kugeza ku rupfu". Zaburi 48:14.

UWITEKA YACAKIYE GRENADE BARI BATEYE PASITERI,
NTIYATURIKA!

"Umupasiteri umwe bamuteye grenade ntiyaturika, igihe abagizi ba nabi bari baje kumwica. Ni koko, Uwizera Yesu ntazakorwa n'isoni! Ubwo uyu mupasiteri yari amaze kwiragiza Imana, nijoro ubwo yari agiye kuryama mu cyumba cye yari acumbitsemo, abagizi ba nabi baraje, bamena ikirahuri cy'idirishya ry'icyumba yari aryamyemo, nuko bajugunyamo igisasu cya grenade, kugira ngo kimuhitane. Ariko habaye igitangaza gikomeye! Uwiteka yahise acakira icyo gisasu ntiyaturika, kandi cyafunguriwe gusandara! Ba bagizi ba nabi bategereje ko giturika baraheba, burinda bucya kitarasandara! Nuko uwo mupasiteri asohoka mu cyumba cye ashimira Imana bikomeye, ku bw'igitangaza yamukoreye. Yaravuze ati:

"Abazi izina ryawe bazakwiringira, kuko wowe, Uwiteka, utareka abagushaka". Zaburi 9:10.

"Nzajya ndyama nsinzire nziguye, kuko ari wowe wenyine, Uwiteka umpa kuba amahoro". Zaburi 4:8.

Nk'uko Imana yarinze Daniel mu rwobo rw'intare ntizimurye, ikarinda Saduraka, Meshaki na Obedinego gukongorwa n'umuriro w'itanura, niko nawe ishobora kukurinda ikibi cyose.

NTITWAHAWE KWIZERA YESU GUSA, AHUBWO TWAHAWE NO KUBABAZWA KU BWE.

"Umukristo witwa Germain NKUNDAKOZERA mu igihe yari ahanganye n'ikigeragezo ku myizerere ye. Uyu mukristo ni umudiventiste w'umunsi wa karindwi. Satani yamushoyeho urugamba rujyana n'imyizerere ye. Ubwo yari amaze igihe gito avuye mu bushomeri, Satani yahise amufatirana kugira ngo vongere amukure ku kazi keza yari abonye. Yari yahawe

umushahara mwiza, n'ubwo atawuhembwe igihe kirekire. Yahembwaga amafaranga ibihumbi birenga magana biri, akishyurirwa inzu, agahabwa imodoka y'akazi, ndetse agahabwa n'amafaranga yo kwishyura telefone. Ni ukuri yari afashwe neza. Nta kibazo yari afite mu byo akora: kuko yari abishoboye, akora ibyo azi, kandi afitiye ubushobozi. Umukoresha we yaramwishimiraga mu byo akora akiranutse. Ariko Satani we yarimo akubita agatoki ku kandi, acura umugambi wo kumukoma mu nkokora.



NTITWAHAWE KWIZERA YESU GUSA, AHUBWO TWAHAWE NO KUBABAZWA KU BWE.

Nuko umunsi umwe umukoresha ati: kubera impamvu z'akazi, ugomba kuzaza gukora ku ISABATO itaha. Nuko Germain asa n'ukubiswe n'inkuba! Ku mutima ati: nguyu Satani yaje! Nuko asubiza umukoresha we ati: ntabwo nanze akazi, ariko imyizerere yanjye, nk'uko nabibamenyesheje, ntabwo inyemerera gukora ku ISABATO. Undi ati: tuzaba tureba. Igihe kigeze, Germain abyuka asenga Imana ye ati: Uwiteka, akazi niwowe wakampaye, kandi nzi rwose ko ubishatse nakomeza kugakora, nubwo umwanzi Satani yanteye, ariko nemeye amategako yawe harimo n'iyi SABATO nziza, nubwo nari nkunze akazi, ariko mpisemo kukumvira uko byagenda kose. Biba uko ushaka. Amen! Yumva umutima ugiye mu gitereko.

"Nugamburura mu makuba, gukomera kwawe kuba kubaye ubusa".
Imigani 24:10.

Nuko Germain n'umuryango we bigira mu isabato gusenga. Kuwa mbere, bahise bamuhamagaza mu buyobozi, bamubaza impamvu z'agasuzuguro ke, abasobanurira ko atari ugusuzugura, ahubwo ko adashobora kurenga ku itegeko ry'Imana yemera ngo agubwe neza. Ubwo bongeye kumwihaniza, bamubwira ko icyo bareba ari akazi atari iby'amadini. Ngo uzahitemo kimwe. Yakomeje icyemezo cye, amasabato menshi bamwihaniza, abirengaho, ariko kandi kubera ko yakoraga akazi ke neza, bagashaka kumwirukana, ubundi bakabireka. Satani abonye uko bimeze, amufatira ku gihe cy'irangiza ry'igeragezwa; bati: nutemera gukora ku isabato, ntabwo tuzagusinyira Satani yari yabonye impamvu zo kumuhirika!

Nk'uko babivuze, igihe cyarageze, baramuhamagara, bamubwira ibyemezo byafashwe, nuko arababwira ati: nabonye ko tutazashobokana kuri icyo kibazo, none jye nahisemo gusezera ku kazi ku bushake bwanjye. Abasezeraho, arataha asubira mu bushomeri kubera isabato yera y'Imana. Abakozi bagenzi be bose baramusetse cyane ngo ni ikigoryi. Ariko we ati: iyampaye aka kazi, ishobora kumpa n'akandi, kandi naho itakampa, ishobora kuntungisha ubushobozi bukomeye. "Ibikwiriye ni ukumvira

Imana kuruta abantu". *Ibyakoze* 5:29. Ubwo Satani aba afunze urugi, ariko Uwiteka yahise afungura urundi.

Ni ukuri, yamaze igihe gisaga umwaka ari umushomeri, benshi bamuseka, ariko Uwiteka yakomeje kumufasha cyane, kugeza ubwo yongeye kumuhesha akandi kazi. Ubwo navuganaga nawe, yarambwiye ati: Ubukristo si ikinyenga! Ahubwo ni ugufatanya na Yesu mu mibabaro ye, no kwiyinga ku bwa Yesu, no kubw'ubutumwa bwiza. Ntabwo tugomba kwinubira amahwa aduhanda mu rugendo turimo, kuko ayo mahwa aduhanda yabanje guhanda Umwami wacu Yesu".

"Hahirwa uwiringira Uwiteka, kandi ntahindukirire abibone cyangwa abiyobagiza gukurikiza ibinyoma". Zaburi 40:4.

"Irokora abarengana, ikabakura mu makuba, kandi akarengane gatuma ibaziburira amatwi". Yobu 36:15.

GENZURA:

Mu bigeragezo bikomeye biriho muri iki gihe, ikigeragezo cy'IFARANGA nicyo gifite umwanya wa mbere. Kubera imibereho ikomeye, bituma ndetse n'abayobozi b'amadini amwe bemera kugomera amategeko y'Imana kubera inyungu zabo, akazi n'ibindi. Kubona umuntu wikura ku kazi ubu kubera ISABATO ntibyoroshye! Ariko Imana ishaka ko dutanga ubuhamya ku myizereze yacu, kugira ngo bukomeze abakiri bato mu by'umwuka. Twese turamutse turengeye inyungu zacu mu by'ubu buzima, ntitwite ku nyungu z'ubutumwa bwiza, ni ukuri rwose ukuri kw'Imana kwasibangana mu mitima y'abantu. Hagomba kuboneka ibitambo bizira guhamya no guhagararira ukuri kw'Imana, bona n'ubwo bahasiga agatwe; kuko ushaka kurengera ubugingo bwe azabubura; ariko utabwitaho ku bw'ubutumwa bwiza azabubona.

Q: Mbese nawe witeguye kurengera ukuri kw'Imana aho ukora, mu bo mugendana, mubo mubana, ndetse no muri bene wanyu bose? Ukwizera kwa buri muntu wese kuza-shyirwa ku gipimo, nasangwa adashyitse, ni ukuri nta ngororano azahabwa.

Ikigeragezo nk'icyo nanone cyageze ku mukristo wakoraga muri BRALIRWA, ku Kicukiro, arwana intambara nziza, ahamya Yesu no kwizera kwe; nubwo amahereze yaje gukurwa ku kazi, ariko Yesu yari yamaze kumushakira akandi, ndetse bamusezereye yamaze gutangira ahandi yamwohereje nanone kuvuga ubutumwa; ndetse n'ubu aracyashikamye mu murimo w'Imana. Iyo utsinze ikigeregezo wongererwa imbaraga nyinshi; ariko iyo kigutsinze, uba umeze nk'inyoni ivunitse ibaba rimwe, igasigara igurukisha rimwe gusa, naryo rifite imbaraga nke! Ndakubwira ukuri ko nudahamya Yesu aho ukora, ntabwo Yesu azabura abamuhamya, kandi umurimo we uzakomeza gukorwa nubwo nta ruhare rwawe ruzaba rurimo. Imana izi abayo! Mbese muri abo, nawe waba urimo? Imirimo yawe izabyerekana.

HARI ICYO IMANA IGUSHAKAHO: UBUHAMYA BWIZA.

Imana ishaka ko tuvuga ibyo yadukoreye. Ishaka ko tuyajya gutanga ubuhamya bw'icyo yadukoreye hirya no hino muri bene wacu, no mu bo dukorana, tubana. Ubwo Yesu yirukanaga abadayimoni benshi mu muntu (*Mariko 5:1-20*), uwo muntu amaze gukira yashatse gukomeza kwibanira na Yesu, ariko Yesu ntabwo yamukundiye, ahubwo yaramubwiye ati: "witahire, ujye mu banyu, ubabwire iby'Imana yagukoreye byose, nuko ikubabariye. Aragenda, atangira kwamamaza i Dekapoli ibyo Yesu yamukoreye byose? Abantu bose barumirwa. *Mariko 5:19-20*.

IKIBAZO: HARI ABAKIRA, BAKARYA BONYINE, NTIBEMERE KUGABURIRA N'ABANDI?

- Ko Yesu afite ibyo yagukoreye na we uzi, ubu umaze kubibwira abantu bangahe? Cyangwa urituramiye? Wabwiye bande ibyo Imana yagukoreye? Ko wamenye inkuru nziza ya Yesu, akaba yarakugiriye ubuntu, wowe wagiriye bangahe ubuntu? Umaze kubwira bangahe iby'urukundo rwa Yesu yakunze abanya-byaha, ndetse akemera kubitangira ku musaraba? Umenye ko nutabivugaga, abandi bo bazabivuga! Uriya muntu Yesu yohereje mu be kuvuga ibyo Imana yamukoreye, yaremeye aragenda, atangira kwamamaza ibyo azi byose Imana yari imaze kumukorera, abari

batabizi barabimenya. Mbese na we wamamaza ibyo wamenye byose? Cyangwa uvuga bimwe, naho ibindi ukabitinya, kubera isoni, ubwoba, no kuba byagukoraho ngo wabaye umurokore? Ese, aho na we ntiwanga kuvuga ukuri uzi, kugira ngo utakuzira? Wenda bakakwirukana ku kazi, ukaba umushomeri?

Niwanga kuvuga ukuri uzi, Imana izahagurutsa undi akuvuge, kandi ako kazi ubundikiye, amaherezo uzakavanwaho rwose. Kuko umeze nk'inkoko ibundikiye amagi itateye! Ku munsu w'amateka uzakagurukana n'uyu muntu Yesu yakijije abadayimoni, maze agutsindishe. Uzakagurukana n'Aburahamu wumviye Imana, akemera gutanga umwana we w'ikinege ngo atambwe, kandi na we yari yaramubonye ageze mu zabukuru, atakibyara! Ariko wowe wirukanywe ku kazi, kandi ushoboa kubona akandi igihe ukiri muzima, kandi Imana niyo itanga byose. Niwanga kuyemera no kuyihamiriza abandi, uzaba witandukanije n'isoko y'imigisha ubona; uzasigara wikoreye amaboko masa! Nuko rero ibyo wamenye, bimenyeshe n'abandi, kugira ngo izina ry'Uwiteka rihimbazwe ku isi yose.

NTUKAGIRE ISONI ZO GUHAMYA UKURI WAMENYE NUBWO BAGUSEKA

"Nugamburura mu makuba; gukomera kwa we kuba kubaye ubusa". Imigani 24:10.

"Umudamu umwe utuye ku Gakinjira ka Nyarugenge yamaze kuba Umudivantiste, ahura n'ikigeragezo cy'imyizerere ye. Umukobwa we wari usabwwe, yagombaga gushyingirwa ku isabato. Hari havutse ingorane ebyiri: isabato yera y'Imana ingira. Ijuru ryari rimuhanze amaso, ndetse na Satani n'ingabo ze, kugira ngo barebe uko abyifatamo. Uwo mubyeyi yagize ubutwari bukomeye: yagiye mu cyumba cye, arasenga, arangije, yambara imyenda ye, afata Biblia n'indirimo, arasohoka ajya guterana n'abandi mu rusengero rw'Imana; asiga umukobwa we arira, hamwe n'abaje kumwambarira no kumuherekeza. Abantu bose

bari aho barumirwa! Bamwe bati: Ni ukuri yaramaramaje gukurikira Yesu kuby' isabato! Kuko nta wundi twari twumva wagize ubutwari nk'ubwe. Bamwe baramukurikiye, baramubaza bati: koko, nta soni ugiye mu isabato? Arabasubiza ati: "ibikwiriye ni ukumvira Imana kuruta abantu". *Ibyakozwe* 5:29.

Ntabwo amaranga mutima n'isano mfitanye n'umukobwa wanjye bigomba kunteranya n'Umuremyi wanjye. Arigendera! Umukobwa ashyingirwa n'abandi. Ku mugoroba isabato irangiye, nibwo yagarutse kureba uko byagenze. Bamubonye, baramuseka bati: mukristo araje! Arababwira ati: ijambo ry'Imana rivuga ngo: "ntimukifatanye n'abatizera mudahwanye: mbese gukiranuka no gukiranirwa byafatanyaga bite? Cyangwa umucyo n'umwijima byabana bite?" 2 *Abakorinto* 6:14. "Nuko muve hagati ya bandi, mwitandukanye, niko Uwiteka avuga". 2 *Abakorinto* 6:17.

Nta bukwe bwo ku isabato Abadiventiste bose twemererwa gutaha: kuko ni umunsi wera w'Imana. Ntabwo twemererwa no gutaha ubukwe bw'abo tudahuye kwizera. Ku ISABATO nubwo baba ari abana bacu, cyangwa abavandimwe n'inshuti, ntitwemererwa kwifatanyaga na bo mu mihango ya bo. Nuko bose barumirwa!"

Nawe, Imana igukeneyeho ubuhamya bwiza bw'ukuri wamenye. *Soma Abafilipi* 1:29. Uyu mudamu azatsindisha benshi bagiye bafatwa n'isano mu by'umubiri, maze bagakora ibinyuranyije n'amategeko y'Imana. Isano mu by'umubiri ntigomba kuzimba isano yacu mu by'umwuka. Soma ibyo Yesu yavuze igihe nyina na bene se bari baje kumureba: *Luka* 8:19-21. Bibabere isomo rikomeye mwese. Abakristo nka bo bahamya Yesu badakebakeba, bakarwanira ukuri bamenye nubwo kwabateza ingorane mu mibereho yabo, nibwo Imana yishimira.

Yesu yaravuze ati:

"Umuntu wese ugira isoni zo kunyemera no kwemera amagambo yanjye muri iki gihe cy'ubusambanyi (mu by'umwuka) kandi kibi, umwana w'umuntu nawe azagira isoni zo kumwemera, ubwo azazana n'abamaraika bera afite ubwiza bwa se". *Mariko* 8:38.

"Umuntu nashaka kunkurikira, yiyange, yikorere umusaraba we ankurikire, kuko ushaka kurengera ubugingo bwe azabubura, ariko utita ku bugingo bwe ku bwanjye, azabubona". Matayo 16:24-25.

"Kuko umwana w'umuntu azazana n'abamaraika be, afite ubwiza bwa se, agaherako yitura umuntu wese ibikwiriyeye ibyo yakoze". Matayo 16:27.

"Abazi izina ryawe bazakwiringira, kuko wowe Uwiteka, utareka abagushaka" Zaburi 9:10

IKIBAZO:

Ubu urimo gukora ibiki? Mbese ni ibizaguhesha ingororano nziza, Cyangwa ni ibizakurumbuza?

IMIRIMO UKORA UBU IZABYEREKANA!

YESU KRISTO AGIYE KUGARUKA VUBA! MBESE UBU URITEGUYE?

Hanze habyina umuhanga! Igihe twerekezamo ni igihe gikomeye. Uwimenyereza kubohwa n'iby'isi, ntabwo azabasha kubyikura mu nzara ku munota wa nyuma! Icyo witoza kuba cyo ubu, nicyo uzaba cyo! Ntukibeshye ko uzabasha gucika Satani ku munota wa nyuma! Nk'uko utabasha kwikiza ingeso mbi yakokamyeye, niko utazabasha kwikura mu ngoyi za Satani arimo kukubohesha ubu.

Ubu ni igihe cyo kwisuzuma mbere y'uko twinjira mu karengane. Niba utaritoje kwomatana na Yesu muri byose, ntabwo uzamwiyomekaho ku munota wa nyuma ngo umugumeho: kuko ibigeragezo bikomeye bizaza nk'umuyaga wa Serwakira, bihungabanye imyizerere y'abatuye isi bese, buri wese azagerwaho ku giti cye, icyo utimenyereje, ntabwo uzakimenyereza ubwo; icyo utakoze, ntabwo uzabasha kugikora icyo gihe: kuko ibintu byose bizaba byaramaze guta umurongo w'ukuri.

Yesu Kristo agiye kugaruka! Ikimenyetso cya nyuma kiboneka muri Matayo 24:14. Havuga ngo "Kandi ubutumwa bwiza bw'ubwami buzigishwa mu isi yose, ngo bube ubuhamya bwo guhamiriza amahanga yose, nibwo imperuka izaherako ize". Iki nicyo kimenyetso cya nyuma gisheruka ibindi bimenyetso byose

byahanuwe. None se, wahakana ibyo ute, igihe ubona ibihugu byahoze ari ibihakanamana byamaze kuba ibwemeramana! Ubutumwa bwiza buravugwa bunyujijwe no ku byogajuru (satelite), kandi ibihugu byari iby'abakomuniste nk'URSS n'ibyari biyegamyeho byose ubu byakiriye ubutuwa bwiza, ibihumbi n'ibihumbi birakizwa! No mu Bushinwa na Cuba, ubutumwa bwiza burigishwa. Mu gihe gito, isi yose igiye guheturwa. None se, hasigaye kindi ki? Imana idufashe kandi iduhumure amaso, kugira ngo tubashe kureba kure.

YESU KRISTO ARI HAFI KUGARUKA ! MBESE URITEGUYE ?

"Hahirwa umuntu wizera Uwiteka, Uwiteka akamubera ibyiringiro." Yer. 17:7



UWIGA BIBILIYA WESE AZAYOBORWA NA YESU NUBWO WE
YABA ATAMUBONESHA AMASO YE !



ICYO MBABWIYE NDAKIBWIRA BOSE NTI : **Mube maso !**

IMANA IDUFASHE CYANE KUGIRA NGO TUBASHE KWITONDERA
IBYANDITSWE BYERA , KUGIRA NGO TUBASHE KUGERA IKIRENGE
MU CYA YESU KRISTO UMWAMI'WACU, MAZE UBWO AGIYE KUZA
VUBA KUJYANA ABUMVIYE IJAMBO RYE, TUZANEZEZWE NO
KUMUSANGANIRA KU BICU BYERA, MAZE ATUGORORERE IKAMBA
RY'UBUGINGO BUHORAHO. AMEN !!

UBUNTU BW'UMWAMI YESU BUBANE NAMWE MWESE. AMEN.

NSANZIMANA Felisiani
B.P. 2644 KIGALI - RWANDA

UWIZERA YESU NTAZAKORWA N' ISONI !



Dore, mpagaze ku rugi, ndakomanga. Umuntu niyumva ijwi ryanjye agakingura urugi, nzinjira iwe, dusangire. Ibyah. 3:20

Ubu, Yesu arakomanga ku rugi rw'umutima wawe. Aravuga ati: "Mwana wanjye, nkingurira" ! Mpa umutima wawe! Mbese witeguye kumukingurira no ku muha umutima wawe?

UWIZERA YESU NTAZAKORWA N' ISONI !



Yesu akunda gushyikirana n'imiryango, yemeye kumwakira iwabo. Imiryango yishimiye kumwakira kugira ngo igire ibyo imusobanura bihereranye, ubyerekeye ubwami bw'Imana. Nawe ujye ukunda gushyikirana na Yesu mwihereranye, bizagufasha mu mibereho yawe yose.

UWIZERA YESU NTAZAKORWA N' ISCNI !



Yesu akunda umwisunga wese, akagendana nawe igihe cyose, akamugisha inama mu byo akaora byose. Akunda umwiringira akamugira inshuti magara.

Aho njyanye na Yesu mba amahoro, aho anyobora hose muri iyi isi, njyanye na Yesu ntacyo natinye. Njyanye na Yesu sinatinye urupfu nubwo naba mu mwijima w'icyago. Iyo njyanye na Yesu ndanezerwa. Soma Yesaya 45:2

UWIZERA YESU NTAZAKORWA N' ISONI !



Yesu aha umugisha umwizera wese, umukunda kandi akamwiringira. Ushyikirana na Yesu mu masengesho, Yesu amufata ukuboko kwe, akamukomaza akamuha ubufasha akeneye bwose. Soma: Yesaya 43:25



NSANZIMANA Félisiani

- *Umubwirizabutumwa*
- *Umwanditsi n'umwigisha*
- *Umurwanashyaka wa Yesu*
- *Umugaragu w'Imana*
- *Umukozi w'Imana*

IBIKORWA BYAGARAGAJWE N'UMWANDITSI NSANZIMANA FELISIYANI.

A) IBITABO (LIVRES)

- 1) Uhagaze ute?
- 2) Hunga udapfa!
- 3) Ukurimbuka kwa Yerusalemu!
- 4) Ikimenyetso k'inyamaswa.
- 5) Kora, bugiye kwira!
- 6) Umubatizo w'ukuri ni uwuhe?
- 7) Inzira y'ukuri.
- 8) Uwizera Yesu, ntazakorwa n'isoni!
- 9) Nawe, Yesu aragushaka.
- 10) Umukino ukina ufite iherezo.
- 11) Umukrisito n'amategeko cumi y'Imana.
- 12) Idini y'ukuri ni iyihe?
- 13) Urugo rwa Gikrisito.
- 14) Mbese uwapfuye abasha kuvugana n'abazima bakiri ku isi.
- 15) Aho uhagaze haranyerera!
- 16) La lumière au sein des ténèbres.
- 17) Ibimenyetso by'ibihe by'imperuka.
- 18) Urasinziriye!

IBYIGISHO BYA BIBLIA (BROCHURE)

- 1) Ukuri ku byahishuwe.
- 2) Umukino ukina ufite iherezo!
- 3) Imigambi ya Satani.
- 4) Ifaranga rya Electronic n° 12!
- 5) Itangazo rikomeye n° 1,2!
- 6) Hari ugushaka utitayeho!
- 7) Hari ukurega!
- 8) Kora, bugiye kwira n° 1,2.
- 9) Ikimenyetso k'inyamaswa.
- 10) Amategeko y'Imana.
- 11) Ukurimbuka kwa Yerusalemu.
- 12) Ukuri kwa Biblia ku SABATO n'ICYUMWERU.
- 13) Amashyirahamwe n'Amasendika.
- 14) Ubugingo buhoraho si tombora!
- 15) Hirya y'ejo haduhishe iki?
- 16) Kuki uruguma rw'ubwoko bwanjye rutakize?
- 17) Ugukangura guheruka mu itorero ry'Imana n° 1,2.
- 18) Kuki ushaka gusazira mu bubata bwa Satani?
- 19) Nta gihe dufite cyo gupfusha ubusa n° 1, 2,3
- 20) Aho uhagaze haranyerera!
- 21) Urasinziriye Yesu ari ku rugamba! N° 1,2.
- 22) Hasigaye igihe gito gahunda y'isi igahinduka!
- 23) Urugo rwa Gikrisito.
- 24) Mbese uwapfuye abasha kuvugana n'abazima bakiri ku isi?
- 25) icyo ukora, gikore vuba!
- 26) Wibuke Isabato.
- 27) Le Dimanche, est-ce la loi de Dieu.
- 28) Uwiteka yatangiye gusenya isi kugira ngo abantu bayikureho ibyiringiro byabo.
- 29) Ibimenyetso by'ibihe by'imperuka.
- 30) Ese Umukrisito yemerewe gukora ibya politiki?
- 31) Ese duhishe iki?



B.P. 1876 Kigali
Tél: 570062
Fax: 510212